# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

N°. 5170 MATA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU

Mu 1994, u Rwanda rwasaga nk'urubambwe - Cardinal Kambanda



7

AMAKURU

Mama yarantanze ngo banyice – Ubuhamya bwa Nsengimana Albert




16

AMAKURU

Uruhare rw'Itangazamakuru muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994



26

MU NTARA

"Agahinda ka Mama", igitabo yanditse kuri nyina wahohotewe muri Jenoside



32


# Kwibuka 32: U Rwanda ntirwapfa kabiri - Perezida Kagame

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yavuze ko u Rwanda rudashobora gupfa bwa kabiri kuko n'abariho uyu munsi ari nk'aho bazutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ibi Umukuru w'Igihugu yabivuze ku wa 7 Mata 2026, mu ijambo yagejeje ku bitabiriye igikorwa cyo gutangiza icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Yagize ati: "Ntibibaho, uko utureba uku ntabwo twapfa kabiri. Ari twe bakuru, ari abana bacu, ntawuzabica kabiri ntibishoboka. Tuzabaho nk'uko abantu bakwiriye kuba babaho, nk'uko abandi abo ari bo bose babaho. Byanze bikunze ntawe dusaba kubaho."

Mu ijambo yagejeje by'umwihariko ku bahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda n'inshuti z'u Rwanda, Perezida Kagame yagarutse ku ngingo zitandukanye zigaragaza uburyo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yateguwe, igashyirwa mu bikorwa. Yagaragaje kandi ko imyitwarire y'abayobozi bateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi ikigaragara n'uyu munsi ariko amahanga akaba atayifata mu buremere bwayo.




Perezida Kagame yavuze ko Abanyarwanda batazongera gupfa kabiri, ko uwagerageza kubica yapfa mbere yabo

Soma ibikurikira mu ijambo rya Perezida Kagame mu gutangiza Icyumweru cy'Icyunamo n'Iminsi 100 yo kwibuka ku Nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994:

"Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu

Abahagarariye Ibihugu byabo n'Imiryango Mpuzamahanga mu Rwanda

Nshuti z'u Rwanda

Banyarwanda

Uyu munsi, twongeye guteranira aha ngaha, kugira ngo twibuke.

Ku bari hano, n'abadukurikiye binyuze mu ikoranabuhanga, ndagira ngo mbashimire kuba mwifatanyije natwe, kuri uyu munsi ufite igisobanuro gikomeye mu mateka yacu.

Turashimira by'umwihariko inshuti z'u Rwanda, zidahwema kwifatanya natwe buri mwaka, haba mu kuza kubana natwe cyangwa se mu kutuzirikana.

Ndashimira uwarokotse umaze kutugezaho ubuhamya.

Ubu buhamya budufasha guhora twibuka, kandi buga-

KOMEZA KU RUP.3




airtel

# Kwibuka 32: U Rwanda ntirwa-pfa kabiri - Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.1

fasha n'abazadukomokaho gukomeza gusigasira ayo mateka.

Kwibuka bifite igisobanuro gikomeye ku Gihugu cyacu.

Ni bwo buryo dukoresha mu guhangana, no gutsinda amacakubiri yari agiye kutumara.

Uyu munsi, udutera imbaraga twese.

Dukura imbaraga ku barokotse, bakomeje kutubera isoko y'ubumuntu Igihugu cyacu kivomaho.

Ku barokotse mwese, mumenye ko mutari mwenyine. Turi kumwe namwe, ibihe byose.

Ibyo twagezeho byose, byashobotse kubera ko Abanyarwanda bose bahisemo gushyira hamwe imbaraga, baharanira icyerekezo kimwe.

Twubaha kandi tugaha agaciro uruhare rwa buri Munyarwanda, mu kongera kwiyubaka no kubaka Igihugu cyacu.

Ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi kurigaragaza kandi kuzwi na buri wese.

Abari abayobozi bayiteguye kandi bakayishyira mu bikorwa, bahamwe n'ibyaha mu nkiko mpuzamahanga, hashingiwe ku bimenyetso simusiga.

Inkiko Gacaca zagaragaje uko Jenoside yagenze muri buri mudugudu hose mu Rwanda. Mu myaka icumi Inkiko Gacaca zamaze zikora, handitswe impapuro zirenga miliyoni mirongo itanu, kandi zose zandikishijwe intoki.

Aha ngaha duhagaze, hashyinguye inzirakarengane zazize Jenoside zirenga ibihumbi magana abiri na mirongo itanu.

Kandi mu mwaka wa 2018, Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye yemeje umwanzuro w'uko Jenoside yakorewe Abatutsi yitwa mu izina ryayo nyaryo, uyu mwanzuro ukaba warashyigikiwe n'ibihugu byose bigize



**Perezida Kagame na Madamu Jeannette Kagame bacanye Urumuri rw'Icyizere ruzamara iminsi 100 yo Kwibuka**

uyu muryango, usibye igihugu kimwe gusa.

Uku ni ukuri ntakuka.

Nyamara kugeza n'uyu munsi, turacyabona abantu bayobya abandi, kandi bashaka kugoreka ukuri.

Ibi ntabwo ari ikibazo cy'ubumenyi buke gusa, ahubwo ni ikindi kirenze ibyo.

Ibi bisobanuye ko impungenge zo kongera kubona amateka mabi yisubiramo zihari kandi zifite ishingiro, turamutse, twebwe n'inshuti zacu, twigize ba ntibindeba.

Guhakana Jenoside bitangira mbere y'uko Jenoside ubwayo ishyirwa mu bikorwa.

Byagaragaye kenshi ko abakabaye bakumira aya mahano, birengagiza ibimenyetso biba bigaragara biyabanziriza, cyangwa se bakabifata nk'ibidafite icyo bivuze.

Imvugo z'urwango zikavamo ibikorwa by'urwango, ugasanga birafatwa nkaho ari ukugaragaza ukutishima kw'abaturage.

Imyitwarire yakagombye kwamaganwa ako kanya, ugasanga barashaka uburyo bayisobanura, babigize ibintu bito.

Gutegura ibikorwa by'amahano bigahishwa inyuma y'imvugo zubakiye ku bibazo by'abaturage no ku bwoba.

Igihe ibyo bindi bikorwa, ugasanga hari abashaka kugereranya abahigwa muri Jenoside n'abayiteguye bavuga ko bose ari kimwe.

Ibi byose byari bihari no mu mateka yacu.

Hari n'abashaka kugaragaza ko Jenoside yakorewe Abatutsi yatunguranye. Ibyo ntabwo ari byo. Yateguwe igihe kirekire, kandi ishyirwa mu bikorwa ku manywa y'ihangu.

Ikibabaje ni uko hari bamwe mu bavugaga ukuri muri icyo gihe, ndetse banabihagazeho, babibonye n'amaso yabo, nyuma baje guhinduka abakwiza ibinyoma, bagoreka amateka, ahanini babiterwa n'impamvu za Politiki.

Interahamwe n'indi mitwe yitwara gisirikare yatozwaga ku mugaragaro kandi yigishwa urwango, intwaro zinjizwaga mu gihugu ari nyinshi, kandi Abanyarwanda babirwanyaga bagaterwa ubwoba cyangwa bakicwa.

Mbere ya 1994, abaturage bagiye bamburwa ubuzima mu bwicanyi bwagiye bukorwa inshuro nyinshi kandi mu byiciro, bugamije kumenyereza abantu ko kwica bishoboka, no kureba uko amahanga azabyitwaramo.

Kandi usibye bake cyane bagize ubutwari bwo kubyamagana, amahanga yararuciye ararumira, kugeza igihe byari byamaze kurenga igaruriro.

Mu ntangiriro z'imyaka ya 1960, nyuma y'uko Abatutsi benshi bicwaga abandi bakameneshwa bagahunga, hari amajwi mpuzamahanga, nka Bertrand Russell n'abandi, bavuze ko ibyo byari itsembabwoko rikozwe mu buryo buteguye.

Ibyo byarakomeje no mu myaka ya 1980 no mu ntangiriro za 1990, igihe Abatutsi, barimo Abagogwe mu majyaruguru y'uburengerazuba, bagabwagaho ibitero byateguwe.

Mu mwaka wa 1993, Komisiyo yari iyobowe na Jean Carbonare yakoze iperereza kuri ubwo bwicanyi.

Nyuma yo kubona amakuru ahagije ku bijyanye n'ibyobo rusange byajugunywagamo abishwe, ndetse n'uruhare rw'inzego za Leta muri ubwo bwicanyi, banzuye ko hari Jenoside yari irimo gutegurwa.

Muri uwo mwaka kandi, Intumwa Yihariye y'Umuryango w'Abibumbye, Bacre Waly Ndiaye, yaburiye abantu ko hari propaganda yateguwe, yagaragazaga Abatutsi nk'abanzi, yarimo ikwirakwizwa ku mugaragaro, kandi ko byari ugutegura abaturage kuzakora urugomo n'ubwicanyi ndengakamere.

Muri Mutarama 1994, Umugaba w'Ingabo zari mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda, yohereje icyicaro gikuru i New York ubutumwa bugaragaza ko Interahamwe zari zirimo guhunika intwaro no gutegura urutonde rw'Abatutsi bagombaga kwicwa.

Nyuma yaho, yasabwe kugeza ayo makuru kuri Leta yarimo itegura Jenoside, kandi ategekwa kutagira ikindi akora.

Ikibabaje ni uko n'uyu munsi, hano mu Karere kacu, uburyo babyitwaramo budatandukanye n'uko byagenze icyo gihe, kandi turabibona twese n'amaso yacu.

Jenoside imaze gutangira, imiterere yayo n'ubugome yakoranwaga byahise bigaragara.

Abatutsi bose barahigwaga bazira icyo bari cyo n'uko bavutse. Nta hantu na hamwe hari umutekano, haba no mu nsengero ndetse no mu mashuri.

Uko kuri guteye ubwoba, kurushaho kugaragaza ubumuntu n'ubutwari by'Abanyarwanda bemeye gushyira ubuzima bwabo mu kaga, bagahisha bagenzi babo kugira ngo babarengere.

Icyo Umuryango Mpuzamahanga wahise ukora ni ugufasha abanyamahanga bari mu Rwanda gusubira iwabo, no gukura mu gihugu ingabo nyinshi zari mu butumwa bwo kubungabunga amahoro.

Kuri ETO Kicukiro, ubwo ingabo z'Umuryango w'Abibumbye zahavaga, Abatutsi ibihumbi n'ibihumbi bari bahahungiye baratereranywe, baricwa.



Kandi bene ayo mahano yasubiwemo hirya no hino mu Gihugu.

KOMEZA KU RUP.5

# Kwibuka 32: Ubutumwa bw'Ibihugu n'Imiryango Mpuzamahanga mu Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

UBWANDITSI

*Ibihugu bitandukanye ndetse n'Imiryango Mpuzamahanga byifatanyije n'Abanyarwanda mu Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Bumwe muri ubwo butumwa bukubiye mu nyandiko ikurikira.*

| | |
|---|---|
|  | **Umuryango w'Abibumbye:** Mu myaka 32 ishize Jenoside yakorewe Abatutsi itwara ubuzima bw'abarenga miliyoni. Kuri uyu wa kabiri Umuryango w'Abibumbye wateguye umuhango wo Kwibuka mu guharanira ko Jenoside itibagirana kandi itazongera ukundi. |
|  | **USA:** Mu gihe Twibuka, duhaye icyubahiro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi tuzirikana amahano yakoranywe. Leta zunze ubumwe za Amerika zifatanyije n'u Rwanda muri gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge ikamagana guhakana no gupfobya Jenoside. |
|  | **Afurika yunze Ubumwe:** Afurika yunze Ubumwe yibuka buri mwaka Jenoside yakorewe Abatutsi guhera 7 Mata 2010. Uyu mwaka ni ku nshuro ya 32 twibuka abishwe twifatanya n'abarokotse kugira ngo bitazongera kubaho ukundi haba mu Rwanda, muri Afurika ndetse n'ahandi. Ni n'umwanya mwiza wo kumenya uburyo Abanyarwanda biyubatse. |
|  | **Isiraheli:** Kuri uyu munsi wo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, twifatanyije n'Abanyarwanda ndetse na Guverinoma mu Kwibuka abishwe muri Jenoside. Twibuka abishwe kandi tukifatanya n'abarokotse ndetse n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda mu kubaka u Rwanda. |
|  | **U Budage:** Binyuze muri Ambasade y'Abadage mu Rwanda, hatanzwe ubutumwa bugira buti: "#Kwibuka32 ni umwanya wo guha icyubahiro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse tukazirikana imbaraga abarokotse bakoresheje mu gukomeza kubaho. Ni n'umwanya wo kwibuka inshingano yacu yo kwigira mu mateka, kurwanya urwango no gushyigikira indangagaciro zituma abantu bakomeza kubana." |
|  | **U Bufaransa:** Ambasade y'igihugu cy'Ubufaransa yunamiye hamwe n'u Rwanda miliyoni y'Abatutsi bishwe hagati ya Mata na Nyakanga 1994 ndetse ikaba yifatanyije n'abarokotse. |
|  | **Turukiya:** Twifatanyije n'Abanyarwanda mu kababaro ubwo bibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 32. Turukiya izakomeza kurwanya ibyaha byibasira inyokomuntu. |
|  | **Autsralia:** Binyuze muri Ambasade yayo muri Kenya, Australia yagize iti " Kuri uyu munsi twibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, twunamiye abishwe kandi twifatanyije n'Abanyarwanda mu gihe bibuka. |
|  | **U Bubiligi:** Kuri iyi tariki ya 7 Mata, twibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse n'abishwe kuko batemeye umugambi wa Jenoside. |
| | **Arsenal:** Mu butumwa bwa video ikipe ya Arsenal yagize iti: Ku nshuro ya 32 twibuka Jenoside yakorewe Abatutsi twifatanyije n'Abanyarwanda mu Kwibuuka abishwe. Twibuke Twiyubaka. |
|  | **Estonia:** Estonia iribuka abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda tunifatanya n'abayirokotse. |
|  | **U Bwongereza:** Uyu munsi Ubwami bw'Ubwongereza bwifatanyije n'u Rwanda mu Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi. Twunamiye abishwe ndetse tukubaha imbaraga n'ubudaheranwa by'abarokotse. |
|  | **Antonio Guterres:** Kuri uyu munsi wo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi twibuka abishwe ndetse tukazirikana ubutwari bw'abarokotse. Tugomba kwigira ku mateka, twamagana urwango ndetse n'amagambo ahembera urwango. |
| | **Francophonie:** Tariki ya 7 Mata ni umunsi wo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, twibuka abishwe twiyemeza kwimakaza amahoro, ibiganiro hagati y'abantu ndetse no kurwanya imvugo zihembera urwango. |
|  | **Luxembourg:** Kuri uyu munsi wo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, Luxembourg yunamiye abishwe ndetse izirikana ubudaheanwa bw'abarokotse. Twese dusangiye inshingano yo kwibuka no kwigisha. |
|  | **Sweden:** Uyu munsi turibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, Suwede yiyemeje ko bitazongera kubaho ukundi ndetse ikibuka abishwe na Jenoside binyuze mu kwiga amateka. |
|  | **Danemark:** Mu Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, Danemark izirikana abishwe muri Jenoside kandi izakomeza gushyigikira inzira z'ubwiyunge no kubaka ejo hazaza. |

# Kwibuka 32: U Rwanda ntirwapfa kabiri - Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.3

Iyo izo ngabo ziza kuba zarashyigikiwe kugira ngo zirinde Abanyarwanda, abicanyi bashoboraga kubuzwa gukora ibyo bakoze, kandi benshi mu bishwe baba bakiriho n'uyu munsi.

Iyo urebye abarokowe n'abasirikare b'Umuryango w'Abibumbye bemerewe gusigara mu Rwanda, bigaragaza neza ko byinshi kurushaho byari gushoboka, iyo haza kubaho ubushake bwa politiki.

Ndetse n'igihe ubwicanyi bwari bumaze gufata indi ntera, amagambo yakoreshejwe mu gusobanura ibyari birimo kuba, na yo yerekanye gushaka gukoresha amagambo yumvikana neza ariko aterekana ukuri kw'ibyabaga.

Jenoside ifite igisobanuro mu mategeko mpuzamahanga, kugira ngo ababyumva bibahe inshingano yo gutabara, bagire icyo bakora.

Kurebera icyaha nk'iki kiba, hanyuma ukanga nkana kukivuga mu nyito yacyo uko cyitwa, mu by'ukuri ni uburyo bwo guhakana jenoside, ndetse bishobora no gufatwa nk'ubufatanyacyaha.

Ikoranabuhanga ryari rihari, kandi ryashoboraga guhagarika ibiganiro bya radiyo byakoreshwaga mu kuyobora ubwicanyi.

Indege zifite ubushobozi bwo guhagarika ayo majwi zari ihari. Ababishinzwe bagera n'aho babara amafaranga icyo gikorwa cyari gutwara ku isaha.

Amaherezo, bavuze ko icyo gikorwa cyari guhenda cyane, kandi ko cyashobora no gufatwa nko kuvogera ubusugire bw'u Rwanda.

Ku Banyarwanda, isomo twahakuye ryari riremereye kandi ribabaje cyane, ntiryigeze ryibagirana. Iyo ubuzima bwacu butajyanye n'inyungu z'undi muntu, biba bivuze ko kuri we buba budakwiye kurokorwa.

Ni yo mpamvu byabaye ngombwa ko Ingabo zari iza RPA ari zo ziyobora urugamba rwo guhagarika Jenoside, kandi zikayihagarika koko. Ikidutera agahinda kenshi, ni uko tutabashije kugera aho Jenoside yakorwaga hose hakiri kare.




**Perezida Kagame yibukije amahanga kudakomeza kurebera ibimenyetso bya Jenoside bikigaragara n'uyu munsi**

Uku ni ukuri kw'amateka, gusa n'uyu munsi hari benshi bagifite ubushake buke bwo kukwemera no kukuvuga uko kuri, ku mpamvu natwe tutumva.

Umuco n'imyitwarire biranga Ingabo z'u Rwanda z'uyu munsi byavuye muri ibyo bihe bikomeye.

Ni byo biyobora imyitwarire y'ingabo zacu zikorera no hanze y'Igihugu mu butumwa bwo kubungabunga amahoro, kandi zikaba zaragiye zubahwa hose kubera uburyo zisohoza neza izo nshingano.

Mu by'ukuri, nta bihano cyangwa ibitutsi biturutse aho ariho hose, bishobora na rimwe gutesha agaciro icyubahiro n'ubunyangamugayo by'ingabo n'inzego z'umutekano z'u Rwanda, ziri mu nziza kandi z'indashyikirwa ushobora kubona aho ari ho hose.

Ntegereje kuzabaza abandi bari mu nzego zo hejuru muri iyi si, kugira ngo numve ishingiro ry'akarengane nk'aka.

Abanyarwanda bazi neza ikiguzi cyo kwihanganira ubuhezanguni, kandi ihame shingiro tugenderaho mu by'umutekano ni ugushyira imbere kurengera ubuzima bw'abaturage bari mu kaga.

Nyuma ya Jenoside, Abanyarwanda twahisemo kongera kubaka Igihugu cyacu, twese hamwe. Ibyo kandi bikajyana n'isezerano ryo kutazigera na rimwe twemera ko politiki ya Jenoside yongera kugira aho ishinga imizi mu Rwanda.

Muri uru rugendo, Abanyarwanda twakomeje guhura n'abanenga ibiduturutseho, n'abashaka kugoreka amateka yacu inshuro nyinshi.

Ariko imbaraga tuzahorana iteka, ni ugukoresha ubwenge bwacu kugira ngo tubone ukuri, no gukoresha amajwi yacu tukavuga, iyo tubona hari ikitagenda neza.

Tugomba gusobanura neza ibyago tubona bigihari.

Igihe Leta yakoze Jenoside yatsindwaga muri Nyakanga 1994, abasirikare bayo n'Interahamwe bahungiye hakurya y'umupaka mu cyitwaga Zaïre, bajyana ku gahato n'imbaga y'abaturage babarirwa mu ma miliyoni.

Mu nkambi, bongeye kwisuganya, baza kuvamo umutwe uzwi uyu munsi nka FDLR, hanyuma batangira ibitero byambukiranya umupaka batera u Rwanda, bihitana ubuzima bw'Abanyarwanda ibihumbi n'ibihumbi.

Iki ni cyo gihe cyiswe icy'Abacengezi, kandi umupaka w'Iburengerazuba wabashije kugira umutekano usesuye mu mpera z'imyaka ya 1990, binyuze mu mbaraga n'ubufatanye bw'ingabo zacu n'abaturage bo muri ako gace, bagize ubutwari bukomeye.

Kuva icyo gihe, ingamba zacu z'ubwirinzi zidufasha kwirwanaho no kurinda Igihugu, duharanira ko ibitero nk'ibyo bitazongera na rimwe kugabwa ku Rwanda biturutse hakurya y'imipaka yacu.

Iki ntabwo ari ikibazo u Rwanda rwagombye gukemura rwonyine. Kubikora gutyo ni uguha urwaho ababiri inyuma, mu gihe u Rwanda rwo ruhanirwa ko rwahagurukiye kwirengera no kurinda umutekano warwo.

Mutekereze umuhinzi usanze umurima we wafashwe n'inkongi.

Mu ntangiriro, umuriro uba ukiri muke. Bamwe mu baturanyi bakeka ko bitabareba. Abandi bakavuga ko umuyaga uzahinduka, maze inkongi ikizimya yonyine.

Nuko bagahitamo kurebera gusa no gutegereza. Ariko umuyaga ntuhinduke. Hagati aho, hari n'umuntu uri kongera lisansi [fuel] muri uwo muriro rwihishwa.

Nuko wa muriro ukava mu murima umwe ujya mu wundi, hanyuma ugafata amashyamba, ukagera mu mijyi, ugakomeza ugakwira hose.

Noneho akaba aribwo abantu babona kwiruka bazanye indobo z'amazi, kandi bagatangira no gusaba ko hashyirwaho ishami rishinzwe kuzimya inkongi.

Abanyafurika bakwiriye kumva neza ingaruka zo kurebera no guceceka mu gihe hari urwango n'urugomo ruturuka ku buhezanguni.

Uyu munsi, umugabane wacu ni wo uriho intambara nyinshi kurusha ahandi hose ku isi.

No muri 1994, inzego z'Afurika zananiwe kugira icyo zikora ngo zitabare.

Ibi mbivuze kubera ko guharanira ubusugire bwa Afurika, n'ubwo ari ngombwa kandi bifite ishingiro, bikwiriye no kujyana nuko inzego za Afurika zifata ibyemezo bikwiye kandi byihuse, igihe Abanyafurika bari mu kaga.

Abakora ibibi ntibakwiye kwihisha inyuma y'ihame ry'ubusugire bw'ibihugu, ngo barikoreshe mu guhunga inshingano ku byaha bakora, no kwima abaturage uburenganzira bwabo.

Ntidushobora kwemera kongera gukora amakosa twakoze mu gihe cyashize.

Ingengabitekerezo ya Jenoside iracyakwirakwira mu Karere kacu. Nidafatirwa ingamba, ishobora kongera kudusubiza inyuma.

Hari abavuga ko u Rwanda rukabiriza izi mpungenge, cyangwa ko ruba rufite izindi nyungu zibyihishe inyuma.

Ibi si ibinyoma gusa, ahubwo binagaragaza agasuzuguro gakomeye n'ubugome, byatugejeje ku mahano twibuka uyu munsi.

Ikitubeshaho nk'Abanyarwanda muri iki gihe ni ubumwe bwacu, no kwemera tudashidikanya ko kimwe n'andi mahanga yose, dufite uburenganzira bwo kubaho dutekanye, dufite agaciro, kandi tubanye mu mahoro n'abaturanyi bacu bose.

Icyo dusaba ni uko abafatanyabikorwa bacu bifitanya natwe kurwanya ubuhezanguni n'ingengabitekerezo mbi, aho guhana u Rwanda ruzira ko rwahagurutse rukirwanaho.

Abazadukomokaho, Abanyarwanda b'ejo hazaza, tubafitiye umwenda, urenze kuba turiho.

Bakwiye kuzaragwa Igihugu gitekanye, cyunze ubumwe, kandi cyihagazeho. Ndetse n'Umugabane wa Afurika ushyize hamwe, kandi wifitiye ikizere.

Turabahamagarira mwese gukomeza gufatanya natwe, haba mu kwibuka, no mu bindi bikorwa.

Murakoze. ”

KAMALIZA Agnes

# Uko umugambi wa Jenoside waturutse kuri Perezida Habyarimana kugeza ushyizwe mu bikorwa

***Imyaka 32 irashize kuva habaye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahitanye abarenga miliyoni mu minsi 100 gusa, bigizwemo uruhare n'abari abayobozi mu nzego za politiki n'iza gisirikari, bari barangajwe imbere n'uwari Perezida w'u Rwanda, Juvénal Habyarimana n'abambari be.***

Ishyirwa mu bikorwa ry'umugambi wo kurimbura Abatutsi ntiryari ibanga kuko ryatangazwaga ku mugaragaro n'abategetsi bashize amanga ndetse na Perezida Habyarimana ubwe ntiyatinyaga kubivuga mu ruhame. Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) ishimangira uruhare rwa Perezida Juvénal Habyarimana, mu kubiba urwango mu Banyarwanda no kubatatanya hashingiwe ku moko kugeza ku mugambi nyirizina yari agamije wo gutsemba Abatutsi.

Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr. Bizimana Jean Damascène, kuwa 07 Mata 2026, ubwo hatangizwaga Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yashimangiye uburyo umugambi wa Jenoside yakorewe Abatutsi waturutse kuri Habyarimana kuva mu 1973.

Yagize ati: "Umugambi wa Jenoside waturukaga kuri Perezida Habyarimana kandi byatangiranye n'ubutegetsi bwe. Porogaramu ya politiki ya mbere yayitangaje tariki ya 01 Kanama 1973, avuga ko imitegekere y'Igihugu izashingira ku moko n'uturere. Bivuze ko atari ashyize imbere ubumwe bw'Abanyarwanda."

Minisitiri Bizimana agaragaza ko tariki ya 16 Mata kugeza ku ya 06 Gicurasi 1976, Perezida Habyarimana yasuye Perefegitura zose, Perezidansi ya Repubulika isohoramo igitabo aho ku ngingo y'ubumwe bw'Abanyarwanda, Habyarimana yavuze ko Abatutsi ari bo bateza Abahutu ibibazo.

Icyo gihe Habyarimana yaragize ati: "Kuri icyo kibazo cy'Abahutu n'Abatutsi, abo Batutsi bashotora Abahutu ntibazi ko imvururu zigarutse ari bo byakoraho. Nanone Abahutu ni bo benshi ubutegetsi ni ubwabo."

Ku wa 28 Mata 1991, Perezida Habyarimana yayoboye kongere y'ishyaka rya MRND na bwo yongera gushimangira ko atitaye ku bumwe bw'Abanyarwanda ahubwo yimakaje ubwoko bw'Abahutu. Yagize




Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu

ati: "Ubumwe ntibwashoboka niba ubumwe bw'imbaga nyamwinshi butagezweho. Ubwo bumwe ni yo ntwaro nyakuri yo guhashya umwanzi nkuko dushima ko nta Mututsi wishingikiriza ku karere ni ngombwa ko imbaga nyamwinshi yumva ko igomba kunga ubumwe kugira ngo hato ejo itazasubizwa mu icuraburindi ry'ubucakara."

Minisitiri Dr Bizimana akomeza avuga ko Perezida Habyarimana yashyigikiye ishyaka ry'abahezanguni, CDR, rigashingirwa mu biro bye mu Rugwiro ndetse tariki 22 Gashyantare 1992, basohora itangazo rirwanya ubumwe bw'Abanyarwanda.

Iryo tangazo ryagize riti: "Ubumwe hagati y'Abahutu n'Abatutsi ntibushoboka. Abatutsi bafite ibibazo byabo Abahutu na bo bagomba gushinga amashyaka yabo yita ku bibazo by'Abahutu niyo mpamvu abateraniye muri iyi nteko rusange bemeje ishingwa ry'ishyaka CDR."

Agaragaza ko Perezida Habyarimana n'ishyaka rye batemeraga imishyikirano y'amahoro na FPR Inkotanyi nubwo yoherezaga intumwa za Guverinoma i Arusha muri Tanzania, ariko yahindukiraga akarwanya ibyemezo byafatirwagayo ndetse akamagana Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Boniface Ngurinzira wayoboraga izo ntumwa.

Tariki 05 Ugushyingo 1992, MRND yasohoye itangazo ryamagana imishyikirano; Habyarimana abisubiramo ku wa 15 Ugushyingo 1992, muri mitingi (inama) yabereye mu Ruhengeri atuka Minisitiri Ngurinzira. Yagize ati: "Ntagende afindafinda ibintu ngo yazanye urupapuro ngo ubwo yazanye amahoro. Amahoro se ni urupapuro? Igihe nikigera nzatuma ku nterahamwe maze tumanuke."

Perezida Habyarimana yashyigikiye ishingwa rya Radiyo rutwitsi yabibye urwango mu Banyarwanda ya RTLM, aho yahawe ibikoresho n'inzobere zo kuyifasha muri tekinike n'Abanyamakuru b'abahanga bayikoreye mu bukangurambaga bw'urwango.

Ubutegetsi bwa Habyarimana bwatangije itozwa ry'Interahamwe i Gabiro; bikorerwa raporo ku wa 20 Nzeri 1991, n'Umuyobozi w'Ingabo mu Mutara Col. Nsabimana agaragaza ko hatanzwe imbunda 1,760 muri Komini enye za Byumba, Muhura, Ngarama, Muvumba na Bwisige kandi ko bizakomeza. Tariki ya 04 Ukuboza 1991, Perezida Habyarimana yashyizeho komisiyo abasirikare bakuru 10 ayishinga Col. Bagosora ngo ayiyobore ayisaba kumwereka uko bazatsinda umwanzi. Raporo y'iyo komisiyo yashyikirijwe Habyarimana ivuga ko umwanzi w'Igihugu ari Umututsi.

Hakurikiyeho inyandiko y'Umugaba Mukuru w'Ingabo Col. Nsabimana tariki 21 Nzeri 1992, ayoherereza ibigo bya gisirikare asaba ko byigishwa.

Tariki ya 27 Nyakanga 1992, Col. Anathore Nsengiyumva wayoboraga iperereza rya Gisirikare yandikiye Perezida Habyarimana amubwira ko abasirikare biteguye gutsemba Abatutsi nundi wese uzagira uruhare muri ibyo bibazo.

Inyandiko za MINUBUMWE zigaragaza ko ikindi kimenyetso cyerekana uruhare rwa Perezida Habyarimana mu mugambi wa Jenoside mu ntangiriro y'igitekerezo cyayo mu Kwakira 1990, ari uguhiga abaturage b'Abatutsi byatangiye mu ijoro ryo ku ya 04 rishyira tariki ya 05 Ukwakira 1990.

Kugira ngo ibyo bishoboke, ubutegetsi bwa Perezida Habyarimana bwakoze igisa n'ikinamico, burasa mu kirere mu Mujyi wa Kigali bubeshya ko ari igitero cya FPR. Nyuma y'ibyo, abajandarume, abasirikari, ababurugumesitiri, abajyanama b'imirenge n'abakozi bashinzwe iperereza basatse ingo kandi bata muri yombi abantu benshi, cyane cyane Abatutsi. Umubare w'abantu batawe muri yombi warengaga ibihumbi 10 biganjemo Abatutsi bashinjwaga kuba ibyitso by'Inkotanyi cyangwa Abahutu bakekwaho kuba bafatanije n'Abatutsi.

Muri Mutarama 1993, Komisiyo mpuzamahanga y'iperereza yari iyobowe n'ishyirahamwe mpuzamahanga ry'imiryango iharanira uburenganzira bwa muntu yakoze iperereza ryayo mu Rwanda, maze ivumbura ibyobo byinshi byashyinguwemo imirambo y'Abatutsi b'Abagogwe bishwe n'ubutegetsi bwa Habyarimana muri Perefegitura za Ruhengeri na Gisenyi.

Uruhare rwa Perezida Habyarimana rwakomeje kwigaragaza kugeza umugambi we nyirizina wo gutsemba Abatutsi ushyizwe mu bikorwa ku manywa y'ihangu guhera ku tariki ya 07 Mata 1994.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### Impungenge ku guhembera Jenoside biri mu baturanyi zifite ishingiro

Amateka agaragaza intege nke Umuryango Mpuzamahanga wagize mu gukumira Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Imyaka 32 ishize yaranzwe no kwicuza kuko kuyikumira byarashobokaga ariko nta cyakozwe, ibyatumye hicwa Abatutsi basaga miliyoni mu minsi 100 gusa.

Ibimenyetso by'impuruza byabanjirije Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'uyu munsi biracyagaragara mu bihugu by'abaturanyi, kandi Umuryango Mpuzamahanga wareberaga icyo gihe n'uyu munsi usa n'uwirengagiza kugira icyo ukora ndetse n'abagakwiye kugira icyo bakora bakarebera cyangwa bakongera ikibatsi mu muriro.

Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yabigereranyije n'umuhinzi usanze umurima we wafashwe n'inkongi, ariko abaturanyi babona ari muke bagakeka ko bitabareba, abandi bakibwira ko uwo muriro uzizimya. Mu gihe wa muriro utizimije, uva mu murima umwe ugakwira hose akaba ari bwo ba baturanyi batangira guhururana indobo z'amazi baje kuzimya.

Perezida Kagame yavuze ko impungenge z'ingengabitekerezo ya Jenoside zigihari kandi zishobora guteza akaga nk'akabaye mu myaka 32 ishize mu gihe "twebwe n'inshuti zacu, twigize ba ntibindeba." Guhakana Jenoside bitangira mbere y'uko Jenoside ubwayo ishyirwa mu bikorwa, ariko abakabaye bayikumira bakirengagiza ibimenyetso bigaragara biyibanziriza cyangwa se bakabifata nk'ibidafite icyo bivuze.

Mu bihugu by'abaturanyi imvugo zihembera urwango zikomeje kugira ingaruka ku bwoko bw'Abatutsi mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), aho abibumbiye mu mutwe w'iterabwoba wa FDLR bakwirakwije ingengabitekerezo ya Jenoside, ariko amahanga akabyima amaso, akaruca akarumira.

Ibi bibazo ntibyakabaye biri ku ntera biriho uyu munsi iyo hubahirizwa Umwanzuro wa 1804 n'uwa 1856 y'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye Gashinzwe Umutekano ku Isi, yashimangiraga kwambura intwaro umutwe w'iterabwoba wa FDLR mu myaka ikabakaba 20 ishize.

Uyu munsi, ibimenyetso by'itegurwa rya Jenoside bigaragara mu Burasirazuba bwa RDC ntaho bitandukaniye n'ibyabanjirije Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho guhera mu mwaka wa 1990 ibimenyetso byayo byigaragazaga ariko bikirengagizwa. Mbere yo mu 1994, abaturage bagiye bamburwa ubuzima mu bwicanyi bwagiye bukorwa inshuro nyinshi kandi mu byiciro, bugamije kugerageza Jenoside no kureba uko amahanga abyitwaramo.

N'uyu munsi mu baturanyi hakomeje kugaragara ubwicanyi nk'ubwo. Nta gushidikanya ko ibyo bikorwa bidakumiriwe mu maguru mashya, amateka yakongera kwisubiramo.

**Ubwanditsi**

# Mu 1994, u Rwanda rwasaga nk'urubambwe - Cardinal Kambanda



**Antoine Cardinal Kambanda yagaragaje uko kuva ku wa 07 Mata kugeza muri Nyakanga 1994, u Rwanda rwasaga nk'urubambwe ku musaraba**

**KAMALIZA Agnes**

***Arikiyepisikopi wa Kigali Antoine Cardinal Kambanda yagaragaje ko kuva ku wa 07 Mata kugeza muri Nyakanga 1994, u Rwanda rwasaga nk'urubambwe ku musaraba kubera ibihe bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwacagamo, abantu baratakaje ubukirisitu bahitamo kwica bagenzi babo.***

Ubwo yari mu gitaramo cya Misa ya Pasika mu ijoro ryo ku wa 04 Mata 2026, Antoine Cardinal Kambanda yagaragaje ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yabaye igipimo cy'ibura ry'ubukirisitu aho abantu biciwe kandi bagakomeretswa na bene se. Yagaragaje ibi mu gihe u Rwanda rugiye kwinjira mu bihe byo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yasize abarenga miliyoni bishwe mu minsi 100.

Antoine Cardinal Kambanda yavuze ko mu gihe cya Jenoside abahamya mu kwemera babaye mbarwa batatira igihango ndetse Igihugu cyisanga mu bihe nk'ibyo Yezu Kirisitu yanyuzemo abambwa ku musaraba. Yagize ati: "Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye nk'igipimo cy'ibura ry'ubukiristu, ukwemera n'ubunyangamugayo, abahamya b'ukwemera babaye mbarwa, igihango cya batisimu henshi kiratatirwa. Kuva muri Mata kugeza muri Nyakanga 1994, u Rwanda rwasaga nk'urubambwe ku musaraba."

Yongeyeho ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 hari benshi bibazaga niba bazasubira mu kiliziya barakomeretse mu kwemera, ariko Imana igacisha ubuvunyi bwayo mu bihe bikomeye, Jenoside igahagarikwa, abantu bagatangira inzira yo kongera kubana mu mahoro no kwiyubaka.

Yagaragaje ko iyobera ry'urupfu n'izuka rya Kirisitu bitanga urumuri kandi bigakomeza abantu muri iki gihe cy'akababaro u Rwanda rugiyemo. Yavuze ko Yezu ari we wunze ubumwe kandi ububabare bw'abo Igihugu cyibuka na we yabugize ubwe kuko bababajwe nkuko yababajwe; asaba Abanyarwanda kwibuka bakomeza abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kandi bagakomeza kunga ubumwe.

Yagize ati: "Ububabare bwabo yabugize ubwe, Yezu Kirisitu yababaranye n'abacu twibuka ndetse yababaye muri bo kimwe na we, baratotejwe, barahunga bangwa n'abantu baragambanirwa, baricwa. Mu kwibuka ubwo bubabare bwabanyujije mu nzira y'umusaraba tuzaba tuzirikana ko bari abavandimwe, ababyeyi, abana bacu twari dusangiye urugendo rw'ubuzima, dusangiye kuba abana b'Imana tuzabunamire, tubibuke twunze ubumwe twese ni yo sano dufitanye izatume dukomeza kuba hafi abarokotse tubahumuriza."

Antoine Cardinal Kambanda yashimangiye ko Imana ari yo yunamuye u Rwanda ikaruha abagabo n'abagore b'Intwari babaye amatara yaka mu joro ry'icuraburindi, barimo abanze kwishora mu bwicanyi, abagize abo bahisha, abatanze ubuzima bwabo kugira ngo bagire abo barokora n'abandi.

Yagaragaje ko abo ari abahamya b'urukundo n'ukwemera asaba abakirisitu gukora icyunamo mu rumuri n'umutsindo wa Pasika kuko bizatuma bibukana ukwizera ko abapfuye bataheranwe n'urupfu ahubwo bazazuka.

Yasabye gukomeza gusabira ku Mana abapfuye ndetse bakagira umutima ucyeye, bagatsinda urwango, ivangura n'inzika, kudaheranwa n'ikibi kandi bagakomeza gusengera Akarere u Rwanda ruherereyemo n'Isi basaba amahoro no gutsinda ikibi.

# Kwibuka 32: Perezida Kagame na Madamu Jeannette Kagame bitabiriye ‘Walk to Remember’

SHEMA Ivan

***Perezida Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame bifatanyije n’ibihumbi by’abaturage by’umwihariko abo mu Mujyi wa Kigali, mu rugendo rwo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ruzwi nka “Walk To Remember” rwabaye ku mugoroba wo kuri uyu wa 7 Mata 2026.***



**Perezida Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame bifatanyije n’Abanyarwanda mu Rugendo rwo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Uru rugendo rwatangiriye ku Biro by’Akarere ka Gasabo, rugamije guha icyubahiro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside. Uru rugendo rwasorejwe kuri BK Arena ahabereye Umugoroba wo Kwibuka, rwitabiriwe n’urubyiruko rutandukanye rwaturutse hirya no hino mu Turere tugize Umujyi wa Kigali.

Ubwo yatangizaga Icyumweru cy’icyunamo n’iminsi 100 yo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Perezida Kagame yavuze ko bitashoboka ko hari uwakongera kwicwa bwa kabiri. Ati “Ibihe byo birahinduka, ibihe byarahindutse. Ntawe uzongera gupfa nk’uko Théoneste [uwatanze ubuhamya by’ibyamubayeho muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994] yavugaga abapfuye cyangwa na we uko yapfuye. Buriya yarapfuye, kuba ariho ni nko kuzuka ariko nta wakongera gupfa kuriya. Impamvu kandi ni nyinshi; ntabwo wakwica umuntu kabiri, ubigerageje, azakwica mbere y’uko umwica.”

Umukuru w’Igihugu yakuriye inzira ku murima, abashaka gusubiza u Rwanda mu mateka mabi nk’ayo rwanyuzemo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ati: “Ubwo turi aha mutureba, Igihugu cyose, Igihugu cy’u Rwanda mureba, ntabwo gishobora gupfa kabiri. Mbere y’uko wakwica u Rwanda, ruzakwica. Ntabwo wakwica abantu kabiri, ntibibaho. Ari twe bakuru, ari abana bacu, ntawe uzabica kabiri, ntibishoboka. Ntabwo byakunda. Tuzabaho nk’uko abantu bakwiriye kuba babaho. Hari ababyumva ukundi kandi hari abazabisubiramo ukundi, ariko uko mbivuze ni uko nguko, abe ariko mubitwara.”

Tariki ya 7 Mata ni Umunsi Mpuzamahanga Ngarukamwaka Isi yose yibukaho Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ibarura ryakozwe na Minisiteri y’Ubutegetsi bw’Igihugu mu 2000 rikamara imyaka ibiri (2000-2002), ryagaragaje ko Abatutsi 1,074,017 bishwe mu gihe cy’iminsi ijana (Mata-Nyakanga 1994). Iyo hakozwe isesengura ry’iyi mibare, bigaragara ko buri munsi hicwaga ibihumbi icumi na mirongo irindwi na bane (10,074).

---

# Inkunga mwaduhaye yaturinze guheranwa n’agahinda - IBUKA

KAYITARE Jean Paul

***Umuryango uharanira inyungu z’Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, IBUKA, washimiye ubuyobozi bw’igihugu ku isonga Perezida wa Repubulika Paul Kagame wayoboye urugamba rwo guhagarika Jenoside, ko abarokotse bahawe umutekano, ubuvuzi, uburezi n’ibindi.***

Ni ubutumwa bwatanzwe na Dr. Gakwenzire Philbert, Perezida wa IBUKA, mu mugoroba wo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, igikorwa cyabereye muri BK Arena. Yavuze ko urugendo abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bakoze muri iyi myaka 32, rwababereye umutwaro batari kwishoboza kubera ubukana bw’ingaruka Jenoside yasigiye abayirokotse.

Yagize ati: “Uwo mutwaro twawushobojwe n’ubuyobozi bwiza igihugu cyabonye no kutuzirikana byihariye aho Jenoside itazongera kubaho ukundi kandi ibyo bikaba no kugeza ubungubu dushyigikiwe. Bityo turashimira Leta y’ubumwe bw’Abanyarwanda mubereye ku isonga, yatubaye hafi mu ngeri zose z’imibereho yacu uyu munsi, haba ku ngingo y’umutekano, Ubutabera, kugenerwa amacumbi, ubuvuzi, uburezi n’ibindi.”

Akomeza agira ati: “Iyo nkunga mwaduhaye yaturinze guheranwa n’agahinda, iduha guhagarara twemye, dufatanya n’abandi banyarwanda gusana igihugu. Abarokotse Jenoside bakiri batoya barakuze, bubatse imiryango barashibuka, none ubu bafite abana n’urubyiruko rubereye u Rwanda.”

Umuryango wa IBUKA wavuze ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, ubifata nk’umwanya igihugu cyageneye Abanyarwanda, kurebera hamwe ingaruka za Jenoside mu Rwanda no mu Karere. Dr. Gakwenzire agaragaza ko ari umwanya wo kwegera abarokotse Jenoside biturutse ku bikomere byo ku mutima. Ati: “Ni inzira nyayo yo komora ibikomere no gushyigikira u Rwanda rutubereye twese kandi bitanga icyizere ko Jenoside itazongera kubaho.”

Umuryango IBUKA uvuga ko abagize ingaruka zidakira ibikomere byo ku mubiri, nabo bitabwaho. Mu myaka 32 ishize, Ibuka ishimangira ko hakozwe ibintu byinshi birimo no guhangana n’ingaruka za Jenoside no kugarura isura nziza y’u Rwanda yari yaratakaye mu ruhando mpuzamahanga.

Icyakoze Ibuka yerekana ko muri iki gihe usanga hagaragara politiki mbi yo kwimakaza amacakubiri, bikaba biteye impungenge mu Karere u Rwanda ruherereyemo bikozwe n’abasize baruhekuye. Dr. Gakwenzire avuga ko hari ibihugu bitakuye isomo kuri Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda mu rwego rwo kugira ngo abayirokotse n’abayikoze bashobore kubona ubutabera.

Ibyinshi byakozwe mu myaka 32 ishize, byafashije abarokotse kubaho neza ariko ngo hari ingaruka z’igihe kirekire zikigaragara, zirimo ikibazo cy’ihungabana gikomeza gufata indi ntera. IBUKA yashimye ko igihugu cyashyizeho ingamba kandi ni ko ngo bikwiye kugenda no kugeza ku bindi bisekuru bizakurikira kugira ngo hatazagira igisubiza u Rwanda inyuma.

Mu kubungabunga amateka ya Jenoside, Ibuka ikomeje gukorera hamwe kugira ngo yegeranye ubuhamya bw’abarokotse Jenoside kuko ubuhamya ari kimwe mu by’ingenzi bizafasha guhangana n’abayihakana.

Umuryango IBUKA kandi washimye ingabo zari iza RPF Inkotanyi zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bityo mu gihugu hakajyaho Guverinoma y’ubumwe bw’abanyarwanda. Abarokotse Jenoside bashima ko u Rwanda rufite ubwisanzure kandi ko bakomeye ku bumwe bw’Abanyarwanda.



**Umuryango Ibuka washimiye ingabo zari iza FPR Inkotanyi zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 (Ifoto : Olivier Tuyisenge)**


Kwibuka
se souvenir, bâtir, ensemble
32
#KWIBUKA32
WWW.KWIBUKA.RW
RPC
RWANDA
PRINTERY
COMPANY LIMITED

Kwibuka 32
remember - unite - renew

#KWIBUKA32

WWW.KWIBUKA.RW

LH
Lemigo Hotel

# U Rwanda rwagaye amahanga arebera FDLR igarura Jenoside muri RDC

NTAWITONDA Jean Claude

***Nyuma y'imyaka 32 ishize mu Rwanda hahagaritswe Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa, ibimenyetso byaranze itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ryayo bikomeje kugaragara mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Guverinoma y'u Rwanda yongeye kugaragaza uburyo amahanga akomeje kwirengagiza ibimenyetso bya Jenoside bikomeje kugaragara muri kiriya gihugu gicumbikiye abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda bashinze imitwe yitwaje intwaro yaje kuvamo uw'iterabwoba wa FDLR wamenesheje Abanyekongo mu myaka igera kuri 30 ishize.

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascene, yavuze ko FDLR ikomeje guhabwa icyicaro muri Congo mu gihe Loni imaze imyaka igera kuri 20 iwufatiye ingamba zo kuwurandura burundu. Yavuze ko n'ubu amahanga yirengagiza impunzi z'Abanyekongo zimaze imyaka isaga 30 mu buhungiro zameneshejwe n'abarwanyi ba FDLR bagizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Nyamara Umuryango w'Abibumbye wafashe ibyemezo byinshi byerekana ko FDLR ari umutwe w'Iterabwoba ugomba guseswa. Nk'icyemezo 1804 cyafashwe mu mwaka wa 2008, kibivuga gutya: *Duhangayikishijwe n'uburambe bw'ibyaha bibangamira uburenganzira bwa muntu n'ibinyuranyije n'amategeko mpuzamahanga bikorwa na FDLR, Ex-FAR, Interahamwe, n'indi mitwe yitwaje intwaro ikomoka mu Rwanda, ikorera mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).*

*Dutegetse ko bashyira hasi intwaro aka kanya, nta mananiza ayo ari yo yose bakajyanwa aho bakomoka. Turasaba ibihugu byose bigize*




Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascene

*Umuryango w'Abibumbye gufata ingamba zose za ngombwa bigahagarika inkunga y'amafaranga, iy'ibikoresho n'indi yose itangwa n'abenegihugu cyangwa itangirwa ku butaka bwabyo ihabwa FDLR, Ex-FAR, Interahamwe n'indi mitwe yitwaje intwaro ikomoka mu Rwanda ikorera ku butaka bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), yaba yo ubwayo cyangwa mu nyungu zayo."*

Umwanzuro 1804 w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbe gashinzwe Umutekano ku Isi washyizweho ushyigikira Itangazo rya Nairobi rihuriweho na Guverinoma y'u Rwanda n'iya RDC ryo mu kwezi k'Ugushyingo 2007, aho ibihugu byombi byari byiyemeje kwimakaza ubufatanye mu kurandura FDLR n'indi mitwe yitwaje intwaro ikomoka mu Rwanda.

Uwo mwanzuro wiswe 1804 wagaragazaga icyemezo cy'Akanama ka Loni gashinzwe Umutekano cyo guhagarikira ingendo abayobozi ba FDLR, ukaba wariyongeraga ku mwanzuro 1856 warebanaga no kwambura intwaro no gusubiza mu buzima busanzwe imitwe yitwaje intwaro ikorera ku butaka bwa RDC irimo n'ikomoka mu mahanga nka FDLR.

Dr. Bizimana yakomeje avuga ati: "Ibi byemezo Congo ibirengaho ikinjiza FDLR mu ngabo zayo, MONUSCO (Ingabo za Loni zoherejwe mu Butumwa bw'Amahoro muri RDC) ibirebera nk'uko MINUAR (izoherejwe mu butumwa bw'amahoro bwa Loni mu Rwanda) yarebereye itegurwa rya Jenoside mu Rwanda. Abategetsi ba Congo, bahamagarira urwango nk'uko byakorwaga mu Rwanda hagati ya 1990 na 1994."

Yakomeje agaragaza bimwe mu bimenyetso simusiga bigaragaza amateka yisubiramo, aho Abanyekongo bo mu bwoko bw'Abatutsi bakomeje kurenganywa. Muri Kanama 1998, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Congo Abdulaye Eulodia Ndumbasi, yahamagariye kwica Abatutsi abita udukoko twanduza tugomba gutsembwa ntawusigaye.

Tariki 19 Nyakanga 2023, Depite Justin Bitakwira Bihona-Hayi yavugiye kuri Televiziyo ya Leta ati: "Umututsi ni umwicanyi muri kamere ye."

Tariki ya 31 Gicurasi 2024, Umukuru w'Umutwe wa Mai Mai Nande/Mazembe witwa Benoit Mukumbatia yatangaje video ivuga ngo "Umututsi nyawe ni Umututsi wishwe, Umututsi nyawe ni ujyanywe mu irimbi."

Tariki 4 Nyakanga 2024, Minisitiri w'Itangazamakuru Patrick Muyaya, kuri TV50 Bukavu yise Abatutsi abicanyi avuga ngo 'Minisitiri w'Intebe, yabasuye mu gihe cy'ubwicanyi bukorwa n'Abatutsi.'

Icyo gihe Muyaya yagize ati: "Minisitiri w'Intebe yabasuye nk'umugore, umubyeyi, umuvandimwe, mu gice cy'Igihugu mutuyemo, aho umugore yababajwe bikabije n'ubwicanyi ndengakamere bumaze imyaka 30 bukorwa n'Abatutsi."

Tariki 24 Ugushyingo 2024, Minisitiri w'Ubucamanza Constant Mutamba, ubwo yari i Goma, yasabye kwica Abatutsi 'bahereye ku bayobozi bakuru b'u Rwanda.'

Tariki ya 28 Ukuboza 2025, Umuvugizi w'Ingabo za Congo Gen. Ekenge, yahamagariye kuri Televiziyo y'Igihugu urwango ku Batutsikazi, aho yasabye abandi Banyekongo kwirinda gushakana na bo.

Minisitiri Dr. Bizimana yavuze ko impuguke z'Umuryango w'Abibumbye zoherezwa muri Congo na zo zibogama. Ati: "Muri Gashyantare 1999, Roberto Garreton wabaye Intumwa idasanzwe ya Komisiyo ya Loni y'Uburenganzira bwa Muntu muri Congo, yatanze ikiganiro gihamagarira urwango ku Batutsi avuga ngo hariho ukwinangira k'Umuryango w'Abibumbye, guturuka ku rugomo rukorerwa Congo ruturutse ku gatsiko k'Abatutsi."

Yaboneyeho gushyikiriza Perezida wa Repubulika Paul Kagame, ubutumwa bw'Abanyarwanda bamushimira umutekano n'ingamba z'ubwirinzi akomeza gufata mu guharanira ko ibyago RDC yikorezwa na FDLR bidakomeza kugira ingaruka ku Rwanda.

Ati: "Abanyarwanda babashimira umutekano mwabahaye n'ingamba mufata zibarinda. Abo mwarokoye mu mwaka wa 1994, basubiranye icyizere cy'ubuzima barimo kandi abenshi barokotse Jenoside za kera kuva mu 1959 kugeza mu 1994.

Urubyiruko rubashimira amahirwe mwaruhaye, yo kuba mu gihugu kitavangura. Abakoze Jenoside benshi bararangiza ibihano; barabashimira ingamba zo kubagorora bagasubizwa ubumuntu biyambuye, bagataha mu ngo zabo."

Yanagarutse kandi no ku bava mu mitwe yitwaje intwaro bashimira ubuyobozi bw'u Rwanda kubakira bakisanga mu rwababyaye aho bakomeje gufatanya n'abandi kubaka Igihugu kizira inzangano n'amacakubiri.

Yakomeje agira ati: "Hari benshi baba mu mahanga bitandukanya n'ikinyoma gikwizwa n'abakoze Jenoside cyangwa ababaye imbata y'ingengabitekerezo yayo, bagataha mu rwababyaye rukabakira bakaba babashimira imiyoborere myiza y'u Rwanda ibasubiza ishema ry'Igihugu cyabo."

Yasoje yizeza ko nta kizongera gusenya u Rwanda Abanyarwanda barebera, ati: "Harabaye ntihakabe, Habaye Muyaga na Muhoro, ubu hariho Mahoro na Munyarwanda, ni bo bazahoraho."

# Uburyo bukoreshwa mu guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

**KAMBANDA Noel**

***Mu myaka 32 ishize, nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hagaragaye uburyo bwinshi kandi buhindagurika bukoreshwa mu kuyihakana. Iri hakana ntiryahagaze aho Jenoside yahagarikiwe ahubwo ryakomeje guhindura imvugo, rijyana n'ibihe na politiki cyane cyane mu itangazamakuru, mu bushakashatsi no ku mbuga nkoranyambaga.***

Uyu munsi, abahakana Jenoside ntibakoresha gusa amagambo avuguruza amateka mu buryo butaziguye; ahubwo bakoresha imvugo z'ubwenge, zijimije, zigamije gutesha agaciro, ukuri no gutera urujijo ku byabaye bitwaje uburenganzira bwo kuvuga icyo ushaka. Ni yo mpamvu kumenya no gusobanukirwa ubu buryo ari ingenzi mu kurwanya ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi no kurinda ukuri kw'amateka.

Guhakana Jenoside ni icyiciro cya nyuma mu byiciro bigize umugambi wa Jenoside uko bikurikirana: Gushyira abantu mu byiciro, kubaremamo ibice, guhabwa amazina ndetse n'ibimenyetso, kwambura abantu uburenganzira bw'ubumuntu, gutegura gahunda yo gushyira mu bikorwa Jenoside, kugonganisha ibyiciro bibiri by'abantu [abicwa, n'abica, polarization}, imyiteguro, guhiga abicwa, gutsemba, guhakana no gupfobya Jenoside.

Nubwo guhakana Jenoside ari icyiciro cya nyuma, ariko buri cyiciro gitegura Jenoside giherekezwa no guhakana umugambi nyirizina w'ibyo barimo, buri cyiciro kigira ibisobanuro bihabanye n'umugambi wa Jenoside ku ruhande rw'abayitegura.

Uburyo bwa mbere bwo guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ni ukuvuga ko itigeze ibaho. Ubu buryo bwagaragaye cyane mu gihe cya Jenoside ndetse no mu myaka mike yakurikiye. Ababukoresha bahakana burundu ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabayeho, bakavuga ko nta mugambi wo kurimbura Abatutsi wari uhari ko Abahutu n'Abatutsi basubiranyemo kubera agahinda k'iyicwa rya Habyarimana. Tubibutse ko na bamwe mu miryango y'abanyapolitiki yishwe na Habyarimana na bo bakoze Jenoside, ntibyumvikana uburyo bamuhoreraga kandi bamwanga urunuka; icyo bombi bari bahuriyeho nubwo bari abanzi ni urwango bari bafitiye ubwoko bw'Abatutsi.

Urugero rugaragaza iri hakana ni inama yabaye ku wa 16 Kamena 1994 mu cyahoze ari Komini Mutura (ubu ni mu Karere ka Rubavu), aho abayobozi basabye abaturage kubwira abazaza gukora iperereza ku iyicwa ry'Abatutsi ko "bimukiye muri Zaïre (ubu ni Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo) nkuko bigaragazwa n'inyandiko iri munsi. Banabasabye gusenya ibimenyetso byose byagaragazaga ko Abatutsi babagaho, harimo n'ingo zabo. Ni cyo gisobanuro nyacyo cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Kurimbura n'ibimenyetso byuko babayeho na nyuma yo kubica.

Ibibyari gahunda yateguwe na Leta y'Abatabazi yo guhisha ukuri no kuyobya amahanga, cyane cyane nyuma y'uruzinduko rw'intumwa y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburenganzira bwa Muntu bayobowe na René Degni-Ségui bagiriye mu Rwanda mu kwezi kwa Gicurasi 1994. Iyi myanzuro ni iy'inama yabereye mu gice cya Guverinoma y'Abicanyi bari bamenye amakuru ko izo ntumwa ziri gusura ahabereye ubwicanyi nka Nyarubuye, Kiziguro Nyamata, Ntarama n'ahandi, ariko RPF ikaba yari yamaze kuhabohora ndetse iri kuhagenzura.

Ubu buryo bwo guhakana bwifashishwa n'abagize uruhare muri Jenoside bagamije guhisha ibimenyetso bya Jenoside no guhunga ubutabera. Ubu buryo ni bwo bwigishwa muri FDLR ndetse na Col. Bagosora yarinze akatirwa ataremera ko Abatutsi barimbuwe muri Jenoside. Iyi mvugo kandi ni yo yakwirakwizwaga mu nkambi z'impunzi z'Abanyarwanda aho zari hose cyane cyane muri Tanzania no mu cyahoze ari Zaire nyuma gato ya Nyakanga 1994.


Nyuma y'uko LONI yemeje ko mu Rwanda habaye Jenoside kandi ko hagomba kujyaho Urukiko Mpanabyaha ruhana abayigizemo uruhare, imvugo yarahindutse mu myaka ya 1998 ubwo uwari Minisitiri w'Intebe y'Abatabazi, Jean Kambanda, yemereye urukiko ko Guverinoma ye yateguye kandi ikanakora Jenoside ikarimbura Abatutsi; nyuma y'urubanza rwa Kambanda byari bigoye kuyihakana burundu. Ni bwo hatangiye uburyo bushya bwo kuyisobanura ukundi.

Muri ubwo buryo bwa kabiri, Jenoside yahinduriwe inyito yitwa intambara ko bamwe barwanaga n'abandi mu makimbirane y'amoko. Abari inyuma y'uyu mugambi baba bagamije kugabanya uburemere bwa Jenoside no kuyishyira ku rwego rumwe n'andi makimbirane asanzwe. Abahakana Jenoside bakoresha imvugo igira iti "Ntabwo duhakana ko hatabaye Jenoside, ariko nanone hari intambara yari iri kuba." Ntabwo babikora bemera ukuri ahubwo ni uburyo bwo gutesha agaciro Jenoside no kuyigira nk'aho ari igice cy'intambara rusange. Iri hakana ryiyongera cyane ku mbuga nkoranyambaga aho abahakana Jenoside bakoresha imbaraga nyinshi mu gukwirakwiza izi mvugo.

Uburyo bwa gatatu ni uburyo bukomeye kuko bwemera ko Jenoside yabayeho, ariko bugahita bushinja abayikorewe ko ari bo bayikoze. Ubu muri FDLR babwira abana babo ko barokotse Jenoside yakorewe Abahutu bikozwe n'Abatutsi. Iyo uganiriye n'urubyiruko rwavukiye mu mashyamba ya Congo rukinjizwa muri FDLR rukaba rwaratashye rukubwira ko bavutse bazi ko abahutu barokotse Jenoside ari yo mpamvu bashinze FDLR.

Uku guhakana Jenoside kwateguwe kera na kare mbere ya 1994; mu nyandiko yasohotse muri Nyakanga 1991 yanditswe na Association des Femmes Parlementaires, pour la Défense des droits de la Mère et de l›Enfant (AFEPADEM Imbabazi) bafatanyije na Dr. Muge-

KOMEZA KU RUP.13


Rusiza le 12/06/1994

Inama ya bagize Comite ya Segiteri Rusiza

Komite ya segiteri ya Rusiza 12/6/1994

Abaje

**Inyandikomvugo y'inama yabereye muri segiteri Rusiza isaba abaturage kuvuga ko nihagira abaza kubaza Abatusti bishwe, bazababwire ko bagiye muri RDC**

> **"Nubwo guhakana Jenoside ari icyiciro cya nyuma, ariko buri cyiciro gitegura Jenoside giherekezwa no guhakana umugambi nyirizina w'ibyo barimo, buri cyiciro kigira ibisobanuro bihabanye n'umugambi wa Jenoside ku ruhande rw'abayitegura."**

# Uburyo bukoreshwa mu guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

IBIKURIKIRA URUP.12

sera Leon, wari umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda icyo gihe, batangaje ko hari umugambi wo kurimbura Abahutu muri Jenoside, ibi byafashije mu icengezamatwara ryo gushyiraho umutwe w'interahamwe mu rwego rwo kwirwanaho no kwirengera aho Abatutsi bicwaga babwirwa n'abicanyi babo ko babatanze na bo bari bateguye kubica. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, iri hakana ryakomeje mu buryo bushya bwo kuvuga ko Jenoside yari "impande zombi", kuvuga ko Abahutu na bo bakorewe Jenoside (double genocide theory), no gushinja FPR ko ari yo yayiteguye.

Nyuma y'imyaka 32 uburyo bwo guhakana, bugamije guhindura amateka (revisionism), guhimba amakuru (fake news), gushyira icyaha ku bakorewe Jenoside no gutagatifuza abayikoze. Mu gihe abenshi mu bakoze Jenoside babihaniwe, abandi bakaba barapfuye, ubu inkoni yo guhakana umugambi wa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yaherejwe abana babo. Usomye inyandiko za Jean Luc Habyarimana umuhungu wa Perezida Habyarimana uri inyuma y'umugambi wa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 usanga amutagatifuza nk'umuyobozi mwiza wabayeho ku isi.

Umunsi Col. Theonetse Bagosora yapfaga, umuhungu we Achille Bagosora yanditse ubutumwa ku mbuga nkoranyambaga ko intwari y'u Rwanda ipfuye, igihe Urukiko Mpanabyaha rw'Arusha rwakatiraga Dominique Ntawukuriryayo wari Superefe wa Gisagara imyaka 25 kubera uruhare rwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, umuhungu we Placide Kayumba washinze Jambo asbl ihuriwemo n'abana b'abicanyi bagamije guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yanditse ubutumwa ko abizi neza ko se ari umwere kandi arengana.

Uru ni urugero rumwe ruragaza ko abana b'abagize uruhare rukomeye mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bagomba guhakana uruhare rw'ababyeyi babo ariko kuko Jenoside yemejwe bagomba gushaka abo bayegekaho ababyeyi babo bakaba abere. Nk'uko umwanditsi kuri Jenoside yakorewe Abayahudi Pierre Vidal-Naquet yabyanditse, abahakana Jenoside bahora bashaka uburyo bwose batoneka abarokotse Jenoside.

Ubu buryo bwo kwiyitirira kuba abarokotse Jenoside kandi bakomoka ku babyeyi bayikoze bwadukanywe na bamwe mu bana b'abajenosideri, buri muri iyi gahunda mbisha yo gukomeza ikorwa rya Jenoside bakoresheje ikaramu n'imvugo z'ikinyoma, ubugome n'ubushinyaguzi, babizi neza kandi babishaka nkuko byagarutsweho na Dr. Jean Damascene Bizimana, Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'inshingano Mboneragihugu ubwo yagarukaga ku bana b'interahamwe biyitirira kuba abarokotse.

Tariki ya 28 Mata 2014, habaye Conference mu Bwongereza ku bwicanyi bwaberaga mu gihugu cya Mynamar maze hatumirwa na Rene Mugenzi watanze ubuhamya uburyo yarokotse Jenoside mu Rwanda; nyuma y'imyaka mike se umubyara, Joseph Mugenzi yafashwe n'inzego z'umutekano z'u Buholandi kubera uruhare rwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Claude Gatebuke na mushiki we Alice Gatebuke babimburiye abandi bana b'interahamwe mu gushinga ishyirahamwe rihakana Jenoside yakorewe Abatutsi bise AGLAN (African Great Lakes Action Network) aho bazenguruka ibihugu bitandukanye batanga ibiganiro muri kaminuza, bakabwira abantu cyane cyane urubyiruko rwumvise bwa mbere igihugu cy'u Rwanda nyamara bakwirakwiza ibinyoma. Aba bombi bakomoka kuri Justin Gatebuke intagondwa yangaga Abatutsi urunuka yakoraga mu kigo ONAPO (Office Nationale de la Population). Kuba atari ku rutonde rw'abakoze Jenoside nuko yari yaroherejwe kwiga mu gihe cya Jenoside; ari mu bari hanze ariko iyo baba mu Rwanda baba bararimbuye Abatutsi.

Ingabire Victoire avuga ko nyina umubyara, Therese Dusabe akurikiranyweho Jenoside kandi ari umwere kubera ko umukobwa we akora politiki. Ingabire na we ahakana Jenoside yakorewe Abatutsi muri iki cyiciro cyo kwemera ko yabayeho ariko kuri we ni nkaho abantu bishwe n'umwuzure. Yashinze FDU Inkingi ahurizamo abajenosideri b'i Burayi kugira ngo bavuge ko bakurikiranywe kubera impamvu za politiki; nubwo Ingabire yahaye imyanya ikomeye mu ishyaka rye FDU Inkingi interahamwe zo mu rwego rwa mbere nka Charles Ntahontuye Ndereyehe wamaze Abatutsi i Butare cyane cyane muri ISAR, Maj. Karangwa wishe abantu ku Mugina, Jean Baptiste Nyabusore wari umukuru wa Kaminuza ya ISAE Busogo, Venant Rutunga, Jean Baptiste Mugimba (aba bombi boherejwe mu Rwanda), Marcel Sebatware wari ukuriye uruganda rwa CIMERWA n'abandi benshi ntibyabujije ko bamwe ubutabera bubageraho.

Mu guhindura amateka harimo no kuyagoreka, ruharwa Capt Innocent Sagahutu warangije igihano cye yakatiwe n'Urukiko rw'Arusha asigaye avuga ko Interahamwe zitari iza MRND ahubwo zari iza FPR, muri bwa buryo bwo gushyira icyaha ku bagikorewe. Guhakana Jenoside akenshi biterwa n'ipfunwe abayikoze bafite, guhunga ubutabera no kwihisha inyuma ya politiki ndetse n'uburenganzira bwa muntu.

Guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ni icyaha dore ko kigira n'ingaruka mu Kwiyubaka kw'Abanyarwanda, ihakana ritoneka abarokotse kandi ritesha agaciro ukuri n'ubutabera. Guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 si ikibazo cy'amateka yabayeho gusa; ni ikibazo cyo mu gihe turimo ndetse n'ahazaza. Uko rigenda rihindura isura, ni ko risaba ubushishozi n'imbaraga mu kurirwanya. Nk'uko Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Nyakubahwa Paul Kagame yabivuze: "Niba abahakana Jenoside nta soni bafite, kuki twe tugomba kugira ubwoba?"

Kurwanya abahakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bisaba kwigisha cyane cyane urubyiruko amateka nyayo, Gushyigikira ukuri, Guhangana n'ibinyoma aho biva hose, Ni inshingano ihoraho kuko kurinda ukuri ni bwo buryo bwonyine bwo kurinda ejo hazaza hatajegajega.

> **"Umunsi Col. Theonetse Bagosora yapfaga, umuhungu we Achille Bagosora yanditse ubutumwa ku mbuga nkoranyambaga ko intwari y'u Rwanda ipfuye, igihe Urukiko Mpanabyaha rw'Arusha rwakatiraga Dominique Ntawukuriryayo wari Superefe wa Gisagara imyaka 25 kubera uruhare rwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, umuhungu we Placide Kayumba washinze Jambo asbl ihuriwemo n'abana b'abicanyi bagamije guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yanditse ubutumwa ko abizi neza ko se ari umwere kandi arengana."**

# Kwibuka 32: Yatwikiwe mu byatsi ntiyapfa - Ubuhamya bwa Ngiruwonsanga

**ZIGAMA** Theoneste

***Ngiruwonsanga Theoneste ukomoka mu yahoze ari Perefegitura ya Cyangungu, Komini Gafunzo, ubu ni mu Murenge wa Shangi, mu Karere ka Nyamasheke, yatanze ubuhamya bw'ibikomeye yanyuzemo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho avuga ko hari aho yihishe mu byatsi, interahamwe zigasiga zibitwitse, ariko akabivamo ari muzima.***




**Ngiruwonsanga Theoneste yatanze ubuhamya bushariye yanyuzemo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Ni ubuhamya yatangiye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, ahatangirijwe icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ngiruwonsanga yavuze ko mbere ya Jenoside, imiryango y'Abatutsi yari ibayeho mu bwoba mu buryo bukomeye, aho mu 1964, sekuru yishwe akajugunywa mu kiyaga cya Kivu.

Na babyara ba se umubyara bari batuye ahitwa i Mururu barishwe mbere ya Jenoside gato, ubwo Perezida w'Ishyaka CDR yapfaga barasenyewe banyagwa ibyabo, bahungira muri Katedalari ya Cyangungu. Avuga ko no mu mashuri abana b'Abatutsi batotezwaga n'abanyeshuri bagenzi babo ndetse n'abarimu. Yakomeje avuga ko yari intandaro yo kwicwa by'indengakamere.

Mu buhamya bwe, yavuze uko tariki 7 Mata 1994 byabagendekeye iwabo. Ati: "Mu gitondo tubyutse twategaga amatwi radio, twumva ko Habyarimana yapfuye. Papa yari mwarimu ajijutse, yahamagaye abavandimwe be arabwira ati: "ikiza gukurikira kuri ibingibi nta kindi ni urupfu mureke duhunge."

Ngiruwonsanga yahunganye na se, mukuru we, na murumuna we wo kwa sewabo bahungira muri Segiteri ya Mukoma. Ati: "Tugezeyo duhurira mu rusengero rwa ADPER, twasanze Abatutsi bose muri ako gace bahahungiye. Tuhageze ba nyir'urusengero ku munsi wakurikiyeho baraje baradusohora, ngo ntibashaka ko amaraso y'Abatutsi ahamenekera."

Yakomeje avuga ko basohokanye na se wanahiciwe, akabareba mu maso, abasezeraho, arababwira ngo ni bajye guhungira kwa nyirasenge wari warashatse aho i Mukoma. Ku itariki ya 12 Mata 1994, bageze kwa nyirasenge basanga babasenyeye inzu nini, baba mu gikoni. Baharaye ijoro rimwe ku munsi ukurikiyeho Interahamwe ziza kuhabakura, zibajyana aho zari zakusanyirije abagore n'abana, abagabo bo bari bakwiye imishwaro. Ati: "Uwitwa Bahati Enock, barahamwiciye baramubaga, botsa umutima we barawurya, ngo ubwenge afite budapfa ubusa."

Aho kuri Segiteri, Ngiruwonsanga avuga ko Interahamwe zafungiranye abantu muri segiteri zimenamo Lisansi na za Geranade, bose zirabica zirabarangiza. Babonye bikomeye bimuka aho bari bajya mu gahinga ahari urusengero rw'abadive, bigeze nka saa tanu z'amanywa Interahamwe ziraza zibwira abagore bari basigaye ko baziha abana zikajya kubaha ibiryo zari zibazaniye ariko zarabashukaga.

Ngiruwonsanga ati: "Nta biryo bari bazanye mu by'ukuri, byari amayeri yo kugira ngo abantu begerane, batoremo abana b'abahungu babice babamare. Baradusohoye, njyewe nkumva ko bazanye ibiryo koko, nanjye nari umwana nari mfite imyaka 14. Badushyira ku murongo, bavanamo abana b'abakobwa babasubiza ba nyina, twe batujyana ku cyobo. Twari abana bagera nko ku 120, ndabyibuka. Baturuka iruhande batema, Interahamwe yitwa Gasota yari yarambitse igiti ku mwobo, umwana yaramukururaga akamurambikaho ijosi akaritema rikagwa muri uwo mwobo."

Ngiruwonsanga avuga ko na we ari kuri uwo murongo, yaganiriye n'urupfu arubaza niba na we agiye gupfa, nkuko yabonaga n'abandi bana bagenzi be barimo bapfa. Ati: "Nganiriza urupfu ndarubaza ngo uku ni ko ngiye gupfa? Ruransuzugura ntirwansubiza. Narihanganye, ariko Gasota, yubura amaso, yihanagura amaraso, areba muri wa murongo arambona, aravuga ngo ariko iki cyana si icyo kwa mwarimu Kageruka? Ngo urakora iki hano? Batubwiye ko so yahungiye ino, va muri uwo murongo urabanza utwereke aho so ari."

Iyo Nterahamwe yamukuye mu bandi, akomeza atema abandi basigayeho, hanyuma indi Nterahamwe yegera uwo Gasota baravugana ntiyamenye icyo bavuganye, ihita ifata Ngiruwonsanga imujyana iwayo hari hafi aho, iramubwira ngo nashake uko asubira i Shangi kuko aho i Mukoma ubwicanyi bwari bumaze gufata indi ntera.

Ati: "Nihishe uwo munsi mu bishyimbo, hari mu gihe cy'imvura nyinshi, ku mugoroba nsubira ku rusengero kureba bagenzi banjye bagendanaga, nsanga nta kintu babatwaye, dusubira iwacu i Shangi. Kugenda na byo byari nk'urupfu kuko bararaga amarondo ku manywa na nijoro."

Ngiruwonsanga avuga ko yakoze urugendo ruva aho i Mukoma ajya i Shangi, rw'amajoro abiri n'umunsi umwe, nyamara ubusanzwe rukorwa mu minota 30. Agezeyo, yagiye kureba se wa batisimu, hanyuma arakomanga, umugore we, aje kumukingurira amubonye ararira cyane.

Ngiruwonsenga avuga ko uwo mubyeyi yamubwiye ati: "Bari baratubwiye ko mwapfuye. Ntabwo byashoboka ko wihisha aha, kuko na so wa batisimu nakubona arakwiyicira". Yunzemo ati: "Yanshyize mu bishyimbo arampisha, hafi y'inzira ebyiri, iyamanukaga n'iyatambikaga, ariko njye na bagenzi banjye tubona ko na ho tuzahasiga ubuzima. Dufata icyemezo cyo kujya mu ishyamba ry'umuzungu w'Umudage wageze bwa mbere

KOMEZA KU RUP.15

# Kwibuka 32: Yatwikiwe mu byatsi ntiyapfa - Ubuhamya bwa Ngiruwonsanga

IBIKURIKIRA URUP.14

mu Rwanda, i Shangi".

Yakomeje avuga ko mu kuva aho bari bihishe birutse bagana muri iryo shyamba, ariko kubera ko bwari bwacyeye, bahasanga umwana bari baturanye arimo kuvoma mu kiyaga cya Kivu, abavugiriza induru. Ngiruwonsanga ati: "Uwo mwana avuza induru, ati mutabare mbonye Abatutsi bo kwa mwarimu Kageruka. Interahamwe zahise ziza, twinjira muri rya shyamba zituri ku mugongo, dusanga hari ahantu bari bakase ibyatsi bya pasiparumu bararunze ikirundo, tubyinjiramo. Badushatse nk'amasaha abiri batubuze. Basize ibyo byatsi twari turimo babitwitse, umwotsi udufunga umwuka, urumva imvura yari nyinshi, ntabwo umuriro watugezeho."

Bahise berekeza i Shangi ku Kiliziya ariko banyura mu muhanda nyabagendwa. Bagiye kugerayo bagera kuri bariyeri yari iyobowe n'Interahamwe yari mwarimu yitwaga Bonaventure ari kumwe n'abandi bagenzi be, barimo kurya inyama no kunywa inzoga ari na ko basoma lisiti z'abapfuye n'abakiriho. Ati: "Tuhageze, babwira uwo mwarimu ngo dufashe aba bana b'umwarimu mugenzi wawe." Ati "Nimubabike nimbyuka ndabica. Ndongera nganira n'urupfu, ndarubaza ngo igihe nirukankiye nkaba nari ngeze aho abandi bari, ubu aha ni ho ngiye gupfira."

Muri icyo gitondo kubera ko hari Interahamwe zarimo kwambura inka Abatutsi bari bazihunganye kwa Padiri, abari bacunze abo bana bategereje ko ya Nterahamwe ibyuka ngo ibice, babirukaho ngo bazibacuze. Ngiruwonsanga avuga ko we na bagenzi be bahise biruka bagana ku Kiliziya bahageze abajandarume barabafata, za Nterahamwe zari zibasize zigaruka zibakurikiye zisanga babaryamishije hasi. Icyo gihe ngo byabaye ngombwa ko abo bajandarume babareka bakinjira mu Kiliziya kugira ngo bazapfire rimwe n'abandi bari bahahungiye.

Yavuze ko bagezeyo basanzeyo abantu benshi, aho basanze




Aba ni abitabiriye umuhango wo gutangiza icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

inzara yarabishe, abandi barakomeretse, Ngiruwonsanga ahasanga nyina, amumenyesha ko se yiciwe i Mukoma. Nyuma ngo Musenyeri yaraje atwara abapadiri bose, ahasiga Padiri umwe wabagambaniye cyane arabicisha. Ati: "Adusigira umupadiri umwe w'Imbuzakurahira witwa Mategeko Amatus [arafunzwe ubu bamukatiye igihano cya burundu], Interahamwe akazifasha gutoranya abagore bo gufata ku ngufu, n'abo zijya kwica".

Aho bakomeza kuharwanira n'Interahamwe zabaga zije kubica zigenda zigaruka, na bo bakirwanaho bakoresheje imyase n'amabuye n'ibindi bishoboka. Babonye ko bihagazeho, Superefe wa Cyangungu, Munyengabe Theodore aza kubakoresha inama abasaba kudakomeza kurwanya Interahamwe bityo ko nibabihagarika zitazagaruka, ndetse ahitamo abanyabwenge muri bo 50 arabajyana basigara nk'abatagira umuyobozi.

Ati: "N'uwari wahunganye inkoni barayimwambura dusigarira aho. Uwo munsi wakurikiyeho haje igitero cyica nk'abantu 200, ariko haza kuza noneho icya rurangiza cy'Interahamwe yitwaga Yusufu yo mu Bugarama. Baza mu mabisi nk'atandatu nka saa kumi n'ebyiri za mu gitondo, ku itariki 29 Mata bari bahageze. Interahamwe zambaye amakoma, zifite intwaro za gakondo, imbunda na Gerenade batwiraramo, baratwica uwo mugoroba."

Ngiruwonsanga avuga ko we yarokowe n'aho yari ahagaze kuri Alitari hanyuma abo bishe bakamugwa hejuru ntibamenya ko ari muzima, ndetse hari n'umuntu wazimije amatara Interahamwe zigira ubwoba ko zishobora gutemana ubwazo, kubera uwo mwijima. Akomeza avuga ko yavuye aho amaraso yamwuzuyeho ku buryo uwamukuruye muri iyo mirambo yamukuruye uruhu rw'akaguru rugashishuka kubera ayo maraso.

Yagiye kwihisha mu cyumba cy'imyenda y'abapadri, hanyuma bukeye Interahamwe ziragaruka zimukuramo zimushyira hamwe n'abandi bari bataraapfa zimuha umwana muto biganaga zimutegeka ko nagera ku mwobo zari zaracukuye wo gushyiramo abari biciwe mu Kiliziya, amutera icumu mu mutima hanyuma akamuhirikiramo. Bageze mu nzira, Ngiruwonsanga avuga ko yabajijé uwo mwana mugenzi we niba koko aza kumwica, undi amubwira ko amwica rwose. Ngo bageze kuri icyo cyobo basanga hari kubera ubugome bukabije aho uwo bahiciraga, bamwicaga ari nka 20 bamuhuriyeho.

Uwo mwana ngo yabonye ibiri kuhabera na we agira ubwoba, Ngiruwonsanga aramucika ariruka, hanyuma nyuma abarokokeye aho baza guhungira i Nyarushishi ari na ho Ingabo za RPA Inkotanyi zamusanganye n'abandi zikabarokora. Ati: "Ahagana mu kwezi kwa munani, abasigaye batarapfa tubona Inkotanyi zirasesekaye. Dutinda kubyemera, ibyishimo biraturenga, iyo shusho ntijya imvamo. Baraje binjira mu nkambi baraduhumuriza, ngo utarapfa nta cyo akibaye."

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yabaye Ngiruwonsanga ageze mu mwaka wa Gatandatu w'amashuri abanza ndetse nyuma yo kurokoka yarakomeje, kugeza arangije kaminuza. Yarashatse kandi aranabyara. Avuga ko ubu yishimiye kuba mu gihugu cyiza. Ati: "Turi amahoro turi mu gihugu cyiza. Impamvu tuvuga ubu buhamya ntabwo ari ukuzura akaboze, ni ukugira ngo abana bumve ibyo twanyuzemo. Ntabwo dukwiye kumva amabwire y'abadusenya, dukwiye kubamagana, abana bacu bakazaba mu Gihugu cyiza kizira amacakubiri."

Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame mu butumwa yatanze atangiza icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yashimangiye ko nta Munyarwanda uzongera gupfa. Yagize ati: "Ku byo Theoneste yavuze, abafite uko babihakana, ngira ngo birasaba akazi gakomeye kugira ngo uhindure amateka nk'ayo y'abantu".

Yavuze ko abo mu bihugu by'amahanga ari bo bakunze guhakana no kugoreka amateka y'u Rwanda ku mpamvu zitandukanye ariko ashimangira ko nta muntu ushobora kongera gusubiza Abanyarwanda muri Jenoside uko yaba ameze kose. Ati: "Ibihe byo birahinduka, ntawe uzongera gupfa nk'uko Theoneste yavugaga abapfuye cyangwa na we uko yapfuye… kuba ariho ni nko kuzuka. Ntawakongera gupfa kuriya."

KAMALIZA Agnes

# Mama yarantanze ngo banyice – Ubuhamya bwa Nsengimana Albert

***Iyi nkuru ishingiye ku Gitabo cyanditswe na Nsengimana Albert cyitwa: "Ma mère m'a tué" (Mama yaranyishe), hamwe n'ibiganiro bitandukanye yagiye atanga ku bizazane yahuye na byo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho avuga ko nyina, yamutanze ngo yicwe, gusa yaje kurokoka.***

"Mama yafashe barumuna banjye bankurikira babiri abaha marume aba ari we ubiyicira. Ntibyagarukira aho nanjye ubwanjye aramfata aranjyana tugeze aho bagombaga kunyicira arabaza ngo ese abica bari he ngo nuyu bamwice?"

Ibyo ni ibyabaye kuri Nsengimana Albert wari ufite imyaka 7 mu gihe Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaga; ndetse yabyanditse mu gitabo yise "Ma mère m'a tué" cyangwa "Mama yaranyishe", yanditse ashingiye ku byamubayeho na barumuna be.

Mu buhamya Nsengimana yagiye atanga mu bihe bitandukanye, hamwe n'ibikubiye muri icyo gitabo, agaragaza uruhare rwa nyina mu kwihekura, uburyo byamuhungabanyije nuko yabanye na nyina nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Nsengimana Albert avuka mu Ntara y'Uburasirazuba, ahahoze ari Komini Kabarondo ubu ni mu Karere ka Kayonza mu Ntara y'Uburasirazuba. Avuga ko ababyeyi be batari bahuje ubwoko kuko se yari Umututsi, ndetse na we yanishwe, mu gihe nyina yari Umuhutukazi. Nsengimana yari umwana wa 7 mu bana 9 akaba ari we wenyine warokotse muri abo bana bavukanaga.

**Urugendo rwo kwicwa na nyina nuko yarokotse**

Avuga ko urugendo rw'umubabaro yarutangiye ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yatangiraga. Icyo gihe ngo we na barumuna be bahungiye kwa sekuru ubyara se ariko sekuru ababwira ko atabona uko abahisha kuko na we ari guhigwa abagira inama yo kujya kwa sekuru ubyara nyina kuko bari Abahutu. Ngo bahise bahungira iwabo wa nyina kuko bumvaga ko ari ho hizewe ariko baza kuhicirwa bigizwemo uruhare na nyina ubwe.

Agira ati: "Uwo muryango ni wo watwishe ndetse na mama abigiramo uruhare. Yafashe barumuna banjye babiri




**Nsengimana Albert yanditse igitabo ku buzima yanyuzemo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

abaha marume aba ari we ubiyicira, ntibyagarukira aho nanjye aramfata aranjyana ku bw'impuhwe z'Imana mbasha kubaho."Avuga ko abavandimwe be bishwe batemwe na basaza ba nyina hamwe na babyara be ubundi bajugunywa mu musarani."

Nsengimana agaruka kuri babyara be barimo uwitwa Nshimiye na Kananura avuga uburyo bamushoreye ngo bajye kumwica ariko umugore wa Kananura avuga ko bashaka ahandi bamwicira kuko batamujugunya mu musarane we ngo atazamunukira.

Ngo yaje kujyanwa ku cyobo rusange bagenda bamukubita ibibatira by'imihoro ariko ngo akagenda avuga ko atari Umututsi. Bahageze ngo Kananura yabonye igitero kigiye yumva ko bagiye kumutanga gusahura, amusaba kuguma aho akaza kumwica agarutse.

Ubwo yari ari aho ategereje ko Kananura agaruka akamwica ngo imvura yaraguye. Agitekereza icyo ari bukore ngo abona bazanye Abatutsi benshi barimo abana, abagore n'abagabo babicira aho. Aha na ho ngo yaharokokeye. Nsengimana amaze kurokokera kuri icyo cyobo, yaje gusubira kwa sekuru yumva ko ari bubone uwo abwira ibyabaye, aza guhura na murumuna wa Kananura witwa Butera akimukubita amaso ati 'subirayo bakwice.

Uwari uzwi ku izina rya Rutwitsi wishe abantu benshi akaba ari n'umwe mu bari abo mu muryango wabo, bamusabye ko amwica avuga ko yananiwe ahubwo abasaba ko bazamuzana ejo. Icyo gihe Nsengimana ngo yaje kunyura mu rutoki ahura n'uwitwa Bugingo wajyaga agirana ibibazo n'iwabo; ngo yari afite umuheto amubonye amurasa umwambi umukomeretsa mu bitugu araza amusubiza kuri cya cyobo rusange ngo yicwe. Gusa kuri iyi nshuro, na bwo ngo Imana yarahamukuye ntiyahicirwa.

Nsengimana yongeye gusubira iwabo wa nyina hashize umwanya muto nyina arahamusanga. Agira ati: "Yahise ambwira ngo ngwino", ngira ngo agiye kumpa ibyo kurya, abwira mubyara wanjye ngo "mperekeza, na we mujyane bamwice". Yarantwaye na we mbona angejeje kuri cya cyobo rusange. Yabajije abari aho ati: "Abica bari hehe ngo n'uyu bamwice?"

Segatare murumuna wa Mukurarinda wari Pasiteri yagize ati: "Uramuzanye ngo bamwice?" Nyina na we ati: "Yego". Nsengimana ashimangira ko ibihe by'umwijima yagize ari igihe umubyeyi yamutwaraga ngo yicwe ariko Imana ikamurokora.

Agira ati: "Icyo gihe narahavuye ngerageza kwihisha uko nshoboye njya mu kiliziya, naho nza kuhava njya mu ishyamba nabaga ndi kumwe n'abandi bahahungiye nkihisha mu ntoki no mu nzu basenye." Ahamya ko nyina yari Interahamwe kuko yafatanyije na zo kwica aziha abo yabyaye.

**Uko yabanye na nyina nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Nsengimana avuga ko Jenoside igihagarikwa n'Inkotanyi nyina yahamijwe ibyaha bya Jenoside, afungwa imyaka 8 nyuma arafungurwa, apfa mu 2006. Avuga ko atigeze yongera kubana na we ariko yahoraga yihebye kuko yabagaho ari nyakamwe.

Agira ati: "Mama ntabwo nigeze nkomeza kubana na we nubwo namubonaga ariko ntabwo namubonaga nk'umubyeyi wambyaye. Hari igihe najyaga ntekereza nkavuga nti "birashoboka ko data yaba yarambyaye ahandi kuko numvaga umuntu wanshyiriye Interahamwe ngo zinyice atari mama."

Umubabaro ngo wongeye kwica Nsengimana kurushaho nyuma yuko nyina afunzwe kuko ngo nubwo yashatse kumwica ariko bidakuraho ko yari umubyeyi we. Ati: "Mu gufungwa ku ruhande rumwe nagombaga kubabara kuko mbuze undi muntu wo mu muryango nubwo yampemukiye ntabwo bikuraho isano dufitanye. Nagombaga kubabara kuko kumubona hari icyo byanyongereraga, nategetswe n'umutima wanjye kujya kumusura."

Akomeza avuga ko yasuye nyina igihe yari mu igororero kandi yaje no kumubabarira. Yongeyeho ati: "Nagombaga kumureba kuko numvaga mukumbuye nari maze igihe nta muntu n'umwe mfitanye isano na we nshobora kubona hafi yanjye. Byari bingoye ariko nagombaga kumusuhuza nkemera ko ari mama na we akemera ko ndi umwana we."

Nsengimana ubu ni umugabo ufite umuryango; avuga ko byari kumushimisha kurushaho iyo aza kwandika icyo gitabo nyina akiriho ariko nubwo bimeze bityo yababariye abamwiciye bose harimo na nyina kandi ko abakiriho babanye mu mahoro.

# Amatariki agaragaza uko ubwicanyi bwakozwe hirya no hino mu gihugu mu kwezi kwa Mata 1994

***Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye mu minsi hafi 100, buri tariki ifite umwihariko ndetse n'amateka. Twifashishije ubushakashatsi bwakozwe n'iyahoze ari Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside, muri iyi numero turabagezaho uko ubwicanyi bwakozwe hirya no hino mu gihugu mu kwezi kwa Mata tugendeye ku matariki.***

## 7 Mata 1994

- Ku ikubitiro hishwe Minisitiri w'Intebe, Madamu Uwilingiyimana Agathe n'abasirikare icumi b'Ababirigi bo mu ngabo z'Umuryango w'Abibumbye bari bashinzwe umutekano we
- Abatutsi bagera kuri 17 biganjemo abapadiri n'ababikira biciwe mu Kigo cy'Abayezuwiti cya Centre Christus i Remera
- Perezida w'Urukiko rushinzwe kurinda Itegeko Nshinga, Kavaruganda Joseph, ba minisitiri Ferederiko Nzamurambaho, wari na Perezida w'ishyaka PSD, Me. Felicien Ngango, wari Visi Perezida wa PSD n'umugore we Odeta Ubonabenshi, Faustin Rucogoza wari Minisitiri w'itangazamakuru wari mu ishyaka rya MDR na Landouald Ndasingwa wo mu ishyaka rya PL bishwe ku ikubitiro n'abasirikare barindaga Perezida Habyarimana
- Ubwicanyi bw'Abatutsi bwatangijwe, i Nyamata muri Bugesera na Sake muri Perefegitura ya Kibungo. Mu yahoze ari Komini Runda muri Perefegitura ya Gitarama, mu Karere ka Kamonyi
- Abatutsi bagera kuri 50 biciwe mu Iseminari ntoya ya Nyundo naho abagera kuri 150 bicirwa muri Paruwasi gatolika ya Busasamana muri Diyosezi ya Nyundo
- Abatutsi bahungiye mu ishuri rikuru ry'ubuhinzi n'ubworozi rya ISAE Busogo barishwe bose, abapolisi n'Interahamwe bajya kwica Abatutsi bagera kuri 43 bari bahungiye kuri Paruwasi ya Busogo

## 08 Mata 1994

- Interahamwe n'abasirikare bishe Abatutsi bari bahungiye ahantu hatandukanye i Nyamirambo harimo kuri Paruwasi gatolika yitiriwe Mutagatifu Karoli Lwanga , mu kigo cy'Abafureri b'Abayozefiti no muri Koleji "St Andre" i Nyamirambo
- Ubwicanyi muri Komini Taba muri Gitarama bwatangiye gukaza umurego
- Mu cyahoze ari Komini Kamembe, ubu ni mu Karere ka Rusizi, Abatutsi biciwe kuri Paruwasi ya Nkanka, kuri Komini yahoze ari iya Kamembe no mu Busekanka
- Kuri BRALIRWA hiciwe abashoferi cumi n'umwe (11) b'amakamyo babaga baturutse hirya no hino mu gihugu baje kurangura ibinyobwa bya BRALIRWA
- I Rwankuba mu Murenge wa Murambi hishwe Abatutsi barenga 500
- Muri Kiziguro, ku Rukungu ubu ni mu Kagari ka Ndatemwa, Umurenge wa Kiziguro, mu masaha 2 gusa Abatutsi hafi ya bose bari bahatuye bari bamaze kubica
- Hishwe Abatutsi bari bahungiye mu ruganda rw'icyayi rwa Mata, mu Karere ka Nyaruguru. Hishwe kandi Abatutsi bari bahungiye ku musozi wa Nyawera mu Murenge wa Mwiri, Akarere ka Kayonza
- Hishwe Abatutsi bagera ku 5,000 bari bahungiye ku Rusengero rw'Abadiventisiti rwa Cyambara mu Murenge wa Bigogwe muri Perefegitura ya Gisenyi hamwe n'Abatutsi bari bahungiye mu Bitaro bya Shyira muri Perefegitura ya Ruhengeri, ubu ni mu Karere ka Nyabihu

## 9 Mata 1994

- Interahamwe, abasirikare n'abajandarume bishe Abatutsi bari bahungiye kuri Paruwasi gatolika yitiriwe Mutagatifu Visenti wa Palloti i Gikondo bagera kuri 500
- Abatutsi bari bahungiye ku misozi ya Murama, Murundi, Mwiri, Nyamirama na Kabare mu Karere ka Kayonza, kimwe n'abari bahungiye kuri Paruwasi gatolika ya Kabuye mu Murenge wa Jabana mu Karere ka Gasabo barishwe
- Interahamwe zishe Abatutsi muri Segiteri Nyagatare I mu Karere ka Nyagatare ndetse n'abari bahungiye kuri Paruwasi ya Zaza muri Kibungo guhera tariki ya 09. Ubwo bwicanyi bwarakomeje, ababarirwa hagati ya 500 na 800 barishwe
- Interahamwe zatangiye kwica Abatutsi bari bahungiye i Kiramuruzi mu Karere ka Gatsibo, hamwe n'abari bahungiye ku musozi wa Nyamagumba muri Komini Mabanza muri Perefegitura ya Kibuye. Abatutsi birwanyeho iminsi itanu (9 Mata-14 Mata), hishwe Abatutsi barenga 12,000

## 10 Mata 1994

- Tariki ya 10/4/1994, Jérôme Bicamumpaka wari Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga muri Guverinoma yakoraga jenoside yakiriwe na ambasaderi w'u Bufaransa mu Rwanda, Jean-Michel Marlaud
- Abasenyeri Gatolika banditse ko bababajwe n'urupfu rwa Habyarimana, ntibigera bamagana Jenoside yakorerwaga Abatutsi
- Tariki ya 10 Mata 1994, Abatutsi benshi ba Rushashi biciwe i Rwankuba kuri Paruwasi gatolika, hafi y'Ibiro by'Umurenge wa Rushashi hahoze Su-Perefegitura Rushashi ndetse n'Urukiko, i Shyombwe ndetse no mu gace k'ubucuruzi ka Kinyari (hiswe CND mu 1994)
- Mugirangabo Silas, Burugumesitiri wa Komini Rwamiko, Superefe Biniga Damiyani, barimbuye Abatutsi bari bahungiye mu kigo nderabuzima cya Ruramba muri Komini Rwamiko, Gikongoro
- Abatutsi biciwe muri Ngororero, Komini Satinsyi batwikishwa lisansi
- Abasirikare bo mu kigo cya Gako barimburiye Abatutsi ku musozi wa Rebero mu Murenge wa Mayange, mu Bugesera

KOMEZA KU RUP.18

# Amatariki agaragaza uko ubwicanyi bwakozwe hirya no hino mu gihugu mu kwezi kwa Mata 1994

IBIKURIKIRA URUP.17

- Kuwa 10/04/1994 ni bwo ku i Rebero haje abasirikare bari bavuye mu kigo cya gisirikare i Gako barasa Abatutsi bari ku musozi wa Rebero. Harokotse bake cyane kuko abasirikare bararasaga maze Interahamwe zikaza inyuma zitema utarashiramo umwuka

**11 Mata 1994**

- Ingabo z'Ababiligi zataye impunzi z'Abatutsi muri ETO Kicukiro, bicirwa i Nyanza ya Kicukiro
- Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi muri kiliziya ya Paruwasi Gatolika ya Kiziguro, muri Komini Murambi
- Abatutsi biciwe i Save muri Komini Gisuma, Cyangugu
- Abatutsi biciwe kuri Paruwasi ya Hanika, Cyangugu
- Abatutsi barimburiwe i Midiho, EAR Nyagatovu, Kayonza, Kibungo

**12 Mata 1994**

- Froduald Karamira na MDR-Power bahamagariye intangondwa z'Abahutu kwica Abatutsi
- Muri Kigali, intumbi z'abishwe muri Jenoside zakusanyirizwaga mu makamyo, zikajugunywa mu byobo byari byacukuwe n'ibimashini
- Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumye, Boutros Boutros - Ghali yavuze ko MINUAR igomba kuva mu Rwanda muri Jenoside
- Abatutsi barishwe i Mukarange mu Murenge wa Kayonza
- Ubwicanyi bwahitanye Abatutsi benshi bari bahungiye mu Murenge wa Nyabitekeri ahahoze hubatse Segiteri ya Mukoma, Nyamasheke
- Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi kuri Ngoma, Segiteri Bushekeri, Nyamasheke.
- Burugumesitiri Furere Abel yarimbuye Abatutsi bo muri Komini ya Rwamatamu, Umurenge wa Gihombo, Kibuye
- Abatutsi barishwe mu Buharabuge, Rugarika mu Karere ka Kamonyi
- Ijugunywa ry'Abatutsi ba Runda muri Nyabarongo
- Iyicwa ry'Abatutsi bo mu Kabuga, Umurenge wa Bumbogo, Gasabo
- Iyicwa ry'Abatutsi i Musenyi mu Bugesera na Muhura muri Gatsibo

**13 Mata 1994**

- Iyicwa ry'Abatutsi muri College Saint André i Nyamirambo
- Iyicwa ry'Abatutsi i Kanyinya, Komini Nyarugenge
- Ku wa 12-13 /04/1994 Paruwasi ya kiliziya gatolika ya Musha hiciwe Abatutsi basaga 8,000.
- Iyicwa ry'Abatutsi ku Muhororo, Kibilira muri Ngororero
- Iyicwa ry'Abatutsi kuri Kiliziya Gatolika ya Rukara, Kayonza
- Iyicwa ry'Abatutsi i Ruharambuga, Nyamasheke
- Iyicwa ry'Abatutsi i Nyakanyinya, Mururu, Rusizi
- Iyicwa ry'Abatutsi i Kirinda, Karongi
- Iyicwa ry'Abatutsi muri Chapelle ya Gitwa, Rutsiro
- Iyicwa ry'Abatutsi ku mashuri abanza ya Mbogo, Kinyamakara, Gikongoro
- Iyicwa ry'Abatutsi ahishwe kuri "Eskariye" (escalier), Muhima, Nyarugenge, n'i Nkomangwa, Kayonza

**14 Mata 1994**

- Iyicwa ry'Abatutsi kuri ADEPR Maheresho, Nyamagabe
- Iyicwa ry'Abatutsi bari bahungiye ku ruganda rw'icyayi rwa Mata, Nyamagabe.
- Iyicwa ry'Abatutsi bari bahungiye kuri Segiteri Gati, Rwamagana
- Iyicwa ry'Abatutsi mu Birambo, Karongi
- Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi Gatolika ya Kibeho, Nyaruguru
- Iyicwa ry'Abatutsi bo mu Murenge wa Munyiginya/Rwamagana
- Iyicwa ry'Abatutsi bo mu Murenge wa Kibungo, Ngoma

**15 Mata 1994**

- Abatutsi biciwe ku Rukiko rw'ubujurire rwa Ruhengeri, Musanze
- Abatutsi biciwe i Nyange muri Komini Kivumu
- Abatutsi barishwe mu rusengero rwa E.E.R Ruhanga
- Iyicwa ry'Abatutsi kuri Kiliziya ya Ntarama
- Hagati y'itariki ya 14-15/04/1994, Interahamwe zishe Abatutsi bose bari bahungiye ku Kiliziya ya Cyahinda babarirwa mu bihumbi 32
- Abatutsi biciwe mu Kiryamocyinzovu, Kamonyi
- Abatutsi barishwe mu Gasetsa, ahahoze ari Komini Kigarama, Kibungo
- Abatutsi barishwe i Gihara muri Kamonyi
- Abatutsi barishwe i Nyabikenke, Muhanga
- Abatutsi barishwe mu Murenge wa Muyongwe, hahoze ari Komini Tare, Gakenke
- Abatutsi biciwe kuri Komini Muhazi, Gishari Rwamagana
- Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi gatolika ya Nyarubuye
- Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi Gatolika ya Muganza, Nyaruguru

**16 Mata 1994**

- Abatutsi bari bahungiye kuri Paruwasi ya Nyamata barishwe
- Iyicwa ry'Abatutsi ku Mugonero, Karongi

KOMEZA KU RUP.19

Kwibuka 32 kwibuka twiyubaka

# Amatariki agaragaza uko ubwicanyi bwakozwe hirya no hino mu gihugu mu kwezi kwa Mata 1994

IBIKURIKIRA URUP.18

- Iyicwa ry'Abatutsi muri Hôme ya St Jean no mu Kiriziya Gatolika ya Kibuye, Karongi
- Iyicwa ry'Abatutsi i Rukumberi. Rukumberi ni imwe muri Segiteri zari zigize Komine Sake muri Perefegitura ya Kibungo. Kuba uyu Murenge ukikijwe n'ibiyaga bya Mugesera na Sake n'umugezi w'Akagera byatumye byorohera Interahamwe kwica Abatutsi basaga 35.000 bari bahatuye, Inkotanyi zirokora gusa abagera kuri 700 harimo abakomeretse cyane
- Iyicwa ry'Abatutsi muri Rwamagana

**17 Mata 1994**

- Leta y'abicanyi yashyizeho ba Perefe bashya bagombaga kwihutisha Jenoside muri za Perefegitura
- Iyicwa ry'Abatutsi ku cyobo ku Muhima hafi y'Akagari ka Rugenge (CND) no mu murenge wa Kigali ahitwa muri « Centre » ya Kitabi
- Abatutsi biciwe mu Babikira b'Abakarikuta munsi ya Ste Famille
- Iyicwa ry'Abatutsi mu bitaro bya CHUK
- Iyicwa ry'Abatutsi muri CARAES Ndera/ Gasabo
- Iyicwa ry'Abatutsi ku Munini muri Nyaruguru, Gikongoro
- Abatutsi biciwe muri Komini ya Rwamatamu, Kibuye
- Abatutsi biciwe mu Bweyeye, Rusizi na Cyangugu
- Abatutsi biciwe i Kayonza, Umurenge wa Nyamirama no ku cyuzi cya Ruramira na Kabazeyi muri Rwamagana

**18 Mata 194**

- Leta y'abicanyi yakomeje gukangurira abaturage gukora Jenoside Tariki ya 18/4/1994, abagize Leta y'abicanyi barimo Edouard Karemera, wagombaga kuba Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu baje i Gitarama gushishikariza abaturage gukora Jenoside. Kuri uwo munsi Perezida Théodore Sindikubwabo yagiye ku Gikongoro akorana inama n'abategetsi ba Perefegitura ya Gikongoro, hategurwa uko Jenoside igomba gukorwa i Kaduha, i Murambi, mu Cyanika no muri Perefegitura yose ya Gikongoro
- Perefe Kayishema Clement yarimbuye Abatutsi kuri Sitade Gatwaro, Kibuye.
- Iyicwa ry'Abatutsi muri Kamonyi, Kayumbu
- Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi ya Nkanka, Rusizi
- Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi ya Simbi, Komine Maraba, Huye
- Iyicwa ry'Abatutsi kuri OPROVIA, Rusizi
- Iyicwa ry'Abatutsi i Mwulire, Rwamagana no ku kigo cy'amashuri cya Sovu

**19 Mata 1994**

- Disikuru rutwitsi ya Perezida Sindikubwabo i Butare, isaba Abanyabutare "gukora" n'ishyirwaho rwa Perefe wo gushyira mu bikorwa Jenoside
- Abatutsi biciwe mu Murenge wa Ngoma, Komini Kigembe, Butare
- Abatutsi biciwe Kigembe, Umurenge wa Gacarubwenge, Musambira, Kamonyi
- Abatutsi biciwe ahitwa ku rutare rw'Abarenga, muri Kamonyi, kuri Nyabarongo
- Abatutsi biciwe muri Santeri ya Kamonyi (ku Masuka)
- Abatutsi biciwe mu ishyamba rya Karutare (Cyibihanga), muri Kamonyi
- Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi Mushishiro (Muhanga)
- Iyicwa ry'Abatutsi muri Komini Kayenzi: i Gitwa, Gashinge, Kirwa, Kamonyi
- Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi bari bahungiye ku biro bya Komini Muko, Nyamagabe
- Abatutsi biciwe i Nyakanyinya mu Murenge wa Mururu, Rusizi

**20 Mata 1994**

- Perezida Theodore Sindikubwabo na Leta y'abicanyi bakomeje gukangurira Abahutu kurimbura Abatutsi
- Iyicwa ry'Umwamikazi Rosalie Gicanda mu mujyi wa Butare
- Abatutsi biciwe kuri Kiliziya ya Mugombwa, Gisagara
- Iyicwa ry'Abatutsi, Busekanka, Umurenge wa Nkanka, Rusizi
- Abatutsi biciwe RUTABO hiswe kuri CND, Umurenge wa Kinazi, Ruhango
- Abatutsi biciwe kuri Paruwasi gatorika ya Nyumba, Komine Gishamvu, Butare
- Abatutsi biciwe kuri ADEPR Shagasha, Gihundwe

**21 Mata 1994**

- Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi yatse inshingano MINUAR igabanya umubare w'abasilikare bayo mu Rwanda
- Abatutsi biciwe i Murambi, Gikongoro, Nyamagabe
- Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi Gatorika ya Cyanika, Nyamagabe
- Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatorika ya Kaduha, Nyamagabe
- Abatutsi biciwe ahantu hatandukanye muri Komini Ntongwe, Ruhango
- Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi ahahoze ibiro bya Komini Ntongwe, Ruhango
- Ubwicanyi bwabereye mu kibaya cya Nyamukumba, Ruhango
- Ubwicanyi bwakorewe aho bitaga kuri CND ku Rutabo, Ruhango
- Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatorika ya Karama, Runyinya, Huye
- Abatutsi biciwe ku musozi wa Gashinge, Kamonyi

KOMEZA KU RUP.20

# Amatariki agaragaza uko ubwicanyi bwakozwe hirya no hino mu gihugu mu kwezi kwa Mata 1994

IBIKURIKIRA URUP.19

- Abatutsi biciwe mu Cyakabiri i Rutobwe, Gitarama, Muhanga
- Abatutsi biciwe mu Murenge wa Tumba (Mpare na Musange), Huye
- Abatutsi biciwe Gishubi, Gisagara
- Abatutsi biciwe Musha, Komini Mugusa, Gisagara
- Abatutsi biciwe ahantu hatandukanye mu Mujyi wa Butare, Huye
- Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatorika ya Rugango, Huye
- Abatutsi biciwe i Kibirizi, Gisagara

**22 Mata 1994**

- Abatutsi biciwe muri « CELA » i Kigali
- Abatutsi biciwe ahahoze ari ibiro bya Komini Huye
- Abatutsi biciwe i Sovu kuri Monastere y'ababikira b'aba Benedigitine no ku kigo nderabuzima
- Abatutsi biciwe ku Gisagara, mu Murenge wa Kansi, Gisagara
- Abatutsi biciwe ku musozi wa Nzaratsi mu Ruhango
- Abatutsi biciwe ku musozi wa Bibare (Bunyonga), Kamonyi
- Abatutsi biciwe ku musozi wa Kabakobwa, mu Karere ka Huye

**23 Mata 1994**

- Abatutsi biciwe mu Murenge wa Kabuye, Gisagara
- Abatutsi biciwe mu Murenge wa Rwaniro ahitwa Mwendo, Huye
- Abatutsi biciwe ahahoze ibiro bya Komini Musange, Nyamagabe
- Abatutsi batawe ku cyuzi cya Nyamagana mu Karere ka Nyanza
- Abatutsi biciwe ku mashuri abanza ya Bitsibo, Kamonyi

**24 Mata 1994**

- Abatutsi biciwe i Mayunzwe muri Ruhango
- Abatutsi biciwe i Kabgayi, Muhanga
- Abatutsi biciwe mu Bibungo bya Mukinga, Kamonyi
- Abatutsi biciwe i Nyakarekare, Ruhango

**25 Mata 1994**

- Leta y'abicanyi yakomeje gushyigikirwa n'Abafaransa mu Kanama ka Loni gashinzwe Amahoro ku Isi, burwanya ko ijambo "Jenoside" ryakoreshwa
- Abatutsi biciwe ahahoze ari ibiro bya Komini Mbazi, Huye
- Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi i Save, Komini Shyanda, Butare
- Abatutsi biciwe mu Gihisi ku kibuga cy'umupira w'amaguru, Nyanza
- Abatutsi biciwe muri Komini Muyira, Nyanza
- Abatutsi biciwe mu Nkomane mu Karere ka Nyanza
- Abatutsi biciwe mu Butansinda, Gitarama
- Abatutsi biciwe i Ruhashya, Huye
- Abatutsi biciwe kuri EPR Gituntu, Karongi

**26 Mata 1994**

- Abatutsi biciwe kuri Paruwasi ya Mugina, Kamonyi
- Abatutsi biciwe muri ISAR Rubona (RAB), Huye
- Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatorika ya Birambo, Karongi
- Abatutsi biciwe kuri Komini Kigoma, Ruhango
- Abatutsi biciwe kuri Komini Tambwe, Ruhango

**27 Mata 1994**

- Muri Jenoside, Leta y'u Bufaransa yakiriye abayobozi bakuru ba Hutu power aribo Jerome Bicamumpaka na Jean Bosco Barayagwiza
- Abatutsi biciwe i Gikonko, Gisagara
- Abatutsi biciwe ku musozi wa Nyamure mu Murenge wa Muyira, Akarere ka Nyanza

**28 Mata 1994**

- Oxfam yamaganye Jenoside yakorerwaga Abatutsi mu Rwanda
- Abatutsi biciwe ku musozi wa Kizenga, Rwamatamu no ku Kivu, Kibuye
- Abatutsi biciwe muri ISAR Songa, Huye

**29 Mata 1994**

- Abatutsi biciwe mu kigo cya Gisirikare cya Bututori (Marine), Rubavu
- Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatolika ya Shangi, Cyangugu
- Abatutsi biciwe kuri Sitade Kamarampaka, Rusizi

**30 Mata 1994**

- Abatutsi biciwe mu Mujyi wa Gisenyi, Rubavu
- Abatutsi biciwe kuri Paruwasi ya Mibirizi, Cyangugu
- Abatutsi biciwe kuri Paruwasi gatorika ya Ngoma, Huye
- Abatutsi biciwe mu kigo gikuru cy'Abenebikira ku i Taba, Butare
- Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi mu rufunzo i Ntarama mu Bugesera

# Abarenga 4,000 barahungabanye mu bihe byo Kwibuka 31




**Abasaga 4,000 umwaka ushize barahungabanye mu bihe byo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

**KAMALIZA Agnes**

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC) kigaragaza ko abantu 4,192 bahungabanye mu bihe byo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, barimo 2,666 bahungabaniye ahabera ibikorwa byo kwibuka n'abandi 1,526 bahungabaniye mu ngo zabo bakajyanwa kuvuzwa.***

RBC itangaje ibi mu gihe u Rwanda rwitegura gutangira icyumweru cy'icyunamo ku wa 07 Mata 2026, n'iminsi 100 yo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yasize abarenga miliyoni imwe bishwe mu minsi 100 gusa.

Umuyobozi w'Ishami Rishinzwe Ubuzima bwo mu Mutwe muri RBC, Dr. Gishoma Darius mu kiganiro n'itangazamakuru, yagaragaje ko Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 igihungabanya abantu mu byiciro byose haba ababaye muri ibyo bihe n'abavutse nyuma yabyo.

Agaruka ku bahuye n'ihungabana mu mwaka ushize, Dr. Gishoma yagize ati: "Dufashe urugero rw'abo twakiriye mu bihe byo Kwibuka 31, abavuye ahabera ibikorwa byo Kwibuka bari 2,666, ariko hari n'abandi baturuka mu rugo bakagira ibimenyetso ku buryo mu kwezi kwa Kane hari abataravuye ahaberaga ibikorwa byo Kwibuka bangana na 1,526 biyongera kuri bamwe bagize ibimenyetso bari ahabereye Kwibuka. Ibyo byose bikatugaragariza ko ingaruka zikiremereye abantu."

Mu bagize ihungabana n'ibimenyetso byaryo, abakuze bangana na 90% mu gihe 10% ari urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ruri hagati y'imyayaka 18 na 30. Dr. Gishoma agaragaza ko nubwo hakiri ibibazo by'ihungabana hariho ingamba zo gukomeza kwita ku bahuye n'ibyo bibazo.

Ati: "Ibibazo by'ihungabana bifata cyane abantu bakuru; uhereye umwaka ushize 90% ni abantu bari bafite hejuru y'imyaka 32 ni abo yagizeho ingaruka kandi bayibonye n'amaso yabo; 10% ry'abahungabanye ni abantu bavutse nyuma yayo bivuga ko tugomba gukomeza ingamba zo kwita ku bakuru ariko nabo bato tugomba kujya tubareba."

Mu bantu bagize ihungabana mu 2025, muri bo 1,755 basanganywe ibindi bibazo by'uburwayi nk'umutima, diyabete, kanseri, umuvuduko w'amaraso n'izindi ndwara zidakira. RBC igaragaza ko no muri ibi bihe byo Kwibuka ku nshuro ya 32 hamwe n'abandi bafatanyabikorwa biteguye gukomeza gutanga ubufasha ku bahura n'ibibazo nk'ibyo.

Dr. Gishoma ati: "Twateguye uburyo bwo gufasha abantu, kubaherekeza mu bufasha babona ntibabone ubufasha bw'ubuvuzi gusa bakaganirizwa n'ibindi bikorwa bibafasha biba bibateganyirijwe."

Abaturarwanda basabwa kwirinda ibikorwa bikomeretsa abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse ugize ibibazo by'ihungabana agahabwa ubufasha kandi akitabwaho uko bikwiye.

---

**KAYITARE Jean Paul**

# Kuba hafi y'abagifite ihungabana si mu magambo - Jean Malic Kalima

***Jean Malic Kalima, Umuyobozi w'ibitaro 'Legacy Clinics & Diagnostics Ltd', avuga ko mu bihe byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, hari abavandimwe bagifite ibikomere by'ihungabana bityo ko kuba hafi yabo bidakwiye kuba mu magambo.***

Yabigarutseho mu gihe hibukwa ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 hakaba hakigaragara abagifite ibikomere byo ku mubiri no ku mutima batewe na Jenoside.

Mu butumwa bwe, Kalima uyobora Legacy Clinics & Diagnostics Ltd, yagize ati: "Abavandimwe bacu bagifite ibikomere by'ihungabana kuba hafi yabo si amagambo menshi, ahubwo ni umutima ubitayeho. Wicara ukabatega amatwi, ukabereka ko batari bonyine, kandi ko ubuzima bukomeza.

Ntukirengagize amarangamutima yabo, kubaho mu bwitonzi no kububaha ni ingenzi. Ijambo ryiza, gusura, cyangwa gufata umwanya wo kubana na bo bishobora kubafasha kuruhuka mu mutima.



**Jean Malic Kalima, Umuyobozi w'Ibitaro Legacy Clinics and Diagnostics Ltd hagati. (Ifoto Internet)**

Twese dufite inshingano yo kubaka ubumwe n'ubudaheranwa, twita ku bakomeretse mu mutima. Kuba hafi yabo, ni intambwe ikomeye yo kubafasha kongera kwizera ejo hazaza no kubaho mu mahoro."

Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima, RBC, cyagaragaje ko mu 2025 mu mezi yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abantu 4,192 bahuye n'ibibazo by'ihungabana rishingiye ku mateka ya Jenoside barimo 10% bavutse nyuma yayo.

RBC igaragaza ko mu bantu bahuye n'ihungabana 2,666 ari abahungabaniye ahabera ibikorwa byo kwibuka, mu gihe 1,526 ari abahungabaniye mu ngo zabo n'ahandi.

Mu bahuye n'ihungabana bose, 90% ni abari hejuru y'imyaka 31, mu gihe 10% ari urubyiruko ruri hagati y'imyaka 18 na 30.

# Dr Bizimana yagaragaje uruhare rw'abaganga n'abaforomo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

NYIRANEZA Judith

***Abaganga, ababyaza, abaforomo n'abakoraga mu rwego rw'ubuzima ni bamwe mu bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bavutsa Abatutsi ubuzima aho kububaha nk'uko ubusanzwe biri mu nshingano zabo.***

Minisitiri w'Ubumwe bw'Igihugu n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascène, mu kiganiro yatanze ku ruhare rw'abari abakozi bakoreraga inzego z'ubuzima bagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yavuze ko bigayitse kuba abagombye gutanga ubuzima barabubambuye.

Yavuze ko inzego z'ubuzima abari abakozi bagize uruhare rukomeye kandi runini ndetse ruremereye mu nzego zose ndetse anerekana ko hakwiye kubaka Igihugu bihereye mu nzego zose.

Yagize ati: "Mu Rwanda mu 1994, mu gihugu hose dufite umubare munini w'abaganga bahamijwe n'inkiko icyaha cya Jenoside. Abaganga 68 nubwo igihugu kitari gifite abaganga benshi kubona muri 1994 abaganga 68 bahamijwe icyaha n'inkiko, abaforomo n'abakozi b'ibitaro 89 ni bo bahamijwe icyaha cya Jenoside, ubwo bose hamwe ni 157."

Yakomeje agaragaza ko muri bo hari abakatiwe ku rwego mpuzamahanga, bakatiwe n'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda, barimo Dr. Clement Kayishema na Dr. Gerard Ntakirutimana, Dr. Rwamucyo Eugene, n'abandi batatu bakurikiranywe n'inkiko z'amahanga n'abazagezwa mu nkiko barimo Dr. Charles Twagira, Dr. Sosthene Munyemana na Dr. Bajinya Vincent.

**Intara y'Amajyepfo yagaragayemo abaganga benshi bijanditse muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Minisitiri yavuze ko mu gihugu hose, Intara y'Amajyepfo ari yo yagize abaganga, abaforomo n'abakozi benshi mu nzego z'ubuzima bijanditse muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ati: "Hose mu gihugu, mu bitaro, amavuriro n'ibigo nderabuzima byo mu Ntara y'Amajyaruguru, Uburengerazuba n'Uburasirazuba abaganga 17 bahamwe n'ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, naho abaforomo n'abakozi b'amavuriro n'ibitaro 30, ni ukuvuga abantu 47 hose mu gihugu uretse mu Ntara y'Amajyepfo."



Dr. Bajinya Vincent ugishakishwa n'ubutabera

Kubera umubare munini w'abakoraga mu rwego rw'ubuzima yahisemo gufata igice gito mu kwerekana uburemere bw'uruhare rw'abaganga muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu mujyi wa Butare. Ati: "Mu bitaro byari mu Mujyi wa Butare, dufitemo abaganga 26, bakoreraga CHUB n'abakoreraga ibitaro bya Kabutare bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakiyongeraho abandi 3 bari mu mwaka wa nyuma w'ishami ry'ubuvuzi na bo bakoraga kuri CHUB, ubwo ni abantu 31 mu mujyi wa Butare gusa mu nzego z'ubuzima."

Yongeyeho ati: "Turebye mu Ntara y'Amajyepfo uko iteye iki gihe, tudashyizemo umujyi wa Butare, dusangamo abaganga 5 ni Dr. Niyitegeka Theoneste wakoraga i Kabgayi, Dr. Misago Rutegesha, Dr. Higiro Pierre Celestin wayoboraga ibitaro bya Nyanza, Dr. Twagiramungu Edson wayoboraga ibitaro bya Kigeme, Dr. Hakizamungu Jean Marie Vianney wavuraga i Gatagara."

Minisitiri Dr. Bizimana yagize ati: "Mu Mujyi wa Kigali mu bitaro bya CHUK, Kanombe na Faisal, abaganga 15 bahamijwe ibyaha bya Jenoside naho abaforomo, n'abakozi b'ibitaro n'amavuriro 10 bakoraga mu bahamwe n'ibyaha bya Jenoside, harimo uzwi cyane Dusabe Therese akaba nyina wa Ingabire Umuhoza Victoire wari umubyaza ku kigo nderabuzima cya Butamwa, bari barahimbye izina 'muganga w'urupfu'" wagize uruhare rukomeye muri Jenoside harimo no kwica impinja n'ababyeyi babaga baje kubyara."

Dr. Bizimana yanagaragaje ko abaganga bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuko mu nzego za politiki harimo abaganga n'uwayoboraga igihugu muri icyo gihe. Ati: "Theodore Sindikubwabo yari umuganga wanabyize kera muri Groupe Scolaire Officiel de Butare, akomereza mu ishami ry'ubuvuzi muri kaminuza, nyuma akora mu Bitaro bya Kaminuza i Butare (CHUB) imyaka myinshi mbere yuko yinjira mu rwego rwa politiki."

Yanagarutse no ku bandi baganga bari muri politiki, barimo Dr. Straton Mukunzi bagize Minisitiri w'Ubuhinzi muri Guverinoma y'Abatabazi, Dr Ndarihoranye Jean Baptiste wabaye Minisitiri w'Ubuzima mu 1991, Jenoside yabaye ayobora ibitaro byitiriwe Umwami Faisal ari naho yakoze Jenoside.

Dr. Butera Jean Baptiste wari warashinze ishyaka ry'intagondwa z'Abahutu ryitwaga PECO (Parti Ecologiste) ryafatanyije na CDR na MRND mu gucura no gukora umugambi wa Jenoside.

Dr. Antoine Rutegesha Misago, yari umwe mu bantu 10 bashinze CDR mu nama yabereye mu Urugwiro ku itariki ya 22 Gashyantare 1992. Yanabaye visi perezida wa kabiri w'iryo shyaka ku rwego rw'igihugu.

Abandi baganga babiri bari ba Perefe Dr. Kayishema Clement wayoboraga Kibuye na Dr. Zirimwabagabo Charles wari Perefe wa Gisenyi bombi bakatiwe igifungo cya burundu naho Kayishema yaguye muri gereza y'Umuryango w'abibumbye muri Mali naho Zirimwabagabo yaguye mu Igororero rya Mageragere.



Dr. Charles Twagira

Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr. Bizimana Jean Damascene yatanze urugero rugaragaza uruhare rw'ubuyobozi muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ati: "Urugero nko ku itariki ya 18 Mata 1994, Dr. Sindikubwabo Theodore, yagiye muri Perefegitura ya Butare agiye gutangiza Jenoside, abanza muri Komini yitwaga Nyakizu, ubu ni mu Karere ka Nyaruguru ahagana i Cyahinda, noneho ajya gushimira abantu kuko bari bamaze gukora Jenoside i Cyahinda bari barishe ku itariki ya 16 Mata 1994, ariko mu bindi bice bya Butare bari batarica."

Nka Perezida wa Repubulika kandi w'umuganga wize kuvura yarababwiye ati: "Baturage ba Nyakizu, ni ubwa mbere mubona uruzinduko rw'Umukuru w'Igihugu cy'u Rwanda, naje kubashyigikira no kubashimira ibikorwa byanyu muri ibi bihe bikomeye. Nintaha ndabohereza abantu bo kubafasha gukomeza aka kazi murimo kandi ndaza kureba nuko nabagenera igihembo, mukore nko mu 1959."

Yakomeje asobanura ko bucyeye bwaho Dr. Sindikubwabo yaje mu mujyi wa Butare, ariko yabanje ku Gikongoro akorana inama n'abayobozi b'inzego za Perefegitura ya Gikongoro asiga bumvikanye ku mugambi uko bari bukomeze gukora Jenoside aho yari itarakorwa, i Murambi, Kaduha n'abandi.

Yakomereje i Butare bakuraho uwari Perefe, Habyarimana Jean Baptiste wari Umututsi bamusimbuza uw'intagondwa Sylvestre Nsabimana, noneho Sindikubwabo atanga ubutumwa ko n'Umuhutu udashaka kwica na we bamuvana mu nzira kugira ngo abashaka gukora Jenoside babe benshi kandi babikore vuba.

Yagize ati: "Umenya ahari

KOMEZA KU RUP.15

IBIKURIKIRA URUP.14

# Dr Bizimana yagaragaje uruhare rw'abaganga n'abaforomo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

mutarumvise amabwiriza twatanze, cyangwa ntimwumvise icyo tubasaba, cyangwa se mwarayumvise mwanga kubishyira mu bikorwa, ba ntibindeba, abadashaka kurangiza inshingano zabo, abashaka kurebera mu gihe abandi bakora, abo bose nibave mu nzira. Abashinzwe kubadukiza babigire vuba, kugira ngo abafite ku mutima ubushake bwo gukora batangire akazi."

Yongeyeho ati: "Bavandimwe ndagira ngo amagambo tuyahinire aha, kandi ndagira ngo mbibutse kujya musobanukirwa neza ibyo tuba tubabwira n'impamvu tuba tubivuga gutya, ibihe birakomeye, muve mu rwenya n'imikino ahubwo mutangire akazi."

Minisitiri Dr. Bizimana yasobanuye ko gukora byavugaga kwica Abatutsi n'Abahutu batari mu mugambi wo kwica Abatutsi. Ati: "Gukora kwari ukwica Abatutsi, gukora Jenoside ndetse n'Umuhutu udashaka kwica ariko cyane cyane urwanya gahunda yo kwica na we bakamwica. Jenoside ni icyo ivuga, kwica Abatutsi no kwica ubangamiye icyo gikorwa kibi cyo gukora Jenoside."

**Uruhare rw'abaganga muri Jenoside mu mujyi wa Butare**

Dr. Bizimana yatanze ingero ku baganga bo mu mujyi wa Butare zigaragaza ubukana n'uburemere bw'ibyaha bya Jenoside byakozwe n'abaganga.

**Dr. Nshimyumuremyi Jean-Berchmas**

Yari umuyobozi wungirije wa Kaminuza y'u Rwanda (UNR). Yashinze udutsiko tw'abicanyi twateguye tunashishikariza iyicwa ry'Abatutsi mu Mujyi wa Butare harimo akitwaga "Cercle des intellectuels Rwandais à Butare" n'akitwaga "Front Commun contre les Inkotanyi", afatanyije na Rutayisire Faustin wari Superefe kuri Perefegitura ya Butare, Sebalinda Jean Baptiste wari Umuyobozi w'Ubutegetsi n'Imari (DAF) mu ruganda rw'ibibiriti i Butare n'abandi.

**Dr. Nshimyumukiza Jotham**

Muri Jenoside yari umuyobozi w'ibitaro bya Kaminuza CHUB, akaba yaricishije abarwayi, abaganga n'abaforomo yayoboraga. Urukiko rwanagaragaje bamwe muri bo barimo uwitwaga Karekezi Jean Claude wari umuforomo, yamuhaye abasirikare bo muri ESO baramwica. Yanafatanyije na Dr. Karemera Alphonse wari umuyobozi w'Ishami ry'Ubuganga rya Kaminuza y'u Rwanda, ubu Dr. Karemera uba mu Bufaransa yakatiwe imyaka 30.




**Abaganga n'abaforomo benshi bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakoreraga mu mujyi wa Butare by'umwihariko mu bitaro bya kaminuza n'ibya Kabutare**

**Dr. Munyemana Sosthène**

Yari umwe mu baganga b'inzobere mu kuvura indwara z'abagore (Gynecologue), bari mu bitaro bya Kaminuza i Butare (CHUB), yari n'umwarimu muri kaminuza mu ishami ry'ubuvuzi. Inkiko Gacaca zamuhamije icyaha cyo kuba yarishe Abatutsi i Tumba, no mu bitaro bya kaminuza no muri kaminuza.

**Dr. Rwamucyo Eugène**

Yayoboraga Ikigo cya kaminuza cyari gishinzwe ubuvuzi rusange "Centre Universitaire de Santé Publique de Butare/ CUSP". Dr. Rwamucyo Eugène na we ari ku isonga ry'abateguye Jenoside mu Mujyi wa Butare.

**Dr. Bararengana Séraphin**

Ni murumuna wa Juvenal Habyarimana wari Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, yakomokaga muri Komini Karago, mu Murenge wa Rambura mu Karere ka Nyabihu, akaba yari n'umwarimu mu Ishami ry'ubuvuzi muri kaminuza y'u Rwanda, yakatiwe adahari igifungo cy'imyaka 30.

**Dr. Habarugira Pascal**

Na we yakoraga muri CHUB, yari umuganga waminuje mu kuvura abagore (Gynécologue), yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19) amaze guhamwa n'icyaha cya Jenoside yakoreye kuri bariyeri ahitwa ku Mukoni, kuri bariyeri hakaba hariciwe Abatutsi bakajugunywa mu cyobo bari baracukuye iruhande rwayo bahimbye 'ikibisi', ubu afungiye mu Igororero rya Mageragere.

**Dr. Nsengiyumva Jean Népomuscène**

Dr. Nsengiyumwa, ku wa 05 Nzeri 2007, yahamijwe icyaha cya Jenoside ku byaha byo kuba yarajyaga mu nama zitegura kwica Abatutsi muri CHUB, gushishikariza abaganga, abaforomo n'abakozi ba CHUB gukora Jenoside no kubabuza kwakira no kuvura abarwayi b'Abatutsi, Yakatiwe igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30), afungiye mu Igororero rya Huye. Icyo cyaha yanagifatanyije n'umugore we Dr. Nyiraruhango Berthe wari inzobere mu ndwara za OLR wakoraga mu bitaro bya CHUB.

**Dr. Mugabo Pierre**

Ni umukwe wa Mbonyumutwa Dominique, arazwi Mbonyumutwa ni umwe mu batangije iyicwa ry'Abatutsi mu 1959. Dr. Mugabo yakoraga muri "Laboratoire pharmaceutique" i Butare. Ku itariki ya 05 Nzeri 2007 yahamwe n'ibyaha byo kuba yaricishije abarimu n'abaganga b'Abatutsi bari batuye ku Itaba no kuba mu gitero cyatwaye Abatutsi bari bihishe mu kigo cy'Abenebikira bagera kuri 25, benshi bari urubyiruko barabatwaye baricwa. Yabifatanyije n'umugore we Felecite Musanganire wakoraga ku Kigo cya kaminuza cyari gishinzwe ubuvuzi rusange (CUSP Butare). Ubu baba muri Afurika y'Epfo.

**Dr. Kageruka Martin**

Yari umuganga w'inzobere uvura indwara z'abagore (Gynécologie) muri CHUB, yahamijwe ibyaha birimo kwitabira inama zitegura zikanashishikariza ikorwa rya Jenoside, gukangurira abakozi ba CHUB kwica bagenzi babo, akaba yaranahamwe n'icyaha cyo kwicisha Umwamikazi Gicanda Rosalie, afatanyije na Liyetona Pierre Bizimana na Kapiteni Ildephonse Nizeyimana.

**Dr. Ndindabahizi Jean Chrysostome**

Yakoraga muri CUSP, yahamijwe icyaha cya Jenoside ku ya 11 Gicurasi 2008 ndetse na we afatanya n'umugore we na we wari umuganga ku bitaro bya Kabutare, Dr. Nduwamariya Jeanne bafatanyije mu gukora Jenoside kuri bariyeri bashyizeho i Tumba.



Dr. Munyemana Sosthène

**Dr. Nyagasaza Aloys**

Yakatiwe igifungo cya burundu amaze guhamwa n'ibyaha byo kwamamara mu bwicanyi mu mujyi wa Butare cyane cyane ku Mukoni na Kabutare, kwicira Abatutsi kuri bariyeri, gutunda imirambo akoresheje imodoka n'ibindi. Urutonde rwabo ni rurerure, harimo Dr. Habiyaremye Innocent, Dr. Mutwewingabo Anthère, Dr. Bigirimana Ignace bahimbaga Sederi (CDR), Dr. Mwigimba Cyrille, Dr. Sijyeniyo Charles, Dr. Twagirayezu Emmanuel, Dr. Habimana Lin n'abandi.

**Abaforomo n'abaforomokazi bagize uruhare muri Jenoside**

Abaforomo n'abaforomokazi barimo Remera Simeon n'umugore we Gemma wari umuforomokazi, Mukabandora Scolastique, Mukamunana Juliette, Musanganire Felesita, Uwimana Tereza, Mukarurangwa Marie Rose, Nyiramisago Tereza, Kantengwa Annoncita, Nyirahirwa Immaculee, Musabyemariya Marcelline, Mukandekezi Philomene n'abaforomokazi b'Abarundi Rwariye Constance, Ryumeko Charlotte.

**Abihayimana bakoraga mu rwego rw'ubuzima bijanditse muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr. Bizimana Jean Damascene yavuze ko n'abihayimana bakoraga mu bitaro babonetsemo abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, barimo umubikira Mukarubibi Tewopista, umubikira Bamporiki Celine, umubikira Uzamukunda Josephine.

ZIGAMA Theoneste

# Uko Perezida Habyarimana yateguye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

***Inyandiko zitandukanye zerekanye ko uwari Perezida w'u Rwanda Habyarimana Juvenal hamwe n'abo bafatanyaga kuyobora bagize uruhare mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Imvaho Nshya igiye kugaruka ku byaranze uwo mugambi ishingiye ku cyegeranyo cyakozwe na Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mbonera Gihugu (MINUBUMWE), Dr Bizimana Jean Damascene.***

Yagaragaje ko mu ntangiriro z'umwaka wa 1994, intagondwa zateguye Jenoside zongeye guhura zinoza umugambi wo gukwirakwiza intwaro mu Nterahamwe mu Gihugu hose. Basohoye inyandiko y'amabwiriza agenga imikorere yabo, bise Auto defence civile ni ukuvuga kwirwanaho kw'abasivili ikaba imwe muri nyinshi zafashwe n'Abagenzacyaha b'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha Rwashyiriweho u Rwanda rwakoreraga Arusha muri Tanzania, ubwo bakoraga iperereza ku ruhare bwite rwa Yohani Kambanda, wari Minisitiri w'Intebe, ubwo yafatirwaga i Naibi mu 1997.

Iyo nyandiko ntivuga amazina y'abanditsi bayo cyangwa itariki yatangarijweho ariko yemejwe na Jean Kambanda ubwe mu rubanza rwe agaragaza ko yari inyandiko y'ibanga ariko ari nyayo y'umwimerere. Abashakashatsi bayisesenguye bayigereranya n'izindi nyandiko zanditswe mu gihe kimwe na yo bemeje ko yanditswe hagati Gashyantare na Werurwe 1994.

Ni inyandiko itanga amakuru ku myanzuro y'iyo nama yayobowe na Perezida Habyarimana ubwe, aho hemejwe guha abaturage uburyo bwo kwirwanaho bikayoborwa n'ingabo, kubaha imbunda bagahera ku Turere duhana imbibi na Uganda.

Dr Bizimana avuga ko aba mbere bahawe intwaro ari abapolosi ba Komini, inkeragutabara, abanyapolitiki bumvaga neza impamvu y'icyo bitaga kurinda ibyagezweho muri Demokarasi na Repubulika (abo muri Hutu power), bari bashyigikiye umugambi wa Jenoside. Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda ryashinzwe Minisitiri w'Ingabo z'u Rwanda icyo gihe.

Minisitiri w'Intebe w'icyo gihe Agathe Uwilingiyimana, ntiyabimenyeshejwe, kubera ko abari bagiye iyo nama bari bazi neza ko atari ashyigikiye imigambi yabo ya Hutu power. Iyi nyandiko igaragaza ko buri Komini



**Uwari Perezida w'u Rwanda Habyarimana Juvénal yagize uruhare rutaziguye mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

yagenewe imbunda 4,995 n'amasasu ibihumbi 490,500.

Izo mbunda zagombaga kunganirwa n'intwaro gakondo zirimo imiheto, imyambi, amacumu, imihoro n'ibindi byahawe Interahamwe.

Tariki 7 Mutarama 1994 habaye indi nama ku cyicaro gikuru cya MRND, iyowe na Perezida wayo Matayo Ngirumpatse, yitabirwa na Minisitiri w'Ingabo Bizimana Augustin, Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen. Nsabimana Déogratias, n'uwa Jandarumuri Gen. Ndindiriyimana Augustin na Perezida w'Interahamwe za MRND, Kajuga Robert. Iyi nyandiko yo mu rwego rwo hejuru yagaragajwe n'Inzego z'Ubutasi z'u Bubiligi, yerekana ko hafashwe umwanzuro wo kuburizamo isaka ry'intwaro ryari ryateguwe n'Ingabo z'Umuryango w'Abibumbye (Loni) zari mu butumwa bwo kugarura amahoro mu Rwanda (MINUAR), hagamijwe kuzimurira mu bundi bubiko.

Dr Bizimana avuga ko igikorwa nk'iki cyo guhisha intwaro zigamije gukoreshwa muri Jenoside kitari gukorwa Habyarimana atabizi kandi atabanje kubitangira uburenganzira.

Ati: "Ikimenyetso ni uko bukeye bwaho, ku itariki 8 Mutarama 1994, ingabo z'u Rwanda zakwirakwije intwaro muri Perefegitura zo mu Majyaruguru y'Igihugu za Gisenyi na Ruhengeri. Kuri uwo munsi i Kigali habaye imyigaragambyo ikaze yakozwe n'Interahamwe zitwaje za Gerenade zikikijwe n'Abakomando bo mu kigo cya gisikare cya Kanombe hamwe n'abasirikare barindaga Umukuru w'Igihugu bari bambaye imyenda ya gisivili.

Bafunze inzira yinjira mu nyubako yakoreragamo Inteko Ishinga Amategeko ari ho hagombaga kubera umuhango wo kurahira kw'abagize Guverinoma y'inzibacyuho. Abajandarume b'u Rwanda na MINUAR ntacyo babikozeho." Akomeza avuga ko ku itariki 11 Matarama 1994, Gen. Remeo Dallaire wayoboraga ingabo za MINUAR akoresheje ubutumwa bwa FAX, yabwiye Gen. Maurice Barille wari umuyobozi w'ibikorwa by'Umuryango w'Abibumbye byo kubungabunga amahoro ku Isi, ko MINUAR yari ifite amakuru y'ububiko bw'ibanga bw'intwaro mu Mujyi wa Kigali, n'imyitozo y'Interahamwe zari zifite ubushobozi bwo kwica abantu 1,000 ku isaha. Iyo nyandiko kandi yahawe Ambasaderi bahagarariye ibihugu byabo i Kigali, Loni, ntacyo yabikozeho kuko yanze gutanga uburenganzira bwo gufatira izo ntwaro nkuko Gen. Dallaire yabisabaga.

Kuri iyo tariki, Ambasaderi w'u Bufaransa Jean Michel Marlaud, yohereje Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Bufaransa Telegram amubwira ko hari ibimenyetso bidashidikanywaho ko hari umugambi w'ubwicanyi buzakwira mu gihugu hose, kandi ko hazabanza kubaho ubushotoranyi ku Ngabo za FPR Inkontanyi zari i Kigali, kugira ngo zirwaneho, bityo hakaboneka urwitwazo rwo gutsemba Abatutsi uhereye ku bo mu Mujyi wa Kigali. Amb Marlau yasobanuye ko abasirikare bari biteguye iyi gahunda, bakaba barateganyaga gukorana n'Interahamwe 1,700 zari zarahawe intwaro n'imyitozo byo kwica Abatutsi, ku buryo zashoboraga kwica nibura abagera ku 1,000 mu isaha imwe.

Tariki 15 Mutara 1994, Ambasaderi b'u Bubiligi, u Bufaransa na USA begereye Perezida Habyarimana bamusaba guhagarika imyiteguro ya Jenoside ariko abatera utwatsi.

Tariki 16 Mutarama 1994, MRND, hamwe n'amashyaka ya MDR na PL bari bibumbiye mu mpuzamashyarihamwe bari barise Hutu Power, bakoze inama kuri Stade i Nyamirambo batanga imbunda banashishikariza gutangira kwica Abatutsi.

Tariki 19 Mutarama 1994, Minisitiri w'Intebe Agathe Uwilingiyimana yohereje ibaruwa ba Minisitiri ba MRND, ishinja Minisitiri w'Ingabo Augustin Bizimana kuba yarahaye abaturage intwaro.

Tariki ya 17 Gashyantare Perezida Habyarimana yayoboye inama y'abayobozi bakuru ba Jandarumori y'u Rwanda yayoborwaga na Gen Ndindiriyimana Augustin aganira na bo ku iburizwamo rya gahunda y'ishyirwaho ry'inzego zihuriweho na FPR, zari zarateganyijwe n'Amasezerano ya Arusha, ndetse ababwira ko intambara izasubukurwa.

Dr Bizimana avuga ko Perezida Habyarimana yababwiye muri aya magambo ngo "Niba FPR yubuye imirwano dufite gahunda yo kwikiza ibyitso byayo byose." Yashaka kuvuga ko Jenoside ishoboka kandi bayiteguye mu buryo butaziguye ikazaba igizwe no kwica Abatutsi mu rwego rwa gahunda ya Leta, ikaba yaremereraga Abajandarume bari bashinzwe umutekano ko bashobora kwica Abatutsi bakimara guhabwa itegeko ryo gutangira kubikora.

Tariki 18 Gashyantare 1994, ubuyobozi bukuru bw'ubutasi bwo hanze yu Bufaransa DGSE bwakoze inyandiko z'ibanga zivuga ko habaye ubwicanyi bwahitanye ubuzima bw'abantu barenga 300 babaruwe mu byumweru byabanje bishwe n'ingabo n'Interahamwe bigizwemo uruhare n'Abayobozi mu Nzego z'Ibanze mu mugambi wo gutsemba Abatutsi, bwanzuye bugira buti 'ni kimwe mu bikorwa biri mu mugambi wo kurimbura ubwoko bw'Abatutsi."

Bukeye bwaho tariki 19 Gashyantare 1994 Gen Christian Quesnot, umujyanama wihariye w'uwari Perezida w'u Bufaransa Francois Mitterand mu rwego rwa gisirikare ndetse na Dominique de Villepin, wari umuyobozi wa kabiri, mu buyobozi bw'ishami rishinzwe Afurika muri Perezidansi y'u Bufaransa bagaragarije Mitterand ko byaba ngombwa gucyura abenegihugu b'u Bufaransa babaga mu Rwanda no guhagarika operation yitwaga 'Noroi' yafashaga ingabo z'u Rwanda, ariko kandi Quesnot na de Villepin, bagaragaraje ko kuyihagarika bifite inenge. Bati : " Ni ukunanirwa kwacu, icyizere cyacu kuri uyu Mugabane kizahahungabanira."

Amahitamo ya Kabiri bamub-

KOMEZA KU RUP.19

IBIKURIKIRA URUP.18

wiraga yari ashingiye ku mitekerereze ya Dominique de Villepin, wabonaga ko Kigali ishobora gufatwa na FPR, bityo akavuga ko mu gihe ubwicanyi bushingiye ku bwoko bwakaza umurego, u Bufaranga bugomba kongera ingufu mu gushyigikira ubutegetsi bwa Habyarimana kugira ngo FPR idafata Kigali.

Dr Bizimana avuga ko ikigaragara muri iyi nyandiko ubutegetsi bw'u Bufaransa bwatekerezaga ko ubwa Habyarimana bwashoboraga gukora Jenoside, bakiyemeza kubushyigikira batitaye ku buremere bw'ayo mahano yari arimo ategurwa. Yashimangiye ko ibyo bimenyetso byose byerekana ko Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 wari umugambi wateguwe n'ubutegetsi bwa Perezida Habyarimana.

Ku itariki ya 20 Gashyantare 1994, Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen Nsabimana Deogratias yeretse mubyara we Jean Berchimas Birara, wigeze kuba Guverineri Mukuru wa Banki Nkuru y'u Rwanda, urutonde rw'Abatutsi 1,500 bagombaga kwicwa.

Byatangajwe n'ikinyamakuru cyo mu Bubiligi ku itiriki 24 Gicurasi 1994, Birara ubwe, yakibwiye ko ayo makuru akiyamenya yayasangije intumwa z'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'u Burayi zari zohorejwe mu Rwanda, ayaha kandi by'umwihariko Ambasade y'u Bubiligi.

Raporo ya Sena y'u Bubiligi, yakozwe mu 1997 ku ruhare rwabwo mu Rwanda, yaragaje ko uwari Ambasaderi w'icyo gihugu Johan Suinenn yemeje ayo amakuru. Raporo za Ambasade z'ibihugu by'Amahanga zari mu Rwanda mu 1994, zerekanye uruhererekane rw'ibikorwa byinshi muri uwo mwaka zashishikarizaga abaturage gukora Jenoside.

Urugero ni ubutumwa bwo ku itariki ya 1 Werurwe 1994 Amb. Suinnen yohereje abategetsi b'u Bubiligi ababwira ko RTLM iri gutangaza amatangazo ya rutwitsi abiba urwango, anakangurira kurimbura igice kimwe cy'abaturage, ubwo yavugaga Abatutsi.

Inyandiko yaturutse mu nzego z'ubutasi z'Ababiligi yo ku itariki 3 Werurwe 1994, yerekanye nanone ko umuntu wo muri MRND, yahishuriye Abategetsi b'icyo gihugu ko iryo shyaka ryateguye ubwicanyi bwo gutsemba Abatutsi bose muri Kigali, mu gihe FPR yaramuka itangije imirwano.

# Uko Perezida Habyarimana yateguye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Uwatanze amakuru yagize ati: "Ibintu nibitagenda neza Abahutu bazica Abatutsi nta mpuhwe, irondokarere ntirikibaho kandi n'ingabo ntizigeze zigira umuhate wo ku rwego rwo hejuru nk'uwo zifite ubu ngubu. Ibi bikerekana ko zari ziteguye gukora Jenoside.

Tariki 3 Werurwe 1994, Majoro wari mu ngabo za MINUAR, akaba yari Umubiligi yamenyesheje Gen Dallaire ko hatanzwe intwaro ku mitwe yitwara gisirikare mu gace ka Gikondo, kari kiganjemo abarwanashyaka ba CDR.

Ku itariki 10 Werurwe 1994, MINUAR yavumbuye intwaro nyinshi ziremereye zagenewe Interahamwe n'Ingabo z'u Rwanda, inabona amakuru ku bwiyongere bw'abasirikare. Dallaire yasabye Loni gufatira izo ntwaro kandi asaba ko ingabo yari ayoboye zakongererwa imbaraga, ariko ubu busabe ntiyabwemerewe nk'uko byari byaragenze muri Mutarama 1994.

Dr Bizimana ati: "Muri uko kwezi kwa Werurwe ni bwo Feleciyani Kabuga yatumije imipanga myinshi ya nyuma muri sosiyete y'u Bwongereza yitwaga Shilingitoni." Akomeza avuga ko nyuma y'ibyumweru bike, iyo mipanga yabaye ibikoresho byifashishijwe mu gukora Jenoside.

MINUAR yavuze ko muri Werurwe 1994, amasasu menshi yakuwe mu Kigo cya Gisirikare cya Kanombe mu ibanga, akwirakwizwa mu bindi bigo bya Gisirikare cyane cyane i Gitarama, MINUAR itabizi.

Dr Bizimana avuga ko uko gukwirakwiza intwaro kwari kugamije gutegura Jenoside no kuburizamo amasezerano y'amahoro ya Arusha no gukwirakwiza izo ntwaro zagombaga kwifashishwa n'Interahamwe n'abasirikare.

Umusirikare wa MINUAR wari ushinzwe gucunga uburyo intwaro zirindwa mu kigo cya Gisirikare cya Kanombe, yatanze ubuhamya imbere y'umugenzuzi w'ingabo z'u Bubiligi ati: "Nabashakaga kugera ahabikwa amasasu mu kigo cya gisirikare cya Kanombe mbere y'ihanurwa ry'indege, igice kinini cy'ububiko muri Werurwe 1994 cyari cyaramazwemo amasasu. Umubare w'amasasu yakuwemo wari munini cyane. Mu bubiko nasuye i Kanomba hari hasigayemo amasasu make cyane, ayari asigayemo ni nka 20%."

Guhisha intwaro MINUAR kugira ngo itazamenya aho ziri, byari uburyo bwo kugira ngo idashobora kuzigenzura, idashobora kumenya ingano yazo, kandi ngo byorohere ingabo z'u Rwanda kuzazikoresha mu gihe ubwicanyi buzaba butangiye.

Tariki 29 Werurwe 1994, abayobozi b'ingabo z'u Rwanda bongeye guhura maze bagena ingamba zo gukora icyo bise kurengera uduce twa Kigali no gukurikirana no kuburizamo imigambi y'abo bise ibyitso mu bice bitandukanye by'Umujyi.

Muri raporo y'inama yari igenewe Minisitiri n'Umugaba w'Ingabo z'u Rwanda, hamejwe ko abasirikare n'inkerankutabara zimwe na zimwe bazaba bashinzwe gutanga imyitozo ku baturage ku bufatanye bwa hafi n'ubuyobozi. Raporo yagaragaje ko abo bayobozi bagombaga guhita bakusanya intwaro bakaziha abasivili bazakora icyo gikorwa cyo kwica Abatutsi.

Umuyobozi w'ingabo mu mujyi wa Kigali yamenyesheje inama ko mu duce hafi ya twose tw'umujyi amatsinda yo gushyira mu bikorwa uwo mugambi yamaze gukorwa ko ategereje intwaro n'ibikoresho byihuse. Icyakora muri iyi nama hagaragajwe imbogamizi zo kuba hari intwaro zidahagije, no kuba hari hakenewe imyitozo yindi y'abasivili n'ibibazo bijyanye no gukoresha intwaro gakondo, bavugagamo: amacumu, inkota, imiheto, imipanga n'ibyuma.

Umuyobozi w'Ingabo mu Mujyi wa Kigali yahise ategekwa gukora byihutirwa urutonde rw'abasikare batari mu kigo. Perefe wa Kigali, Col. Tharcisse Renzaho na we yahise ategekwa kubikora ku nkeragutabara, no gutanga amakuru ku butarage bakwiye kugiririrwa icyizere.

Bukeye bwaho Perefe yohereje Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, urutonde rw'amazina menshi rw'abasirikare n'abasivili bashobora kwinjizwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'uwo mugambi, hagaragazwa izina, Serile, Segiteri na Komini ya buri wese mu batoranyijwe.

Tariki 5 Gicurasi 1994, Lt Col Beaudouin Jacques Albert wari umufatanyabikorwa mu bya tekiniki w'u Bubiligi mu Rwanda, mu gihe cya Jenoside, akaba yarabikoraga ari umujyanama wa Gen Gratien Kabiligi wayoboraga ishami bitaga J3 ry'ibikoresho by'ingabo z'u Rwanda, yabajijwe n'ubushinjacyaha bwa gisirikare bw'u Bubiligi, noneho asobanura ku iperereza bakoraga ku iyicwa ry'abasirikare 10 b'Ababiligi biciwe mu Rwanda bari mu butumwa bw'amahoro atangaza ko Minisitiri w'Ingabo z'u Rwanda Augustin Bizimana yamubwiriye mu ruhame, n'abandi bose babyumva, ko hazaba Jenoside igihe cyose FPR izaba idahagaritse intambara.

Beaudouin yagize ati: "Hasigaye ukwezi kumwe cyangwa abiri mbere y'ihanurwa ry'indege (ya Habyarimana), ku mugoroba nagiye mu rugo kwa Gen Nsabimana, ndi kumwe na Ambasaderi w'u Bubiligi, Col Vincent, na Col Marshal wo muri MINUAR, na Col Le Roi, hari Perezida Habyarimana, Minisitiri w'Ingabo, Augustin Bizimana n'abandi ba Ofisiye bake b'Abanyarwanda.

Mu by'ukuri byagaraye ko cyangwa se byongeye gushimangirwa icyo gihe ko Amasezerano ya Arusha adashobora kwemerwa n'Abanyarwanda. Yakomeje avuga ko nyuma yo kunywa ibirahure bike bya Champagne Minisitiri Bizimana yababwiye ko yiteguye gukoresha ingabo ze z'u Rwanda niba FPR itaretse 'gukina umukino'.

Iminsi 10 mbere y'ihanurwa ry'indege (ya Habyarimana) ku wa 5 Werurwe 1994, Col Vincent wari umuyobozi w'ubufatanye bw'ingabo z'Ababiligi mu Rwanda yatumiye iwe Gen Nsabimana n'umuyobozi w'ibikoresho bya gisirikare w'ingabo z'u Rwanda, Col Gratien Kabiligi, bongera kwemeza ko Amasezerano ya Arusha adashoboka ko amaherezo bazemera amatora hakiri kare, kandi byaba ngombwa ko ayo masezerano abaye itegeko agashyirwa mu bikorwa ko biteguye kuzakuraho FPR no kwica Abatutsi kandi ko bizabatwara iminsi mike cyane itarenze 15, agasoza avuga ngo 'basaga n'abiyizeye'.

Dr Bizimana yagaragaje ko icyegeranyo cy'ibimenyetso byose byagaragajwe bikaba bike muri byinshi bihari byerekana ko Jenoside yakorewe Abatutsi hagati ya Mata na Nyakanga 1994, mu by'ukuri yatangiye gutegurwa mu Kwakira 1990, igenda inashyirwa mu bikorwa buhoro buhoro, iyobowe na Perezida Habyarimana mu buryo butaziguye kandi bikanerekana ko iyo Jenoside yateguwe na we ubwe, kugeza umugambi wayo ushyizwe mu bikorwa guhera muri Mata 1994 mu buryo busesuye.

Dr Bizimana ati: "Umugambi wa Jenoside wemejwe n'uwahoze ari Minisitiri w'Intebe Jean Kambanda, ubwo yemeraga icyaha, imbere y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda i Arusha." Dr Bizimana akomeza agira ati: 'Mu Rwanda habayeho umugambi wo kugaba ibitero byateguwe byibasira Abatutsi, mu rwego rwo kubatsemba no kumaraho ubwo bwoko".

Minisitiri Dr Bizimana avuga ko Habyarimana Juvenal wayoboraga u Rwanda kuva ku itariki 5 Nyakanga 1973 kugeza ku 6 Mata 1994, nubwo yapfuye ku mugoroba w'iyo tariki ubwo indege ye yahanurwa n'indagondwa zo mu butegetsi bwe zari mu kigo cya Gisirikare cya Kanombe, mbere y'ishyirwa mu bikorwa ryuzuye ry'uyu mugambi ni we wari ku isonga mu kuwutegura nk'umukuru w'Igihugu.

Uwamusimbuye Dr Theodor Sindikubwabo, Minisitiri w'Intebe, Jean Kambanda hamwe n'abandi Bajenosideri benshi baba abari bagize Guverinoma n'abari mu buyobozi bw'ingabo, barimo Col Bagosora n'abandi bicanyi benshi bahamwe n'ibyaha mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda i Arusha 'ni bo bashyize mu bikorwa umugambi wa Jenoside wacuzwe na Perezida Habyarimana n'itsinda rye, ugashyirwa mu bikorwa nyuma y'urupfu rwe rwateguwe na bo kugeza bamwivuganye"

Dr Bizimana atanga ubutumwa bugira buti: "Mu gihe twibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ni ngombwa ko twibuka inzirakarengane zazize Jenoside, kandi tukiyemeza ko itazongera kubaho ukundi kandi ibyo ntibibe mu magambo gusa bikaba impamo kugira ngo ubumwe bwacu dukomeze tubusigasire."

# Uruhare rw’Itangazamakuru muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

NTAWITONDA JEAN CLAUDE

***Impuguke mu by’amateka zigaragaza ko itangazamakuru ry’u Rwanda ryavutse ndetse rinakura mu bihe Igihugu cyari cyugarijwe n’imiyoborere yubakiye ku matwara ya gikoloni, bituma rikoreshwa nk’umuyoboro n’intwaro byifashishijwe mu gukwirakwiza urwango n’amacakubiri byagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Imyaka 32 irashize u Rwanda ruri mu rugendo rwo kwiyubaka no guharanira ko amateka mabi atazongera kubaho. Itangazamakuru ni rumwe mu nzego zagaragayemo impinduka, aho amasomo yavuye ku mateka y’itangazamakuru ryakozwe nabi yabaye umusemburo wo guharanira kwimakaza itangazamakuru ryubaka hashyirwaho amategeko n’inzego zigenzura imikorere yaryo kugira ngo ritazongera kuba igikoresho cyo gusenya.

Abanyamakuru b’iki gihe bashyira imbere inshingano yo gukomeza kwibuka no kwigisha amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kugira ngo abaturage bose basobanukirwe ingaruka z’urwango amacakubiri n’ivangura iryo ari ryo ryose.

**Itangazamakuru ryabaye intwaro kirimbuzi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Amateka agaragaza ko ibitangazamakuru n’abanyamakuru benshi babikoraga bifashishijwe nk’intwaro kirimbuzi ya Leta yateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Itangazamakuru ryabanje kwifashishwa cyane ryari irya Leta, ryarimo Radio Rwanda yihariye ikibuga cya radiyo kugeza mu 1993 ubwo havukaga RTLM (Radio Télévision Libre des Mille Collines). Ibinyamakuru bya Leta yari iriho icyo gihe n’ibindi byabaga byarashinzwe n’abahezanguni bari bashyigikiye urwango n’amacakubiri, byabaye imiyoboro rutwitsi maze bitatira umurongo w’itangazamakuru



**Minisitiri w’Ubumwe bw’Abanyarwanda n’Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascene yagaragaje uko itangazamakuru ryagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

ry’ukuri kandi ry’umwuga. Ibinyamakuru nka Imvaho, La Releve, Kangura n’ibindi byagize uruhare rukomeye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse na mbere yaho.

Mu nyandiko y’Ikiganiro Minisitiri w’Ubumwe bw’Abanyarwanda n’Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascene yatanze ku munsi wo kwibuka abari abakozi ba ORINFOR bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yagaragajemo uburyo ibitangazamakuru byari ibya Leta y’icyo gihe byatangaje amakuru yari agamije gushimangira itegurwa n’ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside, icengezamatwara ry’urwango n’amacakubiri no guteza imvururu.

Iryo cengezamatwara ryanajyanye no kwirukana no gufunga bamwe mu bakozi bakoreraga Ikigo cy’Igihugu cy’Itangazamakuru (ORINFOR) bahorwa ko bari Abatutsi mu mwaka wa 1990, ndetse n’igihe bafungurwaga mu mwaka wakurikiyeho, Ferdinand Nahimana wari Umuyobozi wa ORINFOR, yanga kubasubiza mu kazi kandi itegeko ryagengaga umurimo mu Rwanda ryaravugaga ko umukozi wese wafunzwe ntakatirwe n’inkiko asubizwa mu kazi.

**Radio Rwanda yakoreshejwe mu guhamagarira kwica Abatutsi**

Gukoresha Radio Rwanda mu bwicanyi byatangiye nyuma y’iyirukanwa rya Christophe Mfizi ku itariki 10 Ukuboza 1990, asimbuzwa Ferdinand Nahimana ukomoka mu yakoze ari Komini Gatonde mu Ruhengeri, anengwa kuba adashyigikiye gukoresha ORINFOR mu buryo bwo kubiba urwango ku Batutsi. Ikinyamakuru KANGURA cyanditswe ku iyirukanwa rye, cyishimira ko Radio Rwanda igiye “kuba ijwi rya rubanda”, kiti “Inkotanyi n’ibyitso byazo nibishake bibabare.”

Mu mwaka 1992, ni bwo Radio Rwanda yateye intera ikomeye mu gushishikariza ubwicanyi. Uwari Perezida, Habyarimana Juvenal, ni ho yatangarije ko atemera imishyikirano.

Ku itariki ya 22 Ugushyingo, ni bwo Leon Mugesera yavuze ijambo rutwitsi ryo ku Kabaya ko ‘Abatutsi bagomba kubacisha iy’ubusamo bagasubira iwabo muri Etiyopiya.’

Radio Rwanda nk’ikinyamakuru cyari kimwe Abanyarwanda bumvaga nk’isoko y’amakuru, yifashishijwe muri gahunda yo gukwiza intwaro muri rubanda yiswe “Auto-Defence Civile”, mu mugambi wo kongerera imbaraga ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Muri 1994, Radio Rwanda yagize uruhare rukomeye mu gushyira mu bikorwa umugambi wo kumara Abatutsi n’abanyapolitiki b’Abahutu batavugaga rumwe na Leta. Ibiganiro bya rutwitsi byemezwaga na Diregiteri wa ORINFOR JMV Higiro ari na we washinze umutwe w’iterabwoba wa RUD-Urunana ufatanya na FDLR, ukaba waranagabye ibitero by’iterabwoba mu Majyaruguru y’u Rwanda.

Radio Rwanda kandi inavugwaho kuba yaratangaje ibinyoma bigamije icengezamatwara no gukomeza kwangisha Abanyarwanda ingabo za FPR Inkotanyi zari zikomeje urugamba rwo guhagarika Jenoside no kubohora u Rwanda.

Dr. Bizimana avuga ko ibyo binyoma byari bigamije gusiga icyasha ingabo za FPR Inkotanyi zari zikomeje urugamba rwo kubohora Igihugu, no kurakaza Abahutu ngo umugambi wa Jenoside urusheho kwihutishwa.

Abayobozi bakomeye na bo batanze disikuru zinyuranye zikongeza umujinya n’uburakari bifashishije Radio Rwanda. Nko ku mugoroba wo ku wa 21 Mata 1994, Jean Kambanda wari Minisitiri w’Intebe, yavugiye ijambo kuri Radio Rwanda yishimira uburyo abaturage bakomeje ‘kurwanya umwanzi’, asaba abantu bose, cyane cyane ba Burugumesitiri ko bagomba gushyiramo imbaraga. Ati: “Ntituzigera duhunga na rimwe tuzashikama turwane intambara dutsinde umwanzi duhereye k’utwihishemo (yavugaga Abatutsi).”

Abanyamakuru batandukanye nka Jean Baptise Bamwanga, Frodouard Ntawulikura, Hyacinte Bicamumpaka, Alphonse Munyazogeye n’abandi basize amateka yo kuyobora ibiganiro bikangurira abaturage kwijandika muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ku rundi ruhande, mu gihe cya Jenoside hari radiyo yigenga ya RTLM n’ikinyamakuru KANGURA [cyatangiye mu 1990], byabaye ibikoresho bikomeye mu gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside, no kongera ubukana bwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu minsi 100 gusa igahitana abasaga 1,000,000. Ibyo bitangazamakuru hamwe n’ibindi byari mu murongo wa Leta y’icyo gihe, byabaye umuyoboro rutwitsi, aho

KOMEZA KU RUP.17

# Uruhare rw'Itangazamakuru muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

IBIKURIKIRA URUP.16

ibiganiro n'inyandiko zabyo zibasiraga Abatutsi kandi bigakangurira Abahutu kubica nta kubabarira.

**Uruhare rw'ikinyamakuru "Imvaho"**

Dr. Bizimana avuga ko Ikinyamakuru Imvaho cyifashishijwe cyane mu kwandika no gukwirakwiza inyandiko zibiba urwango ku Batutsi, zihamagarira kubica no kubatoteza. Ati: "Ku ikubitiro, urugamba rwo kubohora Igihugu rutangiye, IMVAHO yatangiye politiki yo gutuka impunzi z'Abatutsi babita 'Inyangarwanda', iryo jambo rikanakoreshwa ku Batutsi bo mu gihugu imbere ndetse n'Abahutu bemeraga ko ikibazo cy'impunzi kigomba gukemuka."

Atanga urugero rwasohotse mu IMVAHO No. 866, yo ku wa 29 Ukwakira - 4 Ugushyingo 1990, aho umunyamakuru Ndabamenye Yozefu wari Umuyobozi w'icyo kinyamakuru yanditse Ijambo ry'Ibanze ryayo mu nyandiko yise 'Nta mishyikirano n'inyeshyamba', agira ati "Nta wagirana imishyikirano n'abantu bamurasa. INYANGARWANDA zigomba kubanza kwikorera intwaro zazo zigasubira iyo zavuye. Bitaba ibyo, ingabo z'u Rwanda zigakomeza kuzisatira zikazisubizayo ku ngufu n'ubutwari bwinshi nkuko kuva zahangana n'izo NYANGARWANDA zagiye zibigaragaza."

Dr. Bizimana avuga ko umunyamakuru warushije abandi mu kwangisha Abatutsi rubanda akoresheje inyandiko ze mu IMVAHO ari Kampayana Florent wahagarariye ORINFOR i Byumba, nyuma akajyanwa ku Gisenyi, aho yanditse inyandiko nyinshi zisenya no gutara amakuru yuzuyemo urwango n'ubugome afitiye Abatutsi.

Dr. Bizimana anavuga ko ikinyamakuru IMVAHO cyanifashishijwe cyane mu kurwanya uburenganzira bw'impunzi z'Abatutsi ku gihugu, aho abanyamakuru nk'uwitwa Kantano bavugaga







**Ibi ni ibyasohotse mu kinyamakuru Kangura byakongezaga urwango ku Batutsi**

ko kugaragaza akarengane kabo ari iterabwoba. Iki kinyamakuru kandi cyanifashishijwe mu kwibasira Abatutsi bari baraciriwe mu Bugesera, aho abanyamakuru babashyizeho icyaha cyo gutera u Rwanda bituma bangwa urunuka n'abaturanyi babo.

Imvaho kandi yanakoreshejwe mu kwibasira Abatutsi muri rusange, aho babitiriraga ibikorwa bibi byose birimo no kwica abasirikare ba Leta. Kandi amakuru yabaga ahari ari uko babaga bishwe na bagenzi babo bakoranaga mu ngabo za FAR, ariko bikavugwa ko ari Abatutsi binjiriye ingabo z'Igihugu nk'uko byanditswe na Hakizimana Jean Baptiste mu IMVAHO No. 910, Nzeri 1991.

Imvugo z'urwango, ibishushanyo bisebanya (caricatures) n'ubugome ntibyari bigikumirwa, n'icengezamatwara ry'amashyaka yimakazaga urwango n'amacakubiri bikaba byari byarahawe intebe.

**Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Itangazamakuru ryabaye umusemburo wo kubaka Igihugu**

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, itangazamakuru ryagize uruhare mu kwibuka no gusobanura amateka, riba umusemburo wo kurwanya abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ryahindutse igikoresho cyo kubaka ubumwe, guharanira ukuri no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

Dr. Bizimana ahamya ko nyuma y'urugamba rwo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kubohora u Rwanda, hari abanyamakuru banze guhabwa amafranga n'Umuryango w'Abanyamakuru Batagira Umupaka (Reporters Sans Frontieres) kuko basabwaga kujya bibanda ku nyandiko zisebanya cyangwa zinenga Guverinoma y'u Rwanda.


Ati: "Ubu mu Rwanda hari Radio nyinshi, zigomba kuba zifite abaterankunga. Ibyo si bibi, ariko harimo ikibazo cy'uko abo baterankunga bashobora gusaba izo radiyo kugendera ku murongo bo bashaka. Ibyo biramutse bibaye, abanyamakuru bagomba kubyanga, bagatanga amakuru agendeye ku kuri."

Abanyamakuru n'inzego z'itangazamakuru bikomeje gushyira imbere gukorera mu mucyo, kugaragaza ukuri no gufasha abaturage gusobanukirwa n'icyo ubumwe n'ubwiyunge bisobanuye. Hashyizweho gahunda zo kwigisha abanyamakuru indangagaciro z'umwuga, kugira ngo itangazamakuru ribe igikoresho cy'iterambere aho kuba icy'urwango.

Mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, itangazamakuru ry'u Rwanda ryibutswa ko rifite inshingano zo gukomeza kuba ijwi ry'ukuri, rikaba urwego rufasha mu kubaka Igihugu gishingiye ku mahoro n'ubutabera.

Minisiteri y'Ubumwe n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) yibutsa abakora mu rwego rw'itangazamakuru ko kuba umunyamakuru w'umwuga bishoboka no mu bihe bigoye, binyuze mu guharanira ukuri no kugaragaza ibyiza u Rwanda rumaze kugeraho muri iyi myaka ishize yo kwiyubaka hashingiwe ku bumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda.






**Kantano Habimana yabaye ikimenyabose ubwo yakoraga kuri RTLM akwirakwiza imvugo z'urwango n'amacakubiri**

# Kayihura yanditse igitabo kigaragaza uko yarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

**KAYITARE Jean Paul**

***Kayihura Pacifique, Umunyarwanda utuye muri Côte d'Ivoire, yarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi afite imyaka 13. Mu buhamya bwe, avuga ko Jenoside yamutwaye abo mu muryango we bose, arokokana na nyirakuru. Inkuru y'urugendo rwe muri Mata 1994, yahisemo kuyishyira mu gitabo yise 'Foi en la Vie – Malgré tout' ugenekereje mu Kinyarwanda bivuze ngo 'Icyizere mu buzima – n'ubwo byaba bigoye'.***

Jenoside itangira ku itariki ya 07 Mata 1994 yari kumwe n'umuryango we aho wari utuye i Kibungo (ubu ni mu Karere ka Ngoma). Mu gitabo cye, avuga uko yiciwe umuryango, Kibungo yafatwa agahungira hafi y'u Burundi aho yagaruwe n'Inkotanyi zamurokoye .

Avugamo uko nyina yishwe n'abo yagiriraga neza dore ko yarangwaga n'ibikorwa byo kwita ku barwayi. Mbere yo kwicwa yabanje gusengera abamwishe. Indege y'uwari Perezida w'u Rwanda Juvénald Habyarimana yarashwe Kayihura yaraye akoze ikizamini kimwinjiza mu iseminari. Bucyeye, yatangiye kubona mu rugo bidasanzwe abona hari ubwoba bwinshi cyane. Uyu mubyeyi yasabye umuhungu we [Kayihura] ko yahungana abana bavukanaga akabajyana kuri paruwasi ya Kibungo. Byarangiye bahungiye ku bitaro bya Kibungo ariko bagezeyo babura ubahisha.

Bahungiye munsi y'ibitaro ku rugo rw'uwahigwaga, bakajya bihishanya aho, ubundi bagasubira mu bitaro bityo bityo. Nyuma baje guhungira ku Mupasiteri utarahigwaga, mu nzira bagenda, bahura n'interahamwe ariko uwo munsi ntizagira uwo zica mu bo bari kumwe na we. Hashize icyumweru basubiye ku bitaro bihisha munsi y'ibitanda. Mu bitaro hari interahamwe yinjiyemo irababona. Nyina yarayihamagaye ayisaba kutabica ahubwo ayiha amafaranga 1,000 ngo igire icyo ibazanira kuko bari kumwe na nyina wabo wonsaga amaze kubura amashereka kubera kutarya.

Ati: "Murumuna wa mama yari afite umwana w'amezi 8 n'undi ufite imyaka hafi 2 kandi ntiyari agifite amashereka menshi kuko twari tumaze iminsi tutarya, dushonje, abana barira cyane no kwihishanya na bo bigorana, aravuga ati 'wenda nagura ikintu cyo kurya'. Noneho aragenda ariko aratinda, ababyeyi baravuga ngo uyu muntu ntaribugaruke kandi aradutanga."

Akomeza ati: "Icyo gihe ni bwo mama yampamagaye [byose biri mu gitabo], turicara turaganira, mama ati 'noneho uko bigaragara neza uriya muntu yadutanze baraza kutwica, none icyo nshaka ni uko usohoka ukava hano', ndamubwira nti 'ese ndajya he?' Ati 'Irwaneho ugende, bagiye kutwica kandi sinshaka ko baza kutwicira hano'. Mutega amatwi, arambwira byose, kubera ko namwubahaga ndavuga nti 'sawa', ubwo ni nko gusezeranaho, ndahaguruka ndagenda nkurura igitanda cyari ku muryango ndasohoka."

Kayihura avuga ko yageze imbere agahura n'Interahamwe zirya amandazi, zimuhaye arazenguruka aragenda acisha irindazi mu idirishya arinagira abo yari asize mu cyumba kinini cyo kwa muganga aho bari bihishe. Amaze akanya

KOMEZA KU RUP.21



Kayihura Pacifique warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahisemo gushyira ubuhamya bwe mu gitabo yise 'Foi en la vie - Malgré tout'

> **"Ati: "Murumuna wa mama yari afite umwana w'amezi 8 n'undi ufite imyaka hafi 2 kandi ntiyari agifite amashereka menshi kuko twari tumaze iminsi tutarya, dushonje, abana barira cyane no kwihishanya na bo bigorana, aravuga ati 'wenda nagura ikintu cyo kurya'. Noneho aragenda ariko aratinda, ababyeyi baravuga ngo uyu muntu ntaribugaruke kandi aradutanga.""**

# Kayihura yanditse igitabo kigaragaza uko yarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

IBIKURIKIRA URUP.20

yumvise urusaku rwinshi akeka ko baje muri cya cyumba cy'aho umuryango we n'abandi bahigwaga benshi bari bihishe.

Ati: "Nyuma naje kumenya ko baje bakahafungura. Muri urwo rusaku, hari umugore wafunguye umuryango arampamagara, ariko abona byancanze, umuntu uzi ku bitaro by'i Kibungo, ahari ivuriro ry'abana yarebaga haruguru, kandi yari azi umuryango wanjye, arampamagara ndagenda nsanga yihishe mu cyumba, arambwira ngo urakora iki hanze, uzi ko baza bakakwica, kuki uri wenyine? Ambaza ibintu byinshi ndamusobanurira aho mama ari ahita ambwira ngo guma hano, ahita amfungirana ngumana n'abandi. Munsi y'ibitanda hari harimo abantu benshi."

Akomeza agira ati: "Inyuma hari hari umwenge. Haza Interahamwe irarunguruka ihita isakuza ngo hano harimo Inyenzi, ahita ajya guhamagara, wa mugore ahita afungura umuryango aravuga ngo 'ushaka wese arebe aho asohokera', duhita dusohoka twiruka, bamwe bazamukira ahari laboratwari njyewe mpita ninjira mu kindi cyumba byari bifatanye nsanga harimo abantu benshi tuziranye, bahita bamfungirana ngumana na bo, twirirwanamo nyuma bigeze nka saa sita haza umuntu aravuga ngo 'iki cyumba gihora gifunze' ajya kuzana urwego barurira ku idirishya, barasakuza ngo 'zose ni ho zibereye za Nyenzi."

Kayihura akomeza agira ati: "Hari harimo umukobwa ahita avuga ngo njyewe nkorera [ndi umukozi] iyi miryango ndi Umuhutukazi nimundeke. Baciye giriyaje imwe bagura idirishya baramufasha yurira idirishya bamusohorera kuri urwo rwego rwabo, twebwe bahita bavuga ngo bashyizeho uburinzi hasi n'imbere ngo baragaruka kutwicwa saa cyenda z'ijoro. Hagati aho twarasenze, njye mpita nsinzira (byose narabyanditse) nari ndushye cyane nanashonje. Narinzi ko nibica urugi mpita mbacamo hagati nkiruka, naho barengaga nka 100, baraza bahita badutwara twese batumanura ahantu hitwa i Musamvu ku muhanda, badutera amabuye, badukubita, badusakuriza cyane…"



**Kayihura Pacifique yarokotse Jenoside afite imyaka 13, ubu yariyubatse ni umukozi w'Ikigo mpuzamahanga cy'iterambere muri Côte d'Ivoire**

Avuga ko mu bo bari kumwe harimo umusaza witwa Léon wari kumwe n'umukecuru witwaga Kamugo, uwo mukecuru yari arembye cyane kuko ngo yari amaze iminsi arwaye, anakorora akaruka amaraso, agenda amufashe akaboko amusindagiza noneho bakabaserereza ngo bari mu murongo w'ubukwe." Bagana i Musamvu, iburyo n'ibumoso bw'umuhanda hari abantu benshi cyane, basakuza abandi batera amabuye ku buryo ngo babonaga ari nk'abantu baje gufana, kumwe bafana amasiganwa y'amagare. Kayihura avuga ko Interahamwe zabaga ziri imbere, izindi inyuma, izindi mu mpande.

Igihe cyarageze babona igihiriri cy'abantu bahunga Inkotanyi, bavuga ko zigeze Kabarondo zigana i Kibungo. Aho yari yarahungiye ku nterahamwe yitwaga Nsengimana yari iziranye n'umuryago we, yamwikoreje Matela bazamuka i Musamvu bakomeza Mutenderi, bakomeza hafi y'i Burundi bahurira ahantu mu rugo ari abantu benshi barimo n'Interahamwe.

Nsengimana yamusabye ko bajya bagendana ariko yagera ahari abana bakamubwira ko ari Umututsi, yajya kuvoma bakamwaka ikivomesho. Igihe cyo kumwica kigeze, yabyutse yumva yarembye kandi arimo gutitira kubera ko yari arwaye malariya. Baseye urumogi baruvanga n'urwagwa bararumunywesha ku ngufu, araruka, intege ziracika bamuta aho barigendera.

Umujyi wa Kibungo warafashwe, Inkotanyi zitangira ibikorwa byo kumushakisha zarabibwiwe na nyirakuru. Aho zigeze zavuga ko zishaka umwana witwa Pacifique, Interahamwe zimuzi kandi ziri kumwe na we, zabyumva zikavuga ko zirimo kugendana n'umugambanyi.

Aho bari bicaye barimo kurya, babonye imodoka yuzuye abasirikare ahita abonamo Nyirarume. Pacifique yazamukanye n'abasirikare batatu b'Inkotanyi bamushakira icyo kunywa, baricara bategereza n'abandi bajya kuri Paruwasi baramugaburira ariko kurya biramunanira.

**Yongeye kubona umuryango, abandi barishwe ubuzima buratangira, asubira ku ishuri**

Nubwo igitabo cye kivuga kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ariko gishyira imbaraga cyane ku kintu cyo guharanira kubaho, imbabazi, ku kubana neza n'abantu, kwiyubaka no kubaka abandi kandi gifasha abantu atari abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 gusa.

Icyo yandikiye igitabo ngo ni uko yashakaga ko kibera urumuri abantu bose no kubabwira ko bishoboka ku byo waba waranyuzemo byose, ko ushobora kubona icyizere, urumuri rw'ejo hazaza, hari ibitondo bishobora kuba byijimye cyane ariko ugasanga umunsi ukurikiyeho haje urumuri rwinshi cyane.

Mu gitabo cye, hari aho avuga ko mu nterahamwe zamugiriraga nabi hari aho yazibonagamo ikintu cyiza. Ati: "Njyewe ntabwo ndeba umuntu mubi, ndeba umuntu ufite ikintu kibi muri we, ni yo mpamvu no mu gitabo mvugamo ngo nta bintu bitababarirwa, bivuze ngo umuntu wese yababarirwa, yahinduka, gutsinda kwiza ni ukuvana umuntu mu kibi umushyira mu cyiza."

Inkotanyi zimaze guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Kayihura Pacifique avuga ko ubuzima bwagarutse kuko yasubukuye amasomo ajya kwiga mu Iseminari Nto ya Ndera muri Diyosezi ya Kigali.

Ubuzima bw'ishuri butangiye, yagowe no kutagira uwo yereka indangamanota ye kuko mbere yayerekaga nyina kandi akamutera ishyaka ryo kwiga neza no gutsinda. Yatangiye gutera icyizere abantu bakuru kuko yabonaga ari bo bicaga muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu buhamya bwe ashima ko Ikigega FARG cyamufashije kurangiza kwiga muri Kaminuza i Butare, ajya gukora i Arusha, avayo ajya kwiga muri Cameroun, ubu akorera muri Côte d'Ivoire aho akorera Ikigo Mpuzamahanga gikora mu by'Iterambere. Yashatse mu 2015, ubu afite abana 3 kandi bimuha kongera kubona abana bavutse ari amashami ye, bafite amasura nk'ayabe yabuze muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# Huye: Abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 barishimira ko babonye icumbi



**Uwera Leocadie, umwe mu batujwe mu Mudugudu wa Sovu bashima ko bafite umutekano**

**BYUKUSENGE** Annonciata

***Abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, batishoboye bo mu Karere ka Huye barashimira Leta ko yabahaye icumbi ikabatuza mu Murenge wa Huye, Akagari ka Sovu, ubu bakaba bafite umutekano mu gihe mbere batari batekanye kubera impamvu zitandukanye.***

Abatujwe mu Mudugudu wa Sovu baganiriye na Imvaho Nshya, bavuga ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, batari bafite aho kuba bitewe n'uko buri wese yagondagondaga akazu kameze nka nyakatsi kugira ngo ye kurara ku gasozi, abandi aho bari batuye ntabwo bari bafite umutekano kuko hari bamwe mu baturanyi babo bababuzaga amahwemo.

Uwera Leocadie, ni umwe mu batujwe muri uwo Mudugudu, avuga ko yari atuye mu Kagari ka Muyogoro, ariko atari afite umutekano. Ati: "Aho nari ntuye bahoraga badutera nijoro, tukarara twiruka. Twajyaga guhinga ku manywa tugasanga amadirishya bayakuyeho, indi nshuro tugasanga bakuyeho urugi. Twahoraga duhangayitse ku buryo kuryama ngo dusinzire twari twarabisezereye."

Akomeza avuga ko uretse kuba abantu batamenyaga aho baturutse barabahungabanyirizaga umutekano nijoro, no mu murima imyaka yabo yaroneshwaga cyangwa bagasanga yangijwe kandi iteze. Ati: "Nari mfite urutoki, ariko insina yose yanaga igitoki kimaze kurenga umunyagara, nasangaga bagitemye kandi ntibabitware, ahubwo barabijanjaguraga bakabirekera aho kugira ngo mbibone. Nari narahungabanye ku buryo nifuzaga gupfa."

Mushimiyimana na we ni umwe mu batujwe mu Mudugudu wa Sovu. Avuga ko yahoze atuye ahitwa i Mpare. Ati: "Njyewe nabaga mu nzu isa n'aho mba hanze. Mu gihe nk'iki cy'imvura twararaga duhagaze kuko inzu yose yaravaga bitewe n'amabati yari yarashaje kandi yari igihande kimwe, ikindi gihande hariho ibirere n'amategura abifashe ngo umuyaga utabigurukana. Imvura yaragwaga ngaheka umwana ngahagarara kuko nta bundi buryo nari kubona nifata."

Abatujwe muri uwo Mudugudu bagaruka ku mutekano wabo mu masaha y'ijoro kuko batari barigeze bawugira mbere yo kuwutuzwamo. Uwera ati: "Nirengagije ibindi byose by'imibereho yanjye n'umuryango wanjye, ndashima ko ubu nsigaye ndyama ngasinzira ntikanga ikibi, nubwo cyashatse kubaho umuntu atagitangira, ariko ndumva kinabayeho kitaza kireba njyewe gusa nk'uko byahoze mbere. Buri wese watujwe hano afite uko yari abayeho, ariko igikomeye kandi kinejeje ubu dufite ni umutekano."

**Banifuza guherekezwa mu mibereho**

Abatujwe muri uyu Mudugudu bavuga ko ubu ikibazo bafite kibakomereye ari uko batuye kure y'amasambu yabo, bakaba bagorwa no kujya guhingayo. Ati: "Kujya guhinga biratugora kubera urugendo rurerure. Nta modoka ibaho iva i Sovu igera mu Muyogoro cyangwa i Mpare, bitewe nuko nta modoka ntoya zikora muri uyu muhanda wa Nyamagabe – Huye, ngo tubone icyapa cyo gufatiraho imodoka. Nubwo imodoka yatugeza muri Gare ya Huye, ntitwabona uko tugera ku isambu kuko ni ibutamoso."

Bitewe n'iki kibazo cy'urugendo rutuma batabasha kujya guhinga ndetse n'ibyo bahinze bakabyiba cyangwa bakabyangiza bitewe nuko bari kure, bifuza ko bafashwa kubona ubundi buryo bakora bakabona amafaranga yo kubatunga.

Uwera ati: "Twifuza ko badufasha kubona ubutaka hano i Sovu, kuko twaba tubonye aho guhinga hatwegereye, bakanadufasha kuba twakora ubworozi bw'amatungo magufi, tukabona icyo dukuraho imibereho."

Umuyobozi w'Akarere ka Huye wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Kamana Andre, yabwiye Imvaho Nshya ko abatujwe mu Mudugudu wa Sovu ari abatishoboye kurusha abandi, ariko atari bo gusa bari bakeneye icumbi. Ati: "Hari abataragiraga aho kuba, hari abatari bafite umutekano aho bari batuye, ariko twarebye ababaye kurusha abandi."

Ku kibijyanye n'icyifuzo cy'aba baturage cyo kuba babona ubutaka hafi y'aho batuye cyangwa gukora ubworozi bw'amatungo magufi, Kamana yavuze ko bishoboka igihe babigiramo ubushake, ariko atari Leta izabibafasha. Ati: "Bafite ubutaka aho bari batuye kandi kubera ko ari kure ntabwo babona uko babukoreraho ibikorwa by'ubuhinzi. Birashoboka ko bashaka abahaturiye bakajya bahahinga bakagabana umusaruro wabonetse. Bashobora kuhakodesha cyangwa bakahagurisha bakagura hafi y'aho batuye."

Kamana akomeza avuga ko kuba bifuza gukora ubworozi bw'amatungo magufi, ari igitekerezo cyiza bashobora kubiha umurongo bakabikora. Ati: "Kugira ngo babigereho, bazishyire hamwe babihe umurongo barebe icyo buri wese asabwa. Ariko birasaba ko baba bafite ubutaka bwo kubakaho ibiraro. Niba ntabwo, ubwo buri wese yakorora ukwe, ariko si Leta izabaha amatungo yo korora."

Gahunda yo gutuza abatishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Karere ka Huye ikubiyemo kububakira inzu zigezweho mu Midugudu y'icyitegererezo, kubashumbusha, no kubafasha kwiteza imbere binyuze mu bikorwa by'uburezi, ubuzima n'ubuhinzi. Ibi bikorwa bigamije kububakira ubushobozi no kubaha icyizere cy'ejo hazaza.



**Abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batujwe mu Mudugudu wa Sovu bashima Leta yububakiye inzu nziza zo kubamo**

# Muhanga: Uwarokotse Jenoside yaretse guheranwa n'agahinda yerekeza ku iterambere



**Mukarwubaka Gertrude ntiyaheranywe n'agahinda, yishatsemo ibisubizo, ubu ubuzima bwarahindutse**

**Eric Habimana**

***Mukarwubaka Gertrude, warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, utuye mu Karere ka Muhanga, mu Murenge wa Shyogwe, agaragaza inzira ndende yanyuzemo ariko bikarangira abonye icyizere cy'ubuzima.***

Avuga ko nyuma ya Jenoside ubuzima bwamugoye cyane, aho yaburaga aho aba ndetse no kubona ibimutunga bikaba ikibazo gikomeye, avuga ko yacumbikirwaga hirya no hino, abaho umutima we wuzuye agahinda n'ihungabana.

Ati: *"Icyo gihe icyari kimbabaje cyane ni ukubura aho ndambika umusaya, numvaga nta cyizere cy'ejo hazaza mfite."*

Mu mwaka wa 2000, ubuyobozi bwamushyize mu bagombaga guhabwa amacumbi, yubakirwa inzu n'Umuryango **AVEGA-AGAHOZO**, anahabwa inka yo kumufasha kwiteza imbere no kurwanya imirire mibi, nubwo byari intangiriro nziza korora iyo nka ntibyaje kumworohera kubera abajura bahoraga bashaka kuyimwiba.

Ibyo byatumye afata icyemezo gikomeye cyo kuyigurisha nyuma yuko abana yamufashaga kurihira bari barangije kwiga icyemezo yishimira kugeza n'uyu munsi.

Ati: *"Narayigurishije ariko yari imaze kumfasha kurihira abana amashuri, ubwo nari mfite ubwoba bwo kuyibura, byaje kumbyarira inyungu irambye."*

Nyuma yaho, amahirwe yongeye kumusekera ubwo yumvaga gahunda ya Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) yo gufasha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bafite imbaraga zo gukora, ibaha inkunga yo gutangiza imishinga.

Mukarwubaka avuga ko yahise ategura umushinga w´ubworozi bw'inkoko ahabwa inkunga y'amafaranga ibihumbi 500, agura inkoko 20 ku ibihumbi 75 andi yasigaranye yahise ayateganyiriza kuyaguramo ibiryo byazo ndetse n´imiti mu gihe cy´amezi 2, uku ngo ni ko yatangiye ubworozi bwe, inkoko 4 zarapfuye, 6 zidatera azigurisha 60, 000 Frwayaguramo izindi 20, aho kuri ubu afite inkoko 40 zirimo izitera amagi.

Ati: "Bampaye ibihumbi 500 Frw ntunganya inzu nabagamo, ayo nasigaranye ni yo nahise ntangiza wa mushinga wanjye wo korora inkoko, kandi ubu ni umushinga mbona ugenda neza nubwo nawutangiye nabi.

*Ubu navuga ko nahinduriwe amateka, mfite aho mba heza, noroye inkoko zitanga amagi kandi mfite intego yo kwagura ubworozi bwanjye."*

Uyu mubyeyi avuga ko abarokotse bagifite imbaraga bakwiye kwishakamo ibisubizo aho gutegereza gufashwa byose.



**Ubu yorora inkoko 40 zitera amagi**

Ati: *"Ntitwakabaye duteze amaboko gusa, hari abandi bakeneye ubufasha, natwe tugomba gukora tukiteza imbere."*

Sebudandi Benoit, uhagarariye abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Shyogwe, avuga ko imibereho yabo igenda irushaho kuba myiza bitewe n'ubufasha bahabwa ndetse ko bakomeza no kugirwa inama mu micungire y'imishinga yabo.

Ati: *"Hari impinduka igaragara, abafashijwe ntabwo duterera iyo ahubwo bakomeza gukurikiranwa no kugirwa inama kugira ngo imishinga yabo itange umusaruro."*

---

**HITIMANA Servand**

# Nyagatare: Abarokotse Jenoside bamaze umwaka bahawe icumbi byabahinduriye ubuzima

***Bamwe mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batagiraga amacumbi bubakiwe umwaka ushize bavuga ko uyu mwaka wabaye umwihariko kuri bo kuko bawusoje batandukanye no gukodesha. Abashima kuba barahawe amacumbi harimo abubakiwe mu Mudugudu wa Kinihira mu Kagari ka Barija, mu Murenge wa Nyagatare. Bavuga ko mu byo baruhutseho ari uguhora babazwa ubukode bw'inzu, ubuzima bari bamazemo igihe kandi bubakomereye cyane.***



**Barashima ko bamaze umwaka baruhuwe gutura mu nzu bakodesheje**

Rugaju Theogene agira ati: "Ntabwo nabona uko mvuga ukuntu uyu mwaka maze mba mu nzu yanjye wambereye mwiza, ndaryama ngasinzira ndetse cyane. Twari dufite ibibazo byinshi, ariko hakiyongeraho ikiremereye cyo kutagira icumbi bikatuzahaza cyane. Nkanjye nari maze imyaka 31 nari nyimaze nkodesha kandi ubushobozi ari ntabwo. Ibi byangiragaho ingaruka zo guhora nimuka nshakisha ahari utuzu twa make kandi tubi."

Akomeza agira ati: "Ariko umwaka ushize nagiye kubona mbona banzanye hano bati ngiyi inzu twakubakiye ngo uture utongera kwirukanka. Narishimye ariko ubu uyu munsi ni bwo numva kuba mu icumbi ntishyuzwa bintera umunezero. Ndabyuka nkajya gushakisha, naronka, ntaronka sinikanga mba mfite aho ndi butahe, navuga ko maze umwaka mpinduye ubuzima."

Mukakarisa Goreth yatujwe mu Mudugudu wa Kinihira akuwe aho yakodeshaga mu murenge wa Rwimiyaga. Ati: "Ntako bisa guhabwa icumbi rimeze ritya nkaba mpamaze umwaka ntawuje kunyaka ubukode, nari narazengerejwe no gukodesha ku buryo n'ubuyobozi bwari bubizi. Ubuyobozi bwaraje burambwira ngo hari ahantu twakubakiye baranzana mbona bampaye inzu." Yongeyeho ati: "Ni ishimwe rikomeye cyane. Mu bibazo twagiraga navuga ko twakuweho umutwaro uremereye wo kutagira aho tuba."

Mu bibazo abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batujwe mu Mudugudu wa Kinihira bavuga ko bagifite harimo ibijyanye no gufashwa kwivuza ndetse no kubona aho bahinga ibibatunga. Umwaka ushize ubwo iyi miryango yahabwaga inzu zo guturamo, ubuyobozi bwa Ibuka mu Karere ka Nyagatare bwagaragazaga ko abasaga 400 bagikeneye kubonerwa aho gutura cyangwa gusanirwa.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Murekatete Juliet, yavuze ko mu guhangana n'ikibazo cy'abataragerwaho n'amacumbi uyu mwaka hari undi mubare w'abubakiwe bazanashyikirizwa inzu muri iki gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Uko ubushobozi buboneka tugenda dushakira amacumbi abababaye kurusha abandi. Uyu mwaka na bwo dufite inzu ziri kubakwa ndetse ziri kugana ku musozo, tukaba turi gufatanya n'inzego bireba mu kureba abo dutuza muri izi nzu duhereye ku bafite ibibazo bikomeye kurusha abandi."

Mu mihigo y'Akarere ka Nyagatare y'uyu mwaka harimo kubakira imiryango 6 y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, igikorwa cyateganyirijwe ingengo y'imari ya miliyoni 116.

BAHUWIYONGERA Sylvestre

# “Agahinda ka Mama”, igitabo yanditse kuri nyina wahohotewe muri Jenoside

***Imyaka 32 irashize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ihagaritswe na FPR-Inkotanyi, nyuma yo gutwara abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa, ariko abayirokotse baracyagendana ibikomere bidashobora gusibangana bitewe n'ubugome bakorewe cyangwa biboneye mu bihe by'icuraburindi banyuzemo.***

Hagenimana Antoine w'imyaka 42, ni umwe mu babonye ibiteye ubwoba ku myaka 10 gusa, abihinduramo ubuhamya yashyize mu gitabo mu nkuru mpamo ivuga ku buzima bushaririye we na nyina baciyemo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Hagenimana yarokokeye mu yahoze ari Selire Gitwa, Segiteri Nkanka, Komini Kamembe, ubu ni mu Kagari ka Gitwa, Umurenge wa Nkanka, Akarere ka Rusizi.

Avuga ko urugendo rw'umubabaro yagendanye na nyina muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwamuteye kwandika igitabo yise “Le Chagrin de ma Mère (Agahinda ka Mama), agakangurira abarokotse kwandika amateka y'ibyababayeho n'uburyo biyubatse kugira ngo bikomeze kubera isomo ibisekuruza byinshi by'ahazaza.



**Hagenimana Antoine ni umwe mu babonye ibiteye ubwoba, abihinduramo ubuhamya yashyize mu gitabo mu nkuru mpamo ivuga ku buzima bushaririye we na nyina baciyemo**

Aganira n'Imvaho Nshya, yavuze ko Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye afite imyaka 10, aba kwa se wabo kuko yari yapfushije se afite imyaka itatu, nyina ajya gushaka undi mugabo na we apfa mu mwaka wa 1993 babyaranye abana babiri bituma agaruka iwabo. Ku wa 9 Mata 1994, Hagenimana yibuka ko aho yabaga kwa se wabo batewe n'Interahamwe, abagize umuryango we hafi ya bose barabica ariko we arokoka ku bw'igitangaza, akomeza kubaho yihisha mu bihuru.

Yakomeje agira ati: “Ku wa 13 Mata 1994 nageze kuri Paruwasi ya Nkanka numva ko ubwo ngeze mu nzu y'Imana ntagipfuye, hamwe n'abandi twari kumwe.”

Si ko byagenze kuko ku wa 18 Mata Interahamwe zabagezemo zibicira kubatsemba, zibacuje imyambaro yose nk'uko bigaragara mu Rwibutso rwa Nkanka, aho nta mwambaro n'umwe warusangamo, abarokotse na we arimo mu gitondo ku wa 19 Mata, umupolisi wa Komini Kamembe, abajyana ku Biro bya Komini.

Ati: “Aha nahahuriye na mama na we yahahungiye, hicirwa abagabo n'abana b'abahungu hafi ya bose. Narokowe n'agakanzu nyogokuru yanyambitse nihisha mu gikondorero cye,hafi ya bose bari basigaye b'umuryango wanjye barahatikirira. Mama twongeyeye kuburana kuko yahise ava aho kuri Komini ajya ahandi. Hashize nk'ibyumweru bibiri duhari, tujyanwa mu Nkambi ya Nyarushishi na bwo mu buzima bubi cyane.”

Akomeza avuga ko mu Nkambi ya Nyarushishi na bwo nyina yahamusanze ahamaze ibyumweru bigera kuri 3, ariko amubona atakiri uko yari amuzi kuko yari yarahohotewe bikomeye. Yagize ati: “Muri iyo nkambi ni ho mama yansanze mpamaze ibyumweru nka 3, yarahindutse kubera ibyo yanyuzemo by'ihohoterwa rikabije ririmo gukorerwa ibya mfura mbi. Iwabo hafi ya bose barashize, hasigaye murumuna we umwe, afite agahinda gakabije cyane atakivuga, mbese mbona atari mama umwe nari nzi mbere.”

Avuga ko ba bavandimwe be babiri na bo bari bariho, baranarokotse. Nubwo nyina atavugaga ngo abe yanamubwira amakuru y'ibyamubayeho, yaje kuyamenya ayabwiwe n'inshuti yabo yafashaga nyina mu matsinda ya AVEGA (Umuryango w'Abapfakazi ba Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994).

**Nyuma yo kurokorwa n'Inkotanyi yarize**

Inkotanyi zigeze i Nyarushishi, zatangiye gucyura abari bari muri iyi nkambi, Hagenimana na we yisanga mu matongo y'iwabo ku Nkanka hamwe na nyina wari warashegeshwe n'ibikomere bya Jenoside. Yahise atangira amashuri abanza, akomeza kwiga n'ayisumbuye, bimubera intandaro yo kwiyubaka no guharanira gusigasira amateka y'ibyamubayeho.

Ati: “Amashuri abanza nayize ku Ishuri Ribanza rya Nkanka aho imiryango yanjye yashiriye nkaharokokera, n'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye ncyigira kuri Koleji ya Nkanka mu 1999. Icya 2 niga muri GSFAK i Nyamasheke, nkomereza muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda.”

Avuga ko nubwo yahuye n'ubuzima bushaririye, yarenze ibyamubayeho ariyubaka anubaka abandi. Ati: “Nagerageje kwiga uko bishoboka kose mu rwego rwo kwiyubaka. Ubu mfite icyiciro cya Kabiri cya Kaminuza mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe, n' icya Kabiri cya Kaminuza mu buzima rusange. Ndi umunyeshuri uri kurangiza n'ubundi icyiciro cya Kabiri cya Kaminuza mu Mategeko. Mfite icyiciro cya Gatatu cya Kaminuza mu Buzima Rusange nkaba nanitegura kubona impamyabushobozi y'ikirenga (Doctorat).”

Akomeza avuga ko kuri ubu ashinzwe kwita ku buvuzi bw'indwara zo mu mutwe zikomoka ku ngaruka z'imikoreshereze y'inzoga n'ibiyobyabwenge mu Ishami ry'Ubuzima bwo mu mutwe mu Kigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC). Ati: “Nkomeje gukorera Igihugu cyanjye ntizigama.”

Hagenimana Antoine avuga ko kwandika igitabo yabitewe n'agahinda kenshi yabonanaga nyina waje kwitaba Imana muri 2008, akanakabona abagore benshi n'abakobwa bakorewe ibya mfura mbi muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: “Icyabinteye cya mbere ni uguha agaciro abagore n'abakobwa, nkaba ijwi ryabo kuko ibyo bakorewe muri Jenoside yakorewe Abatutsi birenze uruvugiro. Bamwe ntibashobora kubona imbaraga zibivuga, nkabibavugira. Icya kabiri ni ugufasha abantu kwibuka, n'ab'ibihe bizaza bakazagira uruhare mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, bakanahangana n'abapfobya bakanahakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.”

KOMEZA KU RUP.25

NDOLI Sitio

# Rusizi: Aho Interahamwe zaririye imibiri y'Abatutsi hagiye gushyirwa ikimenyetso

***Ubuyobozi bw'Akarere ka Rusizi bwatangaje ko ahazwi nko mu Gatandara mu Kagari ka Gahinga, Murenge wa Mururu, Akarere ka Rusizi, haririwe imibiri y'Abatutsi bicirwaga kuri bariyeri mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hagiye gushyirwa ikimenyetso kigaragaza ubukana bw'ubwicanyi n'agashinyaguro byahakorewe.***

Ahitwa mu Gatandara, hari bariyeri mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994; iyo bariyeri yatandukanyaga iyahoze ari Komine Kamembe na Komine Cyimbogo, yari ifite intego yo gutangira Abatutsi bageragezaga guhungira i Bukavu muri yahoze ari Zaire, ubu ni muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Murenge wa Mururu, Interahamwe zatwaraga Abatutsi zikabajyana mu Gatandara nyuma yo kubatemagura, zikabavanamo imyijima, imitima n'impyiko maze zikayotsa maze zikayirya.

Mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 mu mwaka ushize, Perezida wa Ibuka mu Murenge wa Mururu, Muhirwa Innocent yabwiye Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi ko abamubanjiriye kuri uyu mwanya birengangije icyifuzo cyo kubaka mu Gatandara ikimenyetso cy'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ati "Icyifuzo cyacu nk'abacitse ku icumu ni uko mu Gatandara hashyirwa ikimenyetso cy'amateka, kugira ngo amateka y'ibyahabereye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 atazasibangana".




**Mu Gatandara, hagiye gushyirwa ikimenyetso kigaragaza ubukana bw'ubwicanyi n'agashinyaguro byahakorewe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Mu kiganiro n'abanyamakuru, Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, Sindayiheba Phanuel yavuze ko nyuma yo kuganira n'inzego zitandukanye ndetse n'imiryango yarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bafashe umwanzuro wo kuhashyira ikimenyetso ku buryo amateka y'ibyahabereye atazibagirana.

Yagize ati: "Aho amateka mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi atugaragariza yuko nyuma yo kwica Abatutsi bababagaga bakobotsa, bakarya imibiri yabo. Ni amateka akomeye ku buryo hakwiye gushyirwa ikimenyetso cy'umwihariko. Nyuma yo kuganira n'inzego zitandukanye ndetse n'imiryango ihagarariye abarokotse Jenoside, Akarere kakoze igishushanyo-mbonera cyuko hariya mu Gatandara hazashyirwa ikimenyetso ndetse na Jardin (ubusitani) aho abantu bazajya bibukira, hagashyirwa n'amateka ya Gatandara."

Akomeza agira ati: "Igishushanyo-mbonera cyarakozwe, cyamaze kwemezwa n'inzego zibishinzwe. Harimo ubutaka ibice bibiri. Hari ubutaka bwa Leta ariko hari n'ubutaka burimo umuturage, bufite igice cyari icyokezo aho bokerezaga imibiri y'Abatutsi bari bamaze kwicwa icyo gihe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Meya Sindayiheba avuga kandi ko igice kimwe cy'ubu butaka ari icy'umuturage ubundi bukaba ubwa Leta bityo ko bari muri gahunda yo gushaka uburyo bwo kumwimura kuko muri iki gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 32 hari ibikorwa bizatangira gukorwa.

Ati: "Uriya muturage hariho gahunda yuko agomba kwimurwa akabonerwa icumbi hanyuma rero hariya hari kariya kazu kakaba amateka nk'ikimenyetso cy'amateka ya Jenoside noneho na buriya butaka bundi hagakorwa mu buryo butuma uhanyuze wese amenya neza ngo aha mu Gatandara hakorewe Jenoside y'umwihariko, y'indengakamere kuko nyuma yo kwica Abatutsi basubiraga inyuma bakababaga imibiri yabo bakayotsa, ni ikintu kitagaragaye henshi mu Rwanda.

Akomeza aagira ati: "Aya mateka turi kuyashyira hamwe ndetse turi kuyandika ku buryo muri iki gihe cy'iminsi 100 hari ibikorwa bizatangira gukorwa (kuzitira no gutangira imirimo)." Igikorwa cyo kotsa imibiri y'Abatutsi cyakozwe no mu bice byo mu Mayaga na Nyarubuye bikozwe n'interahamwe ndetse na bamwe mu Barundi bari barahungiye mu Rwanda.

# "Agahinda ka Mama", igitabo yanditse kuri nyina wahohotewe muri Jenoside

IBIKURIKIRA URUP.24

Avuga ko iki gitabo 'Le Chagrin de Ma Mere' cyasohotse mu mwaka wa 2023 mu Gifaransa, agishyira mu Cyongereza muri 2024. Mu kwezi k'Ukuboza umwaka ushize, yakimuritse ku mugaragaro mu mijyi itandukanye yo muri Canada, anakimurika muri Hiltop Hotel, ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali (Kigali Genocide Memorial) no muri Kaminuza zinyuranye.

Ashima nyina warenze ibyo yahuye na byo akabitaho we n'abavandimwe be babiri nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kimwe n'abandi babyeyi bose babikoze batyo. Akomeza avuga ko iki gitabo kiboneka ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ku Gisozi, muri Librerie Ikirezi no ku mbuga zicururizwaho ibitabo.

Yishimira uburyo gikunzwe kubera umubare munini w'abagisoma, cyane cyane amasomo bakuramo, akahahera anasaba urubyiruko kwandika kuri aya mateka. Ashimira cyane MINUBUMWE n'abandi bafatanyabikorwa bamufashije kugeza gisohotse, akavuga ko yanatangiye kwandika ibindi bitabo bivuga ku bumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

By'umwihariko ashimira Perezida wa Repubulika Paul Kagame wayoboye urugamba rwo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bituma nta Munyarwanda ukigenda yikanga uwamwica amuziza icyo ari cyo.

Asaba abarokotse gukomeza gutwaza, akanasaba abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'abagifite ingengabitekerezo yayo kureka gukomeza gutoneka abayirokotse. Asaba kandi urubyiruko guhaguruka bakarwanya ikibi cyose nk'uko byakozwe n'urwari muri FPR Inkotanyi rubohora Igihugu.

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, Sindayiheba Phanuel ashimira Hagenimana uruhare rukomeye yagize mu kugaragaza ubukana bwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ku Nkanka kuko igitabo yanditse cyabaye imbarutso y'ibindi byinshi bizandikwa mu gusigasira amateka y'ubukana bwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Rusizi.

# Amateka ya bamwe mu bahanzi nyarwanda bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

**MUTETERAZINA Shiffah**

***Muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hishwe Abatutsi b'inzirakarengane basaga miliyoni mu minsi 100 gusa, bicwa urw'agashinyaguro. Muri abo bishwe, harimo n'abahanzi. Muri iyi nkuru Imvaho Nshya yegeranyije amateka ya bamwe muri abo bahanzi. Ibihangano byabo ntibisaza; ndetse n'abavutse nyuma ya Jenoside barabikunda.***



**Sebanani Andre**

Sebanani André yavutse mu 1952, avukira mu cyahoze ari Komini Kigoma Perefegitura Gitarama, ubu akaba ari mu Karere ka Nyanza, Intara y'Amajyepfo. Yari umucuranzi n'umuririmbyi muri Orchestre Impala akaba yari azwi no mu ikinamico kuri Radio Rwanda aho yabarizwaga mu itorero Indamutsa.

Tariki 01 Nzeri 1979, yashyingiranywe na Mukamulisa Anne Marie babyarana abana bane ari bo, Sheja Eliane, wavutse mu 1981, Damarara Diane wavutse mu 1984; Shyengo Frida wavutse mu 1985 na Songa Aristide, ari we bucura, wavutse mu 1988.

Nk'uko bitangazwa n'inyandiko y'Inama y'Igihugu y'Itangazamakuru, Sebanani yaje gukora kuri Radiyo Rwanda muri gahunda za Discothèque-Phonotèque, urwenya, Ubuvanganzo bw'umwimerere nyarwanda, umukinnyi w'ikinamico mu itorero "Indamutsa" aho yakinnye mu zirimo Nzashira Ingurugunzu nkiri Ngagi, Icyanzu cy'Imana (Uwera), n'izindi.

Mu 1990, Sebanani yaje gufungwa mu bo Leta ya Habyarimana yitaga ibyitso by'Inkotanyi. Afunguwe ubuyozi bwa ORINFOR bwanze kumusubiza mu kazi ngo ntibakorana n'ibyitso. nyuma aza kwicwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Indirimbo zirimo Urabaruta, Karimi ka shyari, Zuba ryanjye, Urwo ngukunda ni cyimeza, Mama Munyana, Susuruka yaririmbanye n'umufasha we Anne Marie, Nkumbuye umwana twareranywe n'izindi zinyuranye, ni urwibutso rukomeye yasigiye Abanyarwanda.



**Rugamba Sipiriyani**

Izina Rugamba ni izina rikuru mu buhanzi nyarwanda. Rugamba Sipiriyani uzwi cyane mu ndirimbo nyinshi, ibitabo n'imivugo yari yarashinze itorero Amasimbi n'Amakombe. Yavukiye mu cyahoze ari Komini Karama, ubu ni mu Karere ka Nyamagabe, mu mwaka wa 1935. Yashakanye na Mukansanga Daphrose (wavutse mu 1944), bari barabyaranye abana 10.

Rugamba Sipiriyani n'umugore we Daphrose bicanywe n'abana babo 6, tariki ya 7 Mata 1994, ku ikubitiro rya Jenoside yakorewe Abatutsi, harokoka abana bane. Rugamba yakoze imirimo itandukanye muri Leta, ariko mu myaka ye ya nyuma yaje gukurwa mu kazi igihe kitageze, kubera ko atihanganiraga akarengane ako ari ko kose, akabyamagana abicishije mu nganzo ye. Ibyo bigaragarira mu ndirimbo zisaga 400 yagiye ahimba zirimo "Ntumpeho", "Inda nini", "Jya umenya gusaza utanduranyije cyane", "Agaca" n'izindi nyinshi.

Imwe mu nkuru zasohotse mu kinyamakuru 'Imvaho Nshya' muri Mata 2011, ivuga ko ubwo Rugamba yicwaga muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yari kumwe n'abandi baririmbyi be kimwe n'abagize umuryango we.

Ku wa 13 Werurwe 2024, ni bwo umuhungu we witwa Dorcy Rugamba yamuritse igitabo yise 'Hewa Rwanda' gikubiyemo inkuru y'uburyo abasirikare 20 bari bashinzwe kurinda umukuru w'Igihugu bigabye mu rugo rwabo ku wa 7 Mata 1994 i saa yine za mugitondo bakica ababyeyi be n'abavandimwe be.



**Bizimana Loti**

Bizimana Loti uzwi mu ndirimbo 'Nsigaye ndi umuzungu' na 'Nta munoza', na we yishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Uyu muririmbyi ubuhanzi bwe mu ndirimbo bwari bushingiye ku gushyenga ariko bugaha impanuro abantu. Mu buzima busanzwe ngo yari umuntu ukunda gushyenga. Yamenyekanye cyane mu bitaramo n'indirimbo nka Patoro, Nta munoza, Musanabera, Cyabitama n'iyitwa 'Uzaza ryari' bamushinje ko yavugaga gutaha kw'Inkotanyi mu Rwanda.

Bizimana ni mwene Samsoni Karera na Mukandebe Aloysie bo muri Nyantango ubu ni mu Murenge wa Murambi mu Karere ka Karongi, Intara y'Uburengerazuba aho yavutse mu 1949. Amashuri ye yose yayigiye i Gitwe ubu ni mu Karere ka Ruhango. Uyu muhanzi yicanywe nabe bose maze umuryango we urazima. Bizimana Loti yishwe afite imyaka 45.



**Karemera Rodrigue**

Ku rutonde rw'abahanzi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 harimo na Karemera Rodrigue nk'umwe mu bihangange by'umuziki mu baririmbaga ku giti cyabo. Nyakwigendera azwi mu ndirimbo 'Kwibuka', 'Ubarijoro' n'izindi. Yabonye izuba mu mwaka wa 1957, avukira anakurira mu Karere ka Rwamagana. Akaba yari umwana w'imfura mu muryango w'abana bane.

Mu rugendo rwe rw'amashuri, amashuri yisumbuye yayize mu iseminari nto ya Zaza iherereye mu Karere ka Ngoma. Mu mwaka wa 1973 ubwo imwe mu miryango y'Abatutsi yameneshwaga abandi bakicwa, Karemera Rodrigue n'umuryango we bahungiye i Burundi, nyuma ariko baza kugaruka batura mu mujyi wa Kigali i Gikondo.

Tariki 20 Gicurasi 1994 ni bwo umuhanzi Karemera Rodrigue hamwe n'umufasha we ndetse n'umwana we w'imfura witwa Karemera Valerie bishwe, nyuma yo kugabwaho igitero n'Interahamwe aho bari batuye i Gikondo Camp Zaire. Uwo muhanzi akaba yarishwe arashwe, gusa abana be babiri ari bo Bigabo Janvier na Iradukunda Valery Karemera, bashoboye gucika interahamwe bakaba bakiriho.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, umuryango wa Karemera Rodrigue wamenye amakuru yuko hari undi mwana yasize yibarutse ku wundi mugore, Uwo mwana witwa Karemera Patrick, kuri ubu akaba ariho akaba atuye i Rwamagana.



**Bizimungu Dieudonné n'umugore we Uwimbabazi Agnes**


Bizimungu Dieudonnée yavukiye ku Mukamira mu Karere ka Nyabihu mu 1959, akaba yarishwe hamwe n'umufasha we Uwimbabazi Agnes. Bizimungu Dieudonné yishwe afite imyaka 35 naho Uwimbabazi Agnes afite 34. Basize umwana umwe w'umukobwa witwa Akayezu Noëlla.

Aba bombi bazwi mu ndirimbo zitandukanye zirimo Ibango ry'ibanga, Urujeje rw'imisozi igihumbi, Ikirezi, Inzovu y'imirindi n'izindi nyinshi zigikundirwa umurindi n'ingoma zitanga umunezero ku bazitega amatwi.

Mu gusoza iyi nyandiko, nubwo Imvaho Nshya ibagejejeho amateka y'aba bahanzi, si ukuvuga ko ari bo bahanzi bonyine bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Hari n'abandi. Uretse n'abahanzi kandi hari n'amatsinda (Orchestres) menshi yasenyutse andi acika intege kubera gupfusha bamwe mu bari bayagize. Orchestres y'icyo gihe izwi kandi igikora ni iyitwa 'Impala gusa'.

Abakunzi b'umuziki nyarwanda, Imiryango, abavandimwe n'inshuti zabo bahora bavuga ko batazigera bibagirwa abo bahanzi kuko bavukijwe ubuzima bazira uko bavutse kandi ngo ibihangano byabo bizahora ari urwibutso uko ibinyejana bizahora bisimburanwa.

# Siporo nyarwanda mu byashegeshwe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994



Abakinnyi barenga 18 bakiniraga Espoir BBC bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

SHEMA Ivan

***Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yashegeshe ubuzima bwose bw'Igihugu kuko abicwaga (Abatutsi) bari mu byiciro byose by'imibereho n'imirimo. Bari muri Siporo zitandukanye yaba umupira w'amaguru, Volleyball, Basketball, gusiganwa ku magare, gusiganwa mu modoka n'iyindi. Siporo ntiyasigaye inyuma mu kugirwaho ingaruka na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kuko abakinnyi mu mikino itandukanye ndetse n'abakunzi bayo barishwe.***

Umukino wa Volleyball ni umwe mu mikino ifite amateka akomeye cyane mu Rwanda kuko watangiye kumenyekana cyane mu myaka yo mu 1980, bigizwemo uruhare n'amashuri yisumbuye ndetse na Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (UNR).

Icyo gihe ni bwo hashyizweho Ishyirahamwe ry'uyu mukino mu Rwanda (FRVB) ndetse ritangira no gutanga umusaruro mu makipe akomeye, byubaka na Shampiyona ihamye. Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ntiyoroheye uyu mukino kuko yawushegeshe, igatwara bamwe mu bakinnyi bakomeye kandi bari bakunzwe muri icyo gihe.

Abo barimo abakiniraga iyahoze ari UNR ari bo Kayiranga Eric, Iminamikore Benjamin, Murekezi Régis, Ntagugura Placide, Ntagwabira Basile, Kumuyange Egide, Kaonji Casius, Kayiranga Egide, Hategekimana Emmanuel, Gasinzigwa Michael, Rutayisire Théoneste, Niyongira Justin na Kagenza Alphonse.

Mu bakiniraga Urwunge rw'Amashuri rwa Butare ndetse n'andi mashuri harimo Gabiro Eugène, Ngonga Sebalinda Dominique, Butare Alfred 'Toto' na Rwagashayija Innocent.

Iyari Minisiteri yo gutwara ibintu n'abantu n'itumanaho (MINITRANSCO) icyo gihe na yo yari ifite ikipe ya Volleyball. Bamwe mu bakinnyi bayo bahitanywe na Jenoside harimo Marcelin Rugira, Vincent Gakwaya, Kayigamba André.

Si ibyo bigo gusa kuko n'Ikipe ya Petit Seminaire ya Butare, EWSA, Les Lionnes, Ouragan, Petit Seminaire Ndera, Ecole des Sciences de Byimana, Minijust, Urwunge rw'Amashuri rwa Shyogwe byose byatakaje abakinnyi.

**Umukino w'Amagare warashegeshwe bikomeye**

Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare ni rimwe mu yiyubatse bikomeye ariko ryarashegeshwe cyane mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse ryanatakaje uwari Umuyobozi Wungirije waryo witwaga Sakumi Anselme. Ni umwe mu bagabo bashyize itafari rikomeye ku mukino w'amagare kuko usibye kuba yari afite uruganda ruyakora, yari n'umuterankunga ukomeye w'amwe mu makipe yariho icyo gihe.

Andi maboko uyu mukino wabuze harimo Gasatu wari umutekinisiye w'amagare, abakinnyi ni Gahutu Théophile na Gasinzigwa Edouard bakiniraga Cine Elmay, hakaba Kayumba na Kayibanda bari abakinnyi na Rwamagana na Henriette wakiniraga Ruhengeri.

**Basketball yabuze abakinnyi n'abakunzi benshi**

Umukino wa Basketball ni umwe mu ikunzwe cyane mu Rwanda kandi ufite amateka akomeye. Abenshi batangiye kuwumenya cyane mu myaka ya 1980, ariko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yawusubije inyuma kuko yatwaye benshi mu banyamuryango bayo. Mu bakinnyi, abatoza, abafana n'abayobozi hose watakaje imbaraga zikomeye.

Urutonde rwose rw'abakinnyi, abayobozi n'abakunzi b'umukino wa Basketball bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ntabwo ruramenyekana neza, kugeza ubu haracyaboneka imibiri y'abandi bishwe icyo gihe, gusa Ishyirahamwe ry'Umukino wa Basketball mu Rwanda 'FERWABA' rikaba ryarageregeje kubona amazina ya bamwe.

Ikipe ya Espoir BBC ni imwe mu zagizweho ingaruka cyane kuko yabuze abakinnyi bagera kuri 18 harimo Ntarugera Emmanuel, Rugamba Gustave wari Umubitsi w'ikipe, Rutagengwa Mayina Aimable, Rubingisa Emmanuel, Kabeho Auguste, Munyaneza Olivier, Nyirinkwaya Damien, Mutijima Théogène, Twagiramungu Félix, n'abandi.

Si iyi kipe gusa kuko na Minisiteri y'Imirimo ya Leta

KOMEZA KU RUP.32




Umukino wa Handball ni umwe mu yagizweho ingaruka na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, by'umwihariko Ikipe ya Nyakabanda

Imvaho Nshya
Siporo



Nº. 5170 MATA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Siporo nyarwanda mu byashegeshwe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

IBIKURIKIRA URUP.31

yari ifite ikipe ya MINITRAPE BBC yagizweho ingaruka na Jenoside ikabura abakinnyi barimo Florence bitaga Kadubiri na Esperance. Andi makipe yasenyutse bikagorana kongera kwiyubaka harimo Inkuba BBC, Okapi BBC, Terror BBC na MINIJUST BBC.

**Ruhago (Football) na yo yarashengeshwe cyane**

Uko umupira washingaga imizi mu Rwanda, ni ko haje kuvuka amakipe menshi ashingiye ku bigo bya Leta n'ibyigenga, ashingiye ku duce abantu batuyemo ndetse utangira gukundwa na buri wese uhereye ku bana bakiri bato.

Mu 1959, benshi mu Batutsi barameneshejwe, baricwa, baratwikirwa, batakaza ibyo bari bafite ndetse baranahunga. Ibi byagize ingaruka ku makipe yari amaze kwiyubaka cyane kuko bamwe mu bakinnyi bayo bagiye ndetse asenyuka ubwo.

Kuva mu ntangiriro za 1980, amwe mu makipe yo mu Cyiciro cya Mbere yari ayobowe na bamwe mu bantu bari bakomeye mu Ishyaka rya MRND ryari ku butegetsi. Kanyabashi Joseph uvugwaho kuyobora Jenoside i Butare, yari mu buyobozi bwa Mukura VS, Ferdinand Nahimana ufatwa nk'umwe mu bo hejuru mu bateguye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yari uwo muri Etincelles FC y'i Gisenyi na Karera François uvugwaho kugira ruhare muri Jenoside i Kigali, ayobora Kiyovu Sports.

Uko imyaka yagiye ishira indi igataha, urwango rwabibwe mu Banyarwanda n'amacakubiri




Amakipe menshi yakinaga Volleyball yashegeshwe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

byariyongereye bimunga n'umupira w'amaguru wagombaga kuba waragize uruhare mu kubanisha Abanyarwanda.

Mu 1993, abakinnyi ba Rayon Sports baratutswe, imodoka yabo iterwa amabuye bayishinja ngo ni ikipe y'Abatutsi n'ibyitso bya FPR Inkotanyi. Icyo gihe, yari yakinnye na Etincelles. Abakinnyi benshi ba Kiyovu Sports bamwe barishwe abandi basigwa iheruheru na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Kuva muri Nzeri 1994, amakipe mashya yaravutse. Ikipe ya Gisirikare ya APR FC yashingiwe ku Mulindi ihabwa imbaraga, benshi bati "Ese iyi twayigereranya na Panthères Noires cyangwa Garde National?" Biragoye kubitandukanya kuko yose yari amakipe akomeye kandi y'igisirikare, gusa ntaho bihuriye kuko politiki zazo zitandukanye kandi APR FC yavutse ari iy'igisirikare cya RPA, izindi zikaba iza Ex-FAR.

Mu gihe u Rwanda rwiyubakaga nyuma ya Jenoside, umupira w'amaguru uri muri siporo zagize uruhare mu bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

**Handball yabuze abarenga 20 bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Ntabwo wavuga imikino yagizweho ingaruka na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ngo wibagirwe umukino wa Handball, cyane ko ari umukino wari ukunzwe ndetse utangiye no kugira iterambere.

Ishyirahamwe rya Handball mu Rwanda (FERWAHAND) ryakoze urutonde rw'abari abakinnyi n'abatoza baribarizwagamo bagera kuri 23 aho byagaragaye ko Groupe Scolaire de Zaza na Nyakabanda Handball Club zagizweho ingaruka zikomeye.

Uretse iyi mikino ya VolleyBall, BasketBall, Football, Amagare na Handball, hari n'indi mikino itandukanye na yo yazahajwe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Nubwo Siporo y'u Rwanda yagizweho ingaruka zikomeye na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu myaka 32 ishize u Rwanda ruri kubaka urwego rwa siporo ruyiganisha ku iterambere ryo kuba igicumbi cya siporo mu Karere na Afurika muri rusange.




ROYAL EXPRESS

Kwibuka
remember - unite - renew
32

#KWIBUKA32

WWW.KWIBUKA.RW

CIMERWA